



Dads and Kids Together in God's Word..

---



[practiceministries.org](http://practiceministries.org)

# **IMFASHANYIGISHO Y'INYIGISHO ZA BIBILIYA ZATEGUWE N'UMURYANGO PRACTICE MINISTRIES**

## **AMATEGEKO ICUMI 1**

Ibikubiyemo

Igice cya 1 Inshamake z'amasono ya Bibiliya  
Kwitoza bituma uba intyoza: Uko wayobora inyigisho za Bibiliya  
neza.

Igice cya 2 Inyigisho za Bibiliya

Imfashanyigisho za Bibiliya zateguwe n'umuryango Practice Ministries  
©1997, 2002, 2015 zateguwe na Practice Ministries

**Imirongo ya Bibiliya irimo twayikuye muri BIBILIYA YERA 1993**

PRACTICE MINISTRIES

e-mail address: [practiceministries@gmail.com](mailto:practiceministries@gmail.com)  
web-site address: [www.practiceministries.org](http://www.practiceministries.org)

# INSHAMAKE Z'AMASOMO YA BIBILIYA

## AMATEGEKO ICUMI I.

### Isomo # 1: Twizera Imana.

Iri ni rimwe mu masomo atatu afasha abana kumva impamvu Imana yahaye Mose Amategeko Icumi n'icyo aricyo Amategeko Icumi. Inkuru ya Bibiliya y'uyu munsi iribanda ku Isezerano Imana yahaye Aburamu (Aburahamu), ryo kumugira ishyanga rikomeye.

**Gusesengura Bibiliya** bibafasha kumva icyo Imana yadusezeranyije, cy'ubuzima bw'iteka binyuze muri Yesu Kristo.

### Isomo # 2. Mose n'ibitangaza.

Iri ni isomo rya kabiri muri atatu rifasha abana kumva impamvu Imana yahaye Mose amategeko icumi n'umumaro w'ayo mategeko icumi. Inkuru ya Bibiliya iribanda ku muhamagaro wa Mose wo kuyobora Abayisirayeli bava muri Egiputa.

**Gusesengura Bibiliya** bibafasha kumva icyo aricyo ukwizera n'ubwishingizi bwo mu isezerano ry'Imana ry'ubuzima bw'iteka binyuze muri Yesu Kristo.

### Isomo # 3. Urugendo rurerure.

Iri ni isomo rya gatatu muri atatu rifasha abana kumva impamvu Imana yahaye Mose Amategeko Icumi n'umumaro w'ayo mategeko icumi. Inkuru ya Bibiliya iribanda ku kuyobora Abayisirayeli bavuye muri Egiputa kandi banashyikirizwa Amategeko icumi.

**Gusesengura Bibiliya** birabashishikariza kwimenyereza gukunda Imana n'abandi.

### Isomo # 4. Gusenga cyangwa Kudasenga.

Itegeko rya mbere riravuga riti "**Ntukagire izindi mana mu maso yanje**" (**Kuva 20:3**). Inkuru ya Bibiliya n'iyerekerye na Daniyeli mu rwobo rw'intare, ikanagaragaza akamaro ko kumvira Imana.

**Gusesengura Bibiliya** bifasha abana kwimenyereza kumvira

### Isomo # 5. Kubaha So na nyoko

Itegeko rya gatatu riravuga riti "**Wubahe so na nyoko...**" (**Kuva 20:12**). Inkuru ya Bibiliya y'uyu munsi n'iyerekerekeye umwana wubashye se. Yesu mu gashyamba k'i Getsemani. Isomo ry'uyu munsi riravuga ku mpamvu y'abana mu kubaha ba se cyangwa ba nyina, ariko na none n'inshingano z'umuPapa zo kwigisha abana be Ijambo ry'Imana. **Gusesengura Bibiliya** bifasha abana gusubiramo impamvu zo kubaha no kumvira ba nyina na ba se.

### Isomo # 6. Umuturanyi mwiza

Itegeko rya gatatu rivuga riti "**Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka, Imana yawe**" (**Kuva 20:7**). Isomo ry'uyu munsi ni Umugani w'Umusamariya mwiza, kandi ririgisha abana akamaro ko kuba umuhagararizi w'Imana.

**Gusesengura Bibiliya** bibashishikariza kuba abantu beza.

### Isomo # 7. Ikiruhuko ( Igice cya 1).

Itegeko rya kane riti "**Wibuke kweza umunsi w'Isabato**" (**Kuva 20:8**). Nk'ikimenyetso cy'urukundo rwabo ku Mana, Abayisirayeli bari bategetswe gukurikiza amategeko y'Imana kubijyanye n'umurimo n'igihe cyo kuruhuka. Dushobora kwerekana urukundo dukunda Imana binyuze mu myitwarire yacu kubijyanye n'umurimo n'ikiruhuko. Isomo ry'uyu munsi riribanda ku myitwarire yakagombye kugirwa kubijyanye n'umurimo n'ibikorwa.

**Gusesengura Bibiliya** bishishikariza abana kugira imyitwarire myiza ku bijyanye n'umurimo wabo.

### Isomo # 8. Ikiruhuko (Igice cya 2).

Itegeko rya kane riti "**Wibuke kweza umunsi w'Isabato**" (**Kuva 20:8**). Nk'ikimenyetso cy'urukundo rwabo ku Mana, Abayisirayeli bari bategetswe gukurikiza amategeko y'Imana kubijyanye n'umurimo n'igihe cyo kuruhuka.

Dushobora kwerekana urukundo dukunda Imana binyuze mu myitwarire yacu kubijyanye n'umurimo n'ikiruhuko. Isomo ry'uju munsi riribanda ku kiruhuko.

**Gusesengura Bibiliya** bishishikariza abana kwimenyereza kugira umunsi w'ikiruhuko.

Isomo # 9. Kongeranya!

Itegeko rya cumi rivuga riti: "**Ntukifuze ibya mugenzi wawe**" (**Kuva 20:17**) Iki ni igice cya I mu masomo atatu ajyanye no kwifusa nabi. Tuzavuga ku bijyanye n'uko tugomba kugira imytwarire myiza mubyo dutunze.

**Gusesengura Bibiliya** birashishikariza abana kwimenyereza gutanga.

Isomo # 10. Banza wimenye

Itegeko rya cumi rivuga riti: "**Ntukifuze ibya mugenzi wawe**" (**Kuva 20:17**) Iki ni igice cya II mu masomo atatu ajyanye no kwifusa nabi. Tuzavuga ku bijyanye n'uko tugomba kwitwararika ku byifuzo birenze ibyo twemerewe.

**Gusesengura Bibiliya** bishishikariza abana gufata ibyemezo bizima.

Isomo # 11. Ibyatsibihora ari icyatsi

Itegeko rya cumi rivuga riti: "**Ntukifuze ibya mugenzi wawe**" (**Kuva 20:17**) Iki ni igice cya III mu masomo atatu ajyanye no kwifusa nabi. Tuzavuga ku bijyanye no kunyurwa n'ibyo dufite.

**Gusesengura Bibiliya** bizashishikariza abana kwishimira imigisha yabo.

Isomo # 12. Bikemurane umucyo

Itegeko rya munani riti "**Ntukibe**" (**Kuva 20:15**). Hari inzira eshatu umuntu ashobora kwibiramo: kwibaabandi, kwiba Imana, no kwiyiba twebwe ubwacu. Uyu munsi mu gice cya 1 cy'uru rutonde rw'amasomo ane turavuga ku bijyanye n'impamvu Imana ivuga "Ngo wubahe iby'abandi".

**Gusesengura Bibiliya** birashishikariza abana kwita ku by'abandi no kubaha abandi.

Isomo # 13. Ni byiza!

Itegeko rya munani riti "**Ntukibe**" (**Kuva 20:15**). Hari inzira eshatu umuntu ashobora kwibiramo: kwiba abandi, kwiba Imana, no kwiyiba twebwe ubwacu. Uyu munsi mu gice cya 2 cy'uru rutonde rw'amasomo ane turavuga ku bijyanye no kwita kubyo Imana yaduhaye.

**Gusesengura Bibiliya** birashishikariza abana kwita ku bintu no gukora neza mu byo baragijwe.

Isomo # 14: Ibuka Umwami Imana Yawe

Itegeko rya munani riti "**Ntukibe**" (**Kuva 20:15**). Hari inzira eshatu umuntu ashobora kwibiramo: kwiba abandi, kwiba Imana, no kwiyiba ubwacu. Uyu munsi mu gice cya 3 cy'uru rutonde rw'amasomo ane turavuga uko tugomba kubaha Imana no kuyiha ikuzo ryayo.

**Gusesengura Bibiliya** birashishikariza abana gufata inshingano no kwibuka guha Imana agaciro ku bw'ubushobozi yabahaye.

Isomo # 15: Gutanga bihesha umugisha kuruta guhabwa

Itegeko rya munani riti "**Ntukibe**" (**Kuva 20:15**). Hari inzira eshatu umuntu ashobora kwibiramo: kwiba abandi, kwiba Imana, no kwiyiba ubwacu. Uyu munsi mu gice cya 4 cy'uru rutonde rw'amasomo ane turavuga ku bijyanye no gutanga igihe cyacu, ubushobozi bwacu n'amafaranga yacu.

**Gusesengura Bibiliya** birashishikariza abana bato gutangana ubugwaneza igihe cyabo, impano n'amafaranga.

Isomo # 16: Imana yanje ni ngari kuruta iyawe

Itegeko rya mbere riti, "Ntukagire izindi mana mu maso yanje" (Kuva 20:3). Abayisirayeli bari batangiye kuramya indi "mana". Umuhanuzi Eliya arabasanga arababwira ati: " Muzageza he guhera mu rungabangabo? Niba muzi ko Uwiteka ari we Mana nimumukurikire, kandi niba ari Baali abe ari we mukurikira." (1Abami 18:21). Noneho Eliya abashyiriraho umuhigo agira ngo yereke Abayisirayeli ko Imana ya Isirayeli ariyo yonyine Mana. Uyu munsi turavuga ku kamaro ko kumarana umwanya n'Imana.

**Gusesengura Bibiliya** birashishikariza abana bato gufata Imana nk'umuntu w'ingenzi mu buzima bwabo, no kwibuka amategeko Yayo.

Isomo # 17: Ibiziririjwe

"...Ariko njye n'inzu yanje tuzakorera Uwiteka" (Yosuwa 24:15). Yosuwa yaburiraga Abayusirayeli kutibagirwa Imana, yabakuye mu bubata bwo mu Misili, ngo batangire gusenga ibigirwamana byo mu bihugu byari bikikije ubutaka bari batuyeho. Mu isomo ry'uyu munsi, turavuga ku itegeko rya kabiri: " **Ntukiremere igishushanyo kibajwe.**" (Kuva 20:4) n'impamvu ari iby'ingenzi kuramya Umuremyi, atari icyaremwe.

**Gusesengura Bibiliya** birashishikariza abana bato gushyira ukwizera kwabo mu Mana yonyine.

Isomo # 18: Bimeze neza mu Itanura ry'umuriro.

Itegeko rya kabiri riravuga riti: " **Ntukiremere igishushanyo kibajwe...Ntukabyikubite imbere cyangwa se ngo ubiramye...**" (Kuva 20:4-5). Isomo ry'uyu munsi ni irirebana n'abasore batatu, Shadaraki, Meshaki na Abedenego, batashoboraga gupfukamira cyangwa kuramya indi mana - banashobora kubura ubuzima bwabo! Turavuga ku kamaro ko kuba indahemuka ku Mana.

**Gusesengura Bibiliya** birashishikariza abana bato kuramya gusa Imana, kandi Imana yonyine.

Isomo # 19: Cyiza nka Zahabu

Itegeko rya gatanu riravuga riti: " **Wubahe so na nyoko...**" (Kuva 20: 12). Kubaha Uwiteka niryo shingiro ry'ubwenge. Isomo ry'uyu munsi riribanda ku kamaro k'ababyeyi n'abana babo mu kumarana igihe bari hamwe.

**Gusesengura Bibiliya** birashishikariza abana bato kubaha Imana n'ababyeyi babo.

Isomo # 20: Ikaze mu rugo (Igice 1)

Itegeko rya gatanu riravuga riti: " **Wubahe so na nyoko...**" ( Kuva 20: 12). Isomo ry'uyu munsi ni inkuru y'umwana w'ikirara, kandi riratwigisha agaciro n'inshingano mu kubaha ba data na mama.

**Gusesengura Bibiliya** birashishikariza abana kwita ku nshingano.

Isomo # 21: Ikaze mu rugo (Igice 2)

Itegeko rya gatanu riravuga riti: " **Wubahe so na nyoko...**" (Kuva 20: 12). Isomo ry'uyu munsi rirakomezanya n'inkuru y'umwana w'ikirara. Turabona aho umuPapa aha urugero umwana we rumwigisha isomo ry'ingirakamaro kubijyanye n'inshingano.

**Gusesengura Bibiliya** birashishikariza abana bato kugira aho bashingira mu nshingano zabo.

Isomo # 22: Ibiti n'amabuye

Itegeko rya gatandatu riti: "**Ntukice**"(Kuva 20:13). Isomo ry'uyu munsi riravuga uko intekerezo n'imyitwarire byacu bitujyana mu bikorwa, n'uko amagambo yacu ashobora gukomeretsa cyangwa se guserereza abandi.

**Gusesengura Bibiliya** birashishikariza abana bato kwimenyereza kuba abashishikazi.

Isomo # 23: Ni byiza Ku kumva.

Itegeko rya gatandatu riti: "**Ntukice**" (Kuva 20:13), Mu isomo ry'uyu munsi riravuga ku byerekeye uko twashishikaza abandi mu magambo yacu, mu masengesho yacu, no mu bikorwa byacu.

**Gusesengura Bibiliya** birafasha abana bato kwimenyereza kuba abashishikazi.

Isomo # 24: Mu izina harimo iki?

Itegeko rya gatatu riti: " **Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka Imana yawe**" ( **Kuva 20:7**). Isomo ry'umunsi riribanda ku kwerekana Yesu Kristo nk'Umu ambasaderi wayo.

**Gusesengura Bibiliya** bifasha abana kwimenyereza kuba aba ambasaderi ba Kristo.

Isomo # 25: Ubunyakuri nicyo cyemezo cy'inyamibwa.

Itegeko rya cyenda riti: " **Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe**" (**Kuva 20:16**). Mu isomo ry'uyu munsi, turavuga impamvu Imana ikunda ukuri n'impamvu ubunyakuri aricyo cyemezo cy'inyamibwa.

**Gusesengura Bibiliya** bifasha abana bato kwimenyereza kubaho mu kuri.

Isomo # 26: Uburyo cumi bwo kubaho neza rwose.

Uyu munsi turanyura mu mategeko yose icumi, tunarebera hamwe impamvu Imana yayaduhaye.

**Gusesengura Bibiliya** bifasha abana bato kwimenyereza kubaho bisunze Amategeko Icumu.

Isomo ridasanzwe ku Ituro ry'ishimwe

"**Nimushime Uwiteka mwambaze izina rye, Mwamamaze imirimo yakoze mu mahanga. Mumurimbire ,mumurimbire ishimweMuvuge imirimo itangaje yakoze yose**" (**Zaburi 105:1-2**). Uyu munsi tugiye kubara imigisha yacu.- noneho tugire icyo tuyikoresha- gutanga!

**Gusesengura Bibiliya** bifasha abana ku gira imitekerereze mishya mu byerekeranye no gutanga.

Isomo ridasanzwe ku munsi mukuru w'Ivuka rya Yesu (Noheli)

"**Kandi dore uzasama inda, uzabyara umuhungu uzamwite Yesu**" (**Luka 1:31**). Uyu munsi tugiye kuvuga ku nkuru y'Ivuka rya Yesu, ariko n'intangiriyo itandukanye gato, noneho turangirize kubyo dusanzwe tumenyereye kumva.

**Gusesengura Bibiliya** bifasha abana bato kwibuka ubusobanuro nyakuri bw'umunsi mukuru wa Noheli.

Isomo ridasanzwe ku munsi mukuru w'Izuka rya Yesu (Pasika).

"**Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho**" (**Yohana 3:16**). Iri somo ni ibisobanuro by'ibyabaye kuri Yesu - Umwana w'Imana w'ikinege- mu munsi yegerezaga gufatwa kwe no guhita abambirwa kugukiza wowe nanjye.

**Gusesengura Bibiliya** bifasha abana bato kumva igisobanuro cy'igitambo cya Yesu.

Isomo ku isengesho ridasanzwe

"**Maze abantu banje bitiriwe izina ryanje nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanje bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nanje nzumva ndi mu ijuru mbababarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu**" (**2 Ingoma 7:14**) aho kugira ngo uyu munsi twige, tugiye kuba hari icyo turi gukora. Tugiye kumara umwanya dusenga Imana yaturemye ikadushyiraho kandi ikadukomeza kubw'abantu b'igihugu cyacu.

**Gusesengura Bibiliya** biratumira abana kwandika isengesho kubw'abaturage b'igihugu cyacu.

Igihe cy'inkuru.

**Icyo nzi ni kimwe, ni uko nari impumyi none nkaba ndeba!** (**Yohana 9:25**). Igitekerezo cyo "gutanga ubuhamya bwawe"- uko Yesu Kristo yinjiye mu buzima bwawe, gishobora kutagushimisha. Birashoboka ko ufite ubwoba bw'uko byakunanira cyangwa se utaramenya ibyo uraza kuvuga. Ariko niba Yesu Kristo ari mu buzima bwawe, ufite icyo kuvuga, kandi wige kuvuga inkuru yawe birashoboka ko aribwo buryo bwiza bwo kuvuga inkuru nziza ya Yesu Kristo yafasha ubuzima bw'undi muntu.

**Uku guhishuriwa Bibiliya kwihariye kuraguha** ibitekerezo, ingeri, n'imirongo migari biribugufashe guhuza ubuhamya bwawe.

### Kwitoza bituma uba intyoza!

Mu myaka icyenda (9) ishize twabashije gutegura inyigisho za Bibiliya amagana n'amagana. Iyo tubihuje bene aka kageni tubasha kukugezaho inyigisho ziteguwe neza zifasha umuryango wawe kugira ibihe byiza mu nyigisho za Bibiliya.

Dore ingero z'ibishobora gutuma inyigisho zanyu za Bibiliya zigenda neza:

- Tumira Yesu ngo yitabire inyigisho zanyu za Bibiliya. Usabe imbaraga ze no kwigaragaza gukore muri buri muntu uraba ateranye.
- Niba ari icyigisho cya mu gitondo, shaka amandazi cyangwa imigati (imigati ni urufunguzo) n'umutobe mu ntoke. Niba ari icyigisho cya nimugoroba shaka utuntu two kurya tworoheje two guha abana na ba se mbere y'uko icyigisho gitangira.
- Iyo igihe cyo gutangira kigeze muhita mutangira kugira ngo mutaza kubangamira abafite izindi gahunda.
- Dusanga ko icyigisho cyawe kigenda neza igihe abana bato bicaranye na ba se.
- Mubanze mwibwirane kubera ko haba harimo abataziranye.
- Mutangirane inyigisho za Bibiliya n'isengesho. Baza niba hari abana cyangwa se ba se barasenga- ariko ntubahatirize, kuko hari abo byabangamira cyangwa bikabahungabanya- no mu ba papa byabaho. Igitekerezo ni uko urasenga batangira cyangwa basoza, ku bana na ba se, babimenyeshwa mbere kugira ngo baze kubyitegura.
- Uko itsinda rigenda rimenyerana, dusanga abasenga bagomba kugenda bahinduranya icyumweru ku cyumweru bikaba ari uburyo bwiza bwo gukoresha abana na ba se.
- Tanga inshamake y'isomo ry'umunsi.
- Yobora ikiganiro ku cyigisho unakivugeho gato. Shishikariza abana bawe kugira uruhare mu kiganiro. Dusanga abaPapa batagira icyo bavuga kuko ari icyigisho cy'abana. "Ariko inyunganizi yabo n'ingirakamaro".
- Tanga isomo ugendeye ku muvuduko uberanye n'itsinda. Niba utarangije - Nta kibazo.
- Rangiriza icyigisho ku gihe cyateganyijwe. Iminota makumyabiri y'icyigisho ni myinshi. Wakagombye kuba uyirangirijeho, munsi yayo nabyo ni byiza.
- Shishikariza abaPapa n'abana babo gukora imikoro ijjyanie no **Gusesengura Bibiliya** ya buri cyumweru. Kandi ugene umwanya mu cyigisho aho buri mwana atanga igisubizo.
- Shishikariza abana gushyira mu bikorwa ubwiza cyangwa imiyitwarire y'ibyigisho byatambutse mu cyumweru. Batere akanyabugabo mu gusangiza itsinda mu isomo rikurikiraho ibijyanye n'ibyo bashoboye gukora bijyanye no gushyira mu bikorwa ibyo bize mu gihe cyashize.
- Aha ni inzira nziza yo kurangizamo buri somo: kora ku buryo buri muPapa ajya hamwe n'umwana we (cyangwa se undi bazanye mu gihe ababyeyi babo bataje) ubasabe gusengana. Twasanze iyi ari inzira nziza umuPapa n'umwana biga gusengerana. Ushobora kubasaba kukubwira icyo bifuza gusengera uwo munsi.

Gerageza ibi tumaze kuvuga hejuru mu bihe bya mbere, ariko nubona ari ngombwa, ushobora kugira ibyo uhindura cyangwa winjiza kugira ngo bijyane n'ibyo itsinda ryawe rikeneye.

### **Urugero rw' ingengamasaha y'icyigisho cya Bibiliya.**

7:10 - 7:20 a.m	Ubusabane hafatwa amandazi/imigati n'umutobe.
7:20 - 7:40 a.m	Isomo rya Bibiliya
7:40 - 7:60 a.m	<b>Gusubiramo Gusesengira Bibiliya</b>
7: 50 - 7:55 a.m	Isengesho hagati ya buri muPapa n'umwana we.
7:55 -	Shyira mu bikorwa ibyo wize.

## AMASOMO YA BIBILIYA

### Amategeko icumi 1.

<u>Isomo</u>	<u>Umurongo y'isomo</u>	<u>Urupapuro</u>	
1) Twizera Imana	Itangiriro 12:1-2	11	
2) Mose n'ibitangaza	Kuva 3:15	13	
3) Urugendo rurerure	Matayo 22:37-39	15	
4) Gusenga cyangwa kudasenga	Daniyeli 6:10	18	
5) Yesu i Getsemani	Luka 22:42	21	
6) Umuturanyi mwiza	Luka 10:27(b)	23	
7) Ikeruhuko (igice 1)	Itangiriro 1:31-2:3	25	
8) Ikeruhuko (igice 2)	Gutegeka kwa kabiri 5:12	27	28
9) Kongeranya!	Matayo 6:20	30	
10) Banza wimenye	Matayo 6:33	33	
11) Ibyatsibihora ari icyatsi	Abafilipi 4:11	37	
12) Bikemurane umucyo	Abaroma 13:8-10		40
13) Ni byiza!	Matayo 25:14-30	43	
14) Ibuka Umwami Imana yawe	Gutegeka kwa kabiri 8:17-18	46	
15) Gutanga bihesha umugisha kuruta guhabwa	Mariko 12:41-44	49	
16) Imana yanjiye ni ngari kuruta iyawe	1 Abami 18:21	52	
17) Ibibujijwe	Yosuwa 24: 14-15	56	
18) Bimeze neza mu itanura ry'umuriro	Daniyeli 3:17-18		59
19) Cyiza nka Zahabu	Imigani 3:13-15	62	
20) Ikaze mu rugo ( igice 1)	Luka 15: 11-31	65	
21) Ikaze mu rugo ( igice 2)	1 Abakorinto 13:4-7	68	
22) Ibiti n'amabuye	Abefeso 4:29	71	
23) Ni byiza kukumva	Abefeso 4:29	73	
24) Mu izina harimo iki	2 Abakorinto 5:20	76	
25) Ubunyakuri nicyo cyemezo cy'inyamibwa	Abaroma 13:10	79	
26) Uburyo cumi bwo kubaho neza rwose	Yohana 13:13-15	79	82

### Amasomo adasanzwe

Ituro ry'ishimwe  
 Ivuka rya Yesu (Noheli)  
 Izuka rya Yesu (Pasika)  
 Isengesho  
 Igihe cy'inkuru

### Imirongo y'isomo

Zaburi 105:1-2  
 Luka 1:31  
 Yohana 3:16  
 2 Ingoma 7:14  
 Yohana 9:25

### Urupapuro

84  
 86  
 89  
 93  
 96

## ISOMO # 1: TWIZERA IMANA

Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

" **Uwiteka ategeka Aburamu ati : "Va mu gihugu cyanyu, usige umuryango wanyu n'inzu ya so, ujye\_mu gihugu nzakwereka.** (Itangiriro 12:1-2)

Indangagaciro

Izere

Ikibazo cyo kuganiraho

**Dufate ko umugoroba umwe muri kumeza mwiteguye gufata ifunguro ry'umugoroba, ubwiwe iyi nkuru: " Turagiye! Turasiga inzu yacu, n'abaturanyi, tujye mu yindi Leta!" Waba warigeze kwimuka? Wumvise umeze ute kubwo kugenda? Ni gute wakumva umeze kubwo kugenda?**

Laura Ingalls Wilder yavukiye i Wisconsin mu mwaka wa 1867. Mu 1868 Pa na Ma ( nk'uko Laura yagombaga guhamagara ababyeyi be) yafashe umwana Laura na mushiki we Mariya bava i Big Woods bajya i Missouri.

Umuryango ntiwatinze i Missouri. Pa ajyana umuryango we mu bibaya bya Kansas. Umuryano wa Ingalls wategetswe kugenda mu itumba rya 1870. nyuma y'ivuka ry'umwana wabo wa gatatu, nuko Papa ajyana umuryango we mu nzu yabo ishaje muri Big Woods. Mu mwaka w'1874, abo kwa Ingalls berekeza iburengerezuba guceruza, akarima kabo kari iruhande rwa Walnut Grove , Minnesota. Umuryango wabaye hanze mu bihangari kugeza igihe Papa wabo yashoboye kubakira inzu nshya yo mu mbaho.

Mu Ugushyingo kwa 1875, umwana w'umuhungu yavukiye mu muryango wa Ingalls, Karoli Frediric. Icyi rikurikiyeho, umuryango werekeje mu gikuyu ahagana Iburasirazuba bwa Minnesota, aho Papa yafashaga mubijanye n'isarura. Ariko aho, umwana Freddy ararwara apfa mu kwezi kwa Kanama 1875. Mu mubabaro wo kubura umuhungu wabo, umuryango wimukira i urr Oak, Iowa, bagaruka i Walnut Grove mu 1877, nyuma yaho bajya mu majyephya ya Dakota mu 1879.

Ni muri ibi bigeragezo , cyane cyane ibyo muri " Big Woods" muri Minnesota byatumye Laura yandika igitabo yise, Akazu gato mu kibaya. ( Little House on the Prairie.

Tugendeye kubigenda bihita hirya no hino, nibura umuryango wa Ingalls wari uzi aho ugiye. Inkuru yacu ya Bibiliya y'uyu munsi ni iy'umugabo witwa Aburahamu wafashe urugendo atazi aho yerekeza nta n'icyo afite mu bubiko. Ariko Imana ikaba yo yari ibizi.

### Twizera Imana.

(Icyanditswe: Ibyakozwe n'intumwa 7:2-16).

Imyaka ibihumbi ishize, mu gihugu ubu cyitwa Iraki na Irani, Imana yabonekeye umugabo witwaga Aburamu (izina rye ryaje guhinduka nyuma yitwa Aburahamu) iramubwira iti " Haguruka ugende usige igihugu cyawe, abantu bawe n'inzu ya so ujye mu gihugu nzakwereka kandi nzakugira ishyanga rigari." Uwo munsi Imana yahaye isezerano Aburahamu Imubwira ko Izaba Imana y'urubyaro rwe kandi nabo bakazaba ubwoko bwayo.

**Ikibazo: Waba uzi impamu isezerano Imana yahaye Aburamu ry'abana n'ababakomokaho ryari indashyikirwa? N'ubwo Aburamu yari afite imyaka 99, Imana yamuhaye isezerano ko azagira abana n'ababakomokaho benshi!**

Bibiliya iti "Aburamu amaze imyaka mirongo urwenda n'icyenda avutse, Uwiteka aramubonekera aramubwira ati " Ni ijye Mana ishoborabyose, ujye ugendra imbere yanje kandi utungane rwose. Nanje ndasezerana isezerano ryanje nawe, nzakugwiza cyane." (Itangiriro 17:1-2)

Noneho Aburahamu n'umuryango we baragenda, nk'uko Imana yari yababwiye nyuma imyaka myinshi aba se wa Isaka, Isaka abyara Yakobo, na Yakobo (ubo izina nyuma ryaje guhindurwa kuba Isirayeli) abyara abana 12 (na mushiki wabo umwe Dina). Umwe mu bahungu ba Yakobo yari Yosefu, bene se bose bamugirira ishyari

bamugurisha nk'umucakara ajyanwa mu Misili. Ariko Imana yari ifitiye umugambi Yosefu, imushoboza kuba umwizerwa kwa Farawo, umwami wa Egiputa/Misiri. Nuko Farawo agira umuyobozi Yosefu wo kuyobora muri Egiputa.

Nuko nyuma y'aho amapfa atera muri Egiputa, n'uko ubutaka bw'aho Yakobo n'abahungu be bari batuye burumagana babura ibyo kurya. Ariko Imana yari yaraburiye Yesefu mu ndoto ko hagiye kuzaba amapfa ko agomba kuba invaryenge. Yosefu yahunitse ibirenze mbere y'uko amapfa atera kandi bibikwa kugeza igihe byari bikenewe.

Igihe Yakobo yumvaga ko mu gihugu cya Egiputa hari imbuto, yohereje ubwa mbere abahungu be kujya gusura kugira ngo barebe niba bashobora kuzakora imigati. Bene se wa Yosefu ntibigeze bamumenya, ariko Yosefu we yarabamenye. Ku nshuro ya kabiri bagarutse, Yosefu abwira benese uwo ariwe kandi abwira byose Farawo kubyerekeye umuryango we. Nyuma y'ibi Yosefu wavuye muri isirayeli, we n'abahungu be n'abo mu miryango yabo - bose hamwe bageraga kuri 75- bajya mu Egiputa. Igihe cyari gisohoye ngo isezerano Imana yagiranye na Aburahamu rishyike.

Inkuru ya Aburahamu ni isomo rijyanye no kwizera mu Mana no gukomeza isezerano ryayo.

**Ikibazo: Ni irihe sezerano Imana yagiranye na Aburamu? Bibiliya iravuga iti"**

Aramusohokana aramubwira ati " Rarama urebe ijuru, ubare inyenyeri niba wabasha kuzibara. " Ati "urubyaro rwave ni ko ruzangana" ( Itangiriro 15:5)

**Ikibazo: Ni iki Aburamu yagombaga gukora kugira ngo ashyikire iry sezerano?** [Aburamu yagomba kwizera ibyo Imana yamubwiye]

Bibiliya iti " **Nuko yizera Uwiteka...**" (Itangiriro 15:6). Aburahamu yari afte ukwemera gukomeye ku Mana ku buryo byatumye yizera isezerano Imana yamuhaye.



Inkuru Nziza/ Ivanjiri - byanditswe na Bill Zukoski - Dallas, TX

Imana yagiranye isezerano na Aburamu, na Aburamu yizeza Imana kurigumana. Imana nawe mwagiranye isezerano nawe ugomba kurigumana.

Imana yagusezeranje ko niba wizera mu mutima wawe ko Yesu ari umwana w'Imana kandi ukizera ko Yesu yapfuye akazuka mu bapfuye , noneho azakubabarira intekerezo zawe zose zipfuye n'imyitwarire byombi byo mu bihe byashize n'iby'ubu kandi uzabana nawe mu ijuru ubuzira herezo. ( Abaroma 10:9)

Imana yakoze byose ukeneye kugira ngo muzabane ubuzira herezo. Icyo usabwa gusa ni ukwizera Imana no kuguma mu isezerano ryayo.



## ISOMO # 2: MOSE N'IBITANGAZA

### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro wo mu cyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe.

### Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

**"Ndi Imana ya Aburahamu, Imana ya Isaka n'Imana ya Yakobo. Iri niryo zina ryanje ibihe byose, (Kuva 3:15)**

### Indangagaciro

Ukwizera.

### Ikibazo cyo kuganiraho

**Waba warigeze gusabwa gukora ikintu kinini - kinini cyane? Wumvise umeze gute bwa mbere utekereje uko uragikora?**

Hari inkuru y'umugabo witwa Bruce Wilkinson. Yarimo atanga imbwirwaruhame ku banyeshuri bo muri kaminuza, noneho abasaba kujya hanze bagakora ikintu kinini - ariko kinini nyine ashaka kuvuga kuri Yesu Kristo. Hashize icyumweru Bruce abona ibaruwa y'abanyeshuri babiri bo kuri rya shuri yari yatanzemo ikiganiro. Abo bahungu babiri bari baraseneye ko babona amahirwe yo kuvugana na guverineri wa Kariforoniya ku bijyanye na Yesu kandi baniyemeza guhita babikora - Birumvikana muri icyo cyumweru Mr. Wilkinson yavugiyemo! Binjira mu modoka yabo, bakora urugendo rw'ibirometero 400 kugira ngo bagere mu murwa mukuru, baba bageze ku marembo yo kwa guverineri. Dore ibyabaye: mu nzira, baganiriye n'abakozi 2 bakora kuri sitasiyo ya gazi, abashinzwe umutekano 4, umunyamabanga wa guverineri, na guverineri ku bijyanye na Yesu Kristo! Ariko hari ikindi. Abo banyeshuri babiri bakoze itsinda ry'abanyeshuri n'abarimu 126, bakodesha indege, bajya kugwa ku kirwa cya Trinidad aho bagiye gukora ishuri rya Bibiriya ryo mu biruhuko, ryigwamo n'ibihumbi by'abaturage bo kuri icyo kirwa!

Ndahamya ko muri aba banyeshuri ntawatekerezaga ko bashobora kugira ikintu gihambaye bakorera Imana. Birumvikana gutekereza gukora ikintu gihambaye byashoboraga kubatera ubwoba cyane. Ariko mu gihe twihaye Imana ubwacu, Ishobora kudukoresha gukora ibihambaye - bigari ku bwayo.

Inkuru yacu ya Bibiliya uyu munsi ni iy'umugabo Imana yari ifitiye umugambi mugari. Ariko nk'abo banyeshuri bo muri koreji, nta gitekerezo yari afite ko yabishobora. Ariko nk'uko turi buze kubibona uyu munsi, Imana yafashije Mose gukora bigari- ariko nyine bihambaye!

### Mose n'ibitangaza

( Icyanditswe: Ibyakozwe n'intumwa 7:17-36 n'indi mirongo inyuranye yo mu gitabo cyo Kuva )

Hashize imyaka igera kuri 400 uhoreye aho Isirayeli (Yakobo) n'umuryango we bavaga muri Egiputa/Misiri n'umubare w'abaysirayeli ugenda waguka. Noneho undi mwami , utari ufite icyo azi ku bijyanye na Yosefu, aza kwima ingoma muri Egiputa. Farawo yari afite icyo avuze ku Bayisirayeli noneho abakoresha imirimo y'uburetwa bukomeye. Anagera n'ubwo Abaysirayeli ategeka ko impinja zabo zivutse zijugunyuwa mu ruzi rwa Nil kugira ngo zipfe.

Muri icyo gihe Mose, umuyisirayeli niho yavutse, ariko akaba atari umwana usanzwe. Nyina wa Mose na se bamuhisha Abegiputa kugira ngo aticwa. Mu gihe ababyeyi be batashoboraga kumuhibsha igithe kirekire, bamushyize mu gatete mu mugezi, aho umukobwa wa Farawo yamusanz. Umukobwa wa Farawo yaramufashe aramujyana, amufata nk'umwana we bwite noneho Mose yiga mu mashuri y'indatwa mu gihugu cya Egiputa.

Umunsi umwe igithe Mose yari amaze kuba umugabo, yiyemeza gusura abayisirayeli bagenzi be. Abona Umuyisirayeli arimo aho hoterwa n'umunya Egiputa, yica umunya Egiputa. Hakaba hari bamwe mu babibonye noneho Mose agira ubwoba ko ashobora no kwicwa arahunga ajya mu kindi gihugu kwibera yo.

Hashize imyaka 40, umumarayika abonekera Mose mu gihuru cyaka umuriro mu butayu buri hafi y'umusozi wa Sinai.

**Ikibazo: Uribuka ibijyanye n'igihuru kidasanzwe cyagurumanaga?** Bibiliya iti, " **Mose yabonye ko n'ubwo igihuru cyaguramanaga ariko ntigikongoke.**" (Kuva 3:2).

Mu gihe Mose yegeraga cya gihuru ngo yitegerezze, yumva ijwi ry'Imana rimwibwira riti: "**Ndi Imana ya So Aburahamu, Isaka, na Yakobo**" Noneho Imana imubwira ko ifite icyo Ishaka ko akora. Imana iramubwira iti " Nabonye imibabaro y'ubwoko bwanjye muri Egiputa kandi nzanywe no kubabatura. Ubu, Ndakohereje kwa Farawo kugira ngo ukure ubwoko bwanjye muri Egiputa.."

**Ikibazo: Uribuka uko Mose yumvise ameze bwa mbere Imana imubwira icyo agomba gukora?** [ ubwa mbere yaravuze ati oya]. Yasabye Imana kohereza undi ( Kuva 4:13). Ariko nyine Mose yaje kwemera gukora uwo murimo Imana yari yamutoranyirije.

Noneho Mose aza gusubira muri Egiputa, we n'umuvandimwe we Aroni bajya imbere ya Farawo baramubwira bat, " Iki nicyo Uwiteka, Imana ya Isirayeli avuze: " Reka ubwoko bwanjye bugende." Ariko Farawo ntiyaretse ko bagenda. Noneho Imana ikora ibitangaza byatangaje abanya Egiputa.

**Ikibazo: Uribuka ibyago Imana yateje abanya Egiputa?** [Yahinduye amazi y'uruzi rwa Nil kuba amaraso, yateje ibikeri, inzige n'amzasazi. Yateje indwara mu matungo no mu banya Egiputa. Yohereje umuriro. Yohereje inzige zariye ibyatsi byose n'amababi yose, n'imbuto ku biti. Yohereje umwijima ukwira ighugu cya Egiputa mu gihe kingana n'iminsi 3 ku buryo ntawagiraga icyo abona].

Mose na Aroni bakoze ibi byose mu maso ya Farawo ariko Farawo ntiyareka Abayisirayeli ngo bagende. Noneho Uwiteka abwira Mose, " Nzasuka ikindi cyago kuri Mose na Egiputa. Nyuma yaho azabareka mugende. Ahagana mu gicuku kinishye nzaca muri Egiputa nice buri mwana w'imfura w'abanya Egiputa - yaba uw'abantu cyangwa uw'inyamaswa/amitungo - nzaba nkoze ubutabera ku bigirwamana byose byo muri Egiputa.

**Ikibazo: Ni kuki utekereza ko Imana yahisemo ibyo byago yasutse kuba nya Egiputa?** [Abanya Egiputa batekereje ko hari ibigirwamana byinshi. Basengaga imigezi n'izuba n'inyamaswa z'ubwoko bwose. Ubundi, buri cyago cyashyikaga cyabaga cyohereje kunesha ibigirwamana byo Abanya Egiputa baramyaga]. Imana yetetse abanya Egiputa ko ibigirwamana baramyaga ko bitari imana, ko ariyo Mana yonyine y' ukuri.

Mose yoherejwe n'Imana kugira ngo abe umukiza kandi abavana muri Egiputa hakozwe ... n'ibimenyetse by'ibitangaza. Imana yarimo ishyitsa isezerano yagiranye na Aburahamu, ryo kugeza abisirayeli ku butaka Yabasezeranyije kubaha.

Nka Aburahamu, Mose yagize ukwizera ko Imana yagombaga gushyitsa isezerano, kandi Imana yarabyerekanye ikora ibitangaza bidasanzwe.

**Ikibazo: Ni gute wakwizera Imana kugira ngo ishyitse icyo yagusezeranyije?** [Kubera ko Bibiliya ari ukuri, ushobora kwizera ibyo Imana ivuga].

Isomo ryacu rikurikira ryitwa: Urugendo rurerure! Mose yayoboye ubwoko bw'Abisirayeli abuvana muri Egiputa anahabwa amategeko icumi y'Imana.

### ISOMO # 3. URUGENDO RURERURE.!

#### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro wo mu cyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

#### Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

"**Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose n'ubwenge bwawe bwose. Iryo niryo tegeko rikomeye ry'imbere. N'iryu kabiri rihwanye naryo ngiri "Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda."**" (Matayo 22:37-39)

#### Indangagaciro

#### Kwizera

#### Ikibazo cyo kuganiraho

Iyaba wari ugiye mu rugendo ngando n'abo mu muryango wawe n'inshuti, kandi akaba ari wowe ubishinzwe, ni ayahe mategeko /amabwiriza washyiraho kugira ngo buri wese ayagendereho kandi ntahungabane? Ni gute wamenya ko amategeko/ amabwiriza yawe ari meza cyangwa mabi?

Inkuru ya Bibiliya y'umunsi yerekerye n'urugendo-ngando abaysirayeli na Mose bakoze igihe bavaga muri Egiputa. Ni muri uru rugendo-ngando Mose yaherewemo Amategeko Icumii.

#### Urugendo rurerure

(Icyanditswe: Kuva 20:3-17 n'imironko itandukanye yo mu Kuva)

Mose yari yoherejwe n'Imana kugira ngo acungure abayisirayeli kandi ngo avane, anayobore imiryango yose y'abayisirayeli hakozwe ibimenyetso by'ibitangaza muri Egiputa no ku nyanja itukura. Aho hari abagera kuri miliyon 2 mu Kuva (bisobanurwa "gusohoka" cyangwa se "kugenda") nuko Mose arabafata bagenda urugendo rurerure mu butayu.

**Ikibazo: Ni ukubera iki utekereza ko abaysirayeli bagombaga kwizera Mose ngo abayobore mu butayu?** [Imana yafashaga Mose kuyobora ubwoko bwayo]

**Ikibazo: Uribuka ibiteye ubwoba Imana yakoze ibinyujije kuri Mose bikorerwa abanya Egiputa? Ni gute Mose n'abayisirayeli bavuye muri Egiputa, Imana igabanyamo kabiri inyanja itukura kugira ngo bashobore gucika abasirikare b'abanya Egiputa bari babakurikiye? Ni iyihе mpamvu Imana yakoze ibyo byose?** [Imana yarimo ifasha abaysirayeli kwizera Mose no kubayobora].

Amezi atatu ashize bavuye muri Egiputa, Mose n'abisirayeli bageze mu butayu baca ingando imbere y'umusizi munini witwa Umusizi wa Sinai. Imana ihamagarira Mose muri uwo musozi n'uko iramubwira iti, " Ndashaka kuguha amabwiriza ugomba gushyira ubwoko, " nuko Imana iha Mose Amategeko Icumii:

**Icyitonderwa: Itsinda risomere rimwe amategeko, noneho nyuma habeho gusoma buri tegeko ubaze itsinda icyo buri tegeko risobanura. (Amategeko Icumii aboneka mu gitabo cyo Kuva 20:3-17).**

#### 1. Ntukagire izindi mana mu maso yanje.

Kuramya Imana yonyine. Imana ishaka kuba nimo ya mbere mu buzima bwawe.

#### 2. Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n'ishusho yose iri hejuru mu ijuru, cyangwa hasi ku butaka, cyangwa mu mazi yo heppo y'ubutaka. Ntukabyikubite imbere, ntukabikorere.

Kuramya Imana yonyine mu nzira yatubwiye.

#### 3. Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka Imana yawe.

Ubaha izina ry'Imana mu byo ukora cyangwa uvuga.

#### 4. Wibuke kweza umunsi w'lsabato. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukorereamo imirimo yawe yose. Ariko uwa karindwi ni wo sabato y'Uwiteka Imana yawe. ..kuko iminsi itandatu ariyo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose, akaruhukira ku wa karindwi.

Fata umunsi w'ikiruhuko nk'impano iturutse ku Mana kandi uyikoresho nk'inshingano.

#### 5. Wubahe so na nyoko .

Umva kandi wubahe ababyeyi bawe.

#### 6. Ntukice.

Ubaha ubuzima bw'abandi.

#### 7. Ntugasambane

Ubahisha Imana umubiri wawe; rinda ibitekerezo byawe, amagambo yawe n'ibikorwa byawe.

#### 8. Ntukibe

Ubaha imitungo y'abandi.

#### 9. Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe.( ntukabeshye).

Imana iragushakaho gukunda ukuri no kuba umunyakuri.

#### 10. Ntukifuze iby'abandi.

Nyurwa n'ibyo ufite.

**Ikibazo: Ni iyihe mpamvu Imana yahaye Mose n'abayisirayeli Amatego Icum? [Imana yahaye Mose Amategeko Icum kugira ngo yigishe Isirayeli uko bakunda Imana na bagenzi babo].**

**Ikibazo: Ni gute tugomba gukunda Imana? [Dushobora gukunda Imana twerekana ko ariyo nyambere mu buzima bwacu]. Tubyererekana dukora icyo Imana ivuga.**

N'ubwo Amategeko Icum yahawwe Mose mu gihe cya kera cyane, aracyafite agaciro kayo kuri twe tukaba tugomba kuyakurikiza no muri ibi bihe.

Mu masomo yose akurikira, tuzigira hamwe buri tegeko. Tuzarebera hamwe ubusobanuro bwayo n'uko umuntu agomba kubaho akurikiza amategeko y'Imana bimufasha kubaho mu buzima bwiza bushoboka.

Inkuu Nziza/ Ivanjiri - byanditswe na Mark Kopidlansky - Dallas, TX



#### Ikibazo: Uratekereza ko uri umuntu mwiza?

Amategeko icumi Imana yahaye Abayisirayeli nicyo twita Itegeko. Mbere y'uko Yesu aza, abisirayeli bari barasabwe n'Imana kubaho munsi y'itegeko.

Ibihe byinshi twumva abantu bavuga ko batekereza ko abantu bose bajya mu ijuru, kandi ko ari abantu beza, ubwo nibyo bariho kubwo kujya mu ijuru. Ariko mu jisho ry'Imana, kuba "umuntu mwiza" ugomba gukurikiza neza Itegeko mu buzima bwawe bwose. Nta na rimwe ugomba guteshukwa! Bamwe mu banyamateka bavuga ko mu mateka y'isi, abagera kuri miliyon 100 babayeho. Muri abo bose, umuntu umwe gusa niwe washoboye kubaho ubuzima butagira inenge agendeye ku Itegeko - Yesu.

**Ikibazo: Niba tudashobora kuba abaziranenge, nigute dushobora kujya mu ijuru?** Buri wese muri twe , ashobora guhitamo kuba umuntu wa kabiri mu mateka wabayeho ari umuziranenge. Niba dushobora kuba abaziranenge nka Yesu, noneho dushobora kwijyana mu ijuru. Ariko niba udashobora kubaho uri umuziranenge, niba udashobora kumara igice cy'umuni udacumuriye Imana, niba wemera ko buri munsi ukora ibyaha - guhemukira inshuti, kugira uwo urakarira, gusuzugura ababyeyi cyangwa se abarimu - noneho umenye ko udatunganye rwose kandi ukeneye ubufasha.

Abisirayeli bari bagotewe muri Egiputa kandi bari bakeneye ubufasha, Nuko Imana yohereza Mose ngo abakure mu buretwa kandi abageze ku butaka bushya bwitwa ubutaka bw'isezerano. Ntabwo dutandukanye n'Abisirayeli. Twese turi abanyabyaha dutuye ku mugabane waguye, kandi Imana yohereje Yesu ngo adukuru mu cyaha kugira ngo umunsi umwe tuzabe mu gihugu cy'isezerano (Ijuru). Nk'Abisirayeli bagomba kwizera Imana na Mose, uwo Imana yohereje kugira ngo abafashe, dukeneye kwizera Imana n'uwo yatwoherereje, Umwana wayo Yesu. Ubwo rero biradusaba gukurikira Yesu kuko ariwe wenyine muziranenge wabayeho, bisobanuye ko ariwe wenyine tugomba kwizera ushobora kutuyobora atwerekeza iwacu nyaho hamwe n'Imana mu ijuru.

Niba witeguye kwizera Yesu uyu munsi kugira ngo aducishe kure y'icyaha, urabishobora! Bisaba isengesho ryoroshye umubwira - nk'iri: Yesu - ndemera ko nacumuye kandi ko ndashaka kongera kubaho muri ubwo buzima,

ahubwo nshaka kubaho ubuzima wowe ushaka. Ndakwinginze mfasha kubigeraho. Ndashaka kugukurikira undinde urupfu ahubwo nerekeze mu buzima bushya. Ndashaka ko uba umuyobozi wanje kandi umfashe kugukurikira iteka ryose. Amina!



#### Isomo # 4: GUSENGA CYANGWA KUDASENGA

Ntukagire izindi mana mu maso yanje.  
(Kuramya Imana yonyine)

##### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru cyashize n'umurongo wo gufata mu mutwe.

##### Umurongo w'isomo ry'uju munsi.

**"Daniyeli amaze kumenya ko itegeko ryatangajwe, ajya iwe mu cyumba cye cyo hejuru aho amadirishya yari akinguye yerekeje i Yerusalem. Inshuro eshatu ku munsi yarapfukamaga agasenga, agashimira Imana kubyo yabakoreye" ( Daniyeli 6:10)**

##### Indangagaciro

Ubutwari mu kwizera / Kwiyemeza

##### Ikibazo cyo kuganiraho

**Ni gihe ki washikamye kubyo wari uzi ko ari ukuri n'ubwo utabyumvikanagaho n'abandi?**

##### Iriburiro

Corrie Ten Boom yavukiye mu Buhorandi mu mpera z'umwaka wa 1890 avukira mu muryango wa Gikristo. Ubu kuba waravukiye mu mu muryango wa Gikristo ntibivuze ko uhita uba umukristo, ariko Corrie yakundaga Yesu. Ukwizera kw'umuryango we kwageragejwe n'intambara igihe Abadage bateraga Ubuhorandi mu 1940.

Abadage bashwiragije Abayahudi. Babanyaze imitungo yabo n'imiryango y'Abayahudi iratatana aho abagabo baburanye n'abagore babo, n'abana babo bigera n'aho abana babo bajyanywe gukora mu ngando no mu bigo byafungirwagamo abantu. Mubihugu by'uburayi bwose Abayahudi barenga miliyoni eshanu barishwe, ibi abanshi mubariho ubu ngubu bakaba babyibuka.

Umuryango wa Corrie ukuba warahishe Abayahudi barimo bicwa mu nzu yabo (bafatwa nabi) mu gihe cy'intambara ya kabiri y'isi. Umuryango we waratotejwe, ariko kubw'ubugwaneza bwabo, ku myaka 59 hamwe n'umuryango we, Corrie yashyizwe mu kigo cy'iycarubozo. Ise na mushiki we bakaba bariciwe muri ibyo bigo.

Kuwa 28 Ukuboza 1944, nyuma y'amezi icumi ari mu kigo cy'iycarubozo cy'Abadage, Corrie Ten Boom yararekuwe. Corrie akaba yari yarahigie Imana ko naramuka yemerewe kubaho, ko azabwira benshi bashoboka ibijyanye n'urukundo n'imbabazi bya Yesu uko abishoboye. Nuko Imana imuha isezerano: ko azagera ku bantu benshi cyane kuruta uko we yabyibwiraga atangaza inkuru nziza/ Ivanjiri. Imyaka 30 yakurikiyeho ikurikiye irekurwa rye, yatembereye mu bihugu birenga 60, abwira abantu iby'urukundo rw'Imana n'ubudahemuka bwayo abihereye kubunraribonye bwe bwo mu gihe yari muri gereza. Mu bitabo 9 yanditse, ikizwi cyane ni " The Hiding place" (Ubwihihiso), aho avuga ugufungwa kwe n'igihe yamaze muri gereza.

Rimwe na rimwe, biragora guhagarara ku kuri. Inkuru ya Bibiliya y'uju munsi ni iyerekeranye n'umugabo witwa Daniyeli, Umugabo w'Umuyahudi wari utuye mu gihugu cyitwa Perse ( ubu akaba ari Irani cyangwa se Iraki). Muri iyi nkuru, Daniyeli yagize icyemezo gikaze cyo gufata.

Gusenga cyangwa kudasenga  
( Umwandiko: Daniyeli 6:1-23)

**" Bishimisha Dariyo gushyiraho abatware 120 ngo bayobore intara zo mu bwami bwe, mu batware batatu, umwe yari Daniyeli. Ibi bikaba byarakozwe kugira ngo bajye bashyikirazwa iby' umwami kugira ngo umwami adapfirwa. Nuko Daniyeli atandukana n'abandi batware mu mikorere, kuko yari afite imyitwarire myiza yatumye umwami atekereza kumuha kuyobora mu bwami bwe bwose. Aha abatware n'abakuru b'intebé bashakishije ibyo barega Daniyeli mu bijyanye n'ubuyobozi bwe ariko ntibabona icyo bamurega.**

**Ikibazo:** Ni iki utekereza cyatumye abandi bayobozi bashakisha ikibi barega Daniyeli? [Ni ukubera ko bari bamufitiye ishyari].

**Ntibashoboraga** kubona arya ruswa, kuko yari umwizerwa kandi nawe ntiyashoboraga gutanga ruswa cyangwa se kugira uwo yirengagiza. Ku ndunduro aba bagabo baravuga bati, ' Ntituzabona impamvu yo kurega uyu mugabo Daniyeli keretse iyo mu magambo y'amategeko y'lmana ye."

**Ikibazo:** Ni ibihe bintu bibiri Daniyeli yari afite byatumye aba mwiza mu kazi ke? [Daniyeli yari umunyakuri n' umwitonzii].

" Nuko abatware bakomeye n'ab'intebe bagenda nk'itsinda bajya kureba umwami baramubwira bati: " Mwami Dariyo, nyaguhoraho, Abatware bakomeye bo muri ubu bwami n'ab'intebe n'ibisonga byabo, n'abajyanama n'abanyamategeko bose bigiriye inama yo gushyiraho itegeko ry'umwami n'iteka rikomeye ngo mu minsi mirongo itatu, umuntu wese uzagira icyo asaba imana yose cyangwa umuntu wese atari wowe asabye nyagasani, azajugunywe mu rwobo rw'intare. Nuko none nyagasani, hamya iryo tegeko ushyireho ukuboko ku rwandiko rwaryo, kuigira ngo rye kuzakuka nk'uko amategeko y'Abamedi n'Abaperesi atavuguruzwa. Nuko Umwami Dariyo ashyiraho ukuboko ku rwandiko rw'iro tegeko . Maze Daniyeli yumvise ko urwandiko rwashyizweho ukuboko ajya iwe aho amadirishya yari afunguwe yerekeye i Yerusalem. Akomeza kujya apfukama gatatu mu mu munsi asenga Imana ye, akayishimira nk'uko yari asanzwe agenza. Noneho aba bagabo bagenda nk'itsinda basanga Daniyeli arimo asenga ayinginga. Bajya ku mwami bamubwira kubijyanye n'iteka rye. " Ntiwatangaje ko mu minsi mirongo itatu nta muntu ugomba kugira indi mana asenga atari wowe, mwami ko uwo azajugunywa mu rwobo rw'intare?

**Ikibazo:** Ni akahe kamenyero ka Daniyeli ka buri munsi? [Yasengaga Imana].

**Ikibazo:** Waba utekereza ko Daniyeli yakomeje gusenga , n'ubwo byashoboraga kumushyira mu kaga? [Yiyemeje gukomeza gusenga Imana imwe yonyine, nibyo byari iby'igiciro kuri Danieli gushimisha Imana kurusha undi muntu uwo ariwe wese].

Umwami arasubiza ati: "Narabitegetse koko , nkurikije amategeko y'Abamedi n'Abaperesi atavuguruzwa. " Baramusubiza bati: " Ariko Daniyeli we wo mu banyagano b'Abayuda ntakwitayeho nyagasani, cyangwa iteka washyizeho ukuboko, ahubwo ajya asenga gatatu mu munsi." Umwami yumvise iryo jambo arabarakarira cyane, ashyira umwete cyane kuri Danieyeli kugira ngo amukize, burinda bwira. Ba bagabo bongera gutteranira ibwami, babwira umwami bati: "Nyagasani , umenye ko ari itegeko ry'Abamedi n'Abaperesi, ngo nta tegeko cyangwa iteka ryahamijwe n'umwami rivuguruzwa." Nuko umwami arategeka, bajya kuzana Daniyeli bamujugunya mu rwobo rw'intare. Ariko umwami yari yabwiye Daniyeli ati: " Ariko Imana yawe ukorera iteka iragukiza!"

**Ikibazo:** Ni gute umwami yamenye ko Daniyeli akorera Imana iteka? [Uko Daniyeli yabagaho - kubw'ibikorwa bye no kwiyemeza buri gihe gusenga Imana - umwami yashoboraga kubibonal!]

" Igitare cyarazanywe maze bagikinga ku munwa w'urwobo. Umwami ahomaho ikimenyetso cye bwite n'icy'abatware be, kugira ngo ibyo ategetse kuri Daniyeli bidahindurwa. Nuko umwami asubira mu nzu ye akesha ijoro yiraje ubusa, ntibamuzanira ibyo kumucurangira, ntiyarushya agoheka. Bukeye umwami yibambura kare mu museso, agenda yihuta ajya kuri rwa rwobo rw'intare. Ageze hafi y'urwo rwobo Daniyeli yari arimo , atera hejuru n'ijwi ry'umubabaro abaza Daniyeli ati: " Yewe Daniyeli mugaragu w'Imana ihoraho, mbese Imana yawe ukorera iteka yabashije kugukiza intare?" Daniyeli asubiza umwami ati: " Nyagasani uhoraho, Imana yanje yohereje marayika wayo abumba iminiwa y'intare, ntacyo zantwaye kuko nabonetse imbere yayo ntafite icyaha, kandi nawe nyagasani, ntacyo nagucumuyeho." Umwami aherako anezerwa cyane, ategeka ko bakura Daniyeli mu rwobo. Bamukuramo basanga ntacyo yabaye, kuko yari yiringiye Imana ye.

**Ikibazo:** Ni irihe hitamo Daniyeli yagize nyuma y'uko itegeko ryo kudasenga Imana ritowe? [ Kugira Imana nyambere mu buzima bwe bwose cyangwa kutumvira itegeko ry'Imana akagira undi muntu arutisha Imana].

Itegeko rya mbere Imana yahaye Mose riravuga riti: "Ntukagira izindi mana mu maso yanje." ( Kuva 20:3). Ibyo bisobanuye ko Imana ishaka kuba ariyo iba nyambere mu buzima bwawe. Daniyeli yabayeho mu buryo bweretse abandi ko kubaha Imana aribyo byingenzi kurusha gushimisha abandi.

**Ikibazo: Ni gute uyu munsi wagira Imana kuba iyagaciro kuruta ibindi byose mu buzima bwawe?**

Inkuru nziza/ Ivanjiri - byanditswe na Nelson Beli - Dallas, TX



**Ikibazo: Ni hehe inkuru ya Daniyeli ihurira na Yesu?** Nka Daniyeli, ibihe byinshi Yesu yahuye n'abantu batamukundaga kandi bashakaga ko yabakorera ibyo bo bashakaga.

Bibiliya iravuga iti: "**Bagenza Yesu ngo barebe ko amukiza ku isabato, babone uko bamurega**" (Mariko 3:2). Abayobozi b'amadini benshi batinyaga Yesu ko yabatwarira ubutware n'imyanya yabo kuko abantu bari batangiye gukurikira Yesu bumva inyigisho ze zerekanye n'Imana - atari inyigisho zabo. Kuko bari bafite ubwoba, bashaka ko Yesu yarekeraho gukora ibyo Imana yamwoherereje.

Hari undi muntu washatse ko Yesu yareka kugira Imana nyambere, izina rye ni Satani. Yamwijeje kumuha ubukire n'ububasha mu gihe Yesu yagombaga kureka kuramya Imana akaba ariwe aramya. Yesu aramusubiza ati: "Haranditswe **Uramye Uwiteka Imana yawe, abe ariyo ukorera yonyine.**" Yesu nka Daniyeli, yanze ikigeragezo cy'icyaha cyo kutaramya Imana imwe rukumbi.

Bibiliya iravuga iti: "**Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo bw'iteka.** ( Yohana 3:16). Imana yohereje Yesu kuza kubaho yiha Imana, nawe ushobora kubaho wiha Imana.

Niba ubyiteguye kandi ushaka kwiha Imana, uhereye ubu ngubu birashoboka, wifashishije iri sengesho: " Data - biroroshye kwiyemeza kubana nawe. Mbabarira ibyaha byanje unamfashe kubitera umugongo. Ndashaka kuba umwe mubagize umuryango wawe. Ngwino mu buzima bwanjye kandi ungire uwiteguye kandi ushaka kukwiha, hatagize ikinsoba - nka Daniyeli, nk'Umwana wawe Yesu. Amina!".



## ISOMO # 5. YESU I GETSEMANI

Wubahe so na nyoko  
( Hesha icyubahiro kandi wubahe ababyeyi bawe)

### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

### Umurongo w'isomo ry'uju munsi.

**" Data nubishaka undenze iki gikombe, ariko bye kuba uko nshaka, ahubwo bibe uko ushaka" ( Luka 22:42).**

### Indangagaciro

Kumvira

### Iriburiro

Iri somo rifite ibice bibiri:

1. Kuki abana bagomba guhesha icyubahiro ba nyina na ba se
2. Inshingano ababyeyi bafite ku bana babo.

**Ikibazo: Bisobanuye iki kubaha umuntu?** [kumwitaho cyangwa kumwumvira. Iyo wumviye so cyanga nyoko, ubu ububashye].

**Ikibazo: Ni ubuhe buryo bwiza bwo kubaha so na nyoko?** [uburyo bwiza bwo kubaha so cyangwa nyoko ni ukubatega amatwi].

### Kibazo cyo kuganiraho

Hari impamvu eshatu nziza Bibiliya itanga zerekana impamvu tugomba kubaha ba data na ba mama. Washobora gutekereza izo arizo? [Imana yarabivuze, bishimisha Imana, ni ukuri]. Reka tuvuge kuri ibi.

Getsemani  
( Icyanditswe: Luka 22: 41-44)

### Ubusobanuro

Buri mwaka, Abayuda benshi bizihibaga umunsi wo Guhita, bibuka ijoro ryabanjirije Mose kubavana mu buretwa muri Egiputa. Ijoro ribanziriza ifatwa rya Yesu akabambwa, we n'intumwa ze bari mu murwa wa Yerusalem, barya ifunguro rya Pasika. Nyuma y'igaburo, we n'intumwa ze bagiye ahantu hitwa Getsemani, ku musozi witwa uw'imizeti. Yesu yari azi ko yari hafi gufatwa, gukubitwa no gupfira ku musaraba. Ariko ibyo ntabwo byari byo bibi cyane byari bigiye kuba. Kubwa Yesu, ikibi kirenze cyari kigiye kubaho. Bibiliya iratubwira ko: "Yiyegamije ibuye, arapfukama arasenga, "Data, niba ubishaka iki gikombe kindenge; ariko ntibibe mu gushaka kwanje, ahubwo bibe wowe uko ushaka." Marayika ava mu ijuru aramubonekera aramukomeza. Kubwo gushengurwa n'agahinda, arasenga cyane, ibuya bye byatemba ari amaraso bigwa ku butaka".

**Ikibazo: Waba warigeze gutakara wari kumwe n'ababyeyi bawe, ugasigara wenyine? Wumvaga umeze gute?**

Yesu ntabwo yigeze atandukana na Se- Imana. Ariko ibyari bigiye gushyikira Yesu ku musaraba, na Yesu yari azi ko ari ibiteye uwoba cyane.

**Ikibazo: Ni kuki Yesu yari agiye gutandukana n'Imana igithe yari agiye ku musaraba?** [Yesu yari agiye gutanga ubuzima bwe kubw'igitambo cyawe na njye kubw'inshungu z'ibyaha byacu. Yihererejeho ibyaha bya buri wese uturiye isi arabyikorera. Bibiliya itubwira ko nta cyaha kiza imbere y'Imana, kuva Yesu yari amaze kwishyiraho icyaha, yagombaga gutandukana n'Imana by'igithe gito].

**Ikibazo: Yesu yashakaga kuvuga iki igihe yavugaga ati " iki gikombe kindenge"?** [Yesu yavugaga kubambwa no gutandukana n'Imana].

Amenye ko agiye gutandukana n'Imana mu kanya gato, Yesu yari akeneye gukomezwa kugira ngo akore icyo Ise Imana yashakaga ko akora. Ubundi, igitekerezo cyo gutandukana n'Imana cyashyize Yesu kubw'umubiri, kumva ububabare. Ntabwo yashatse kubugira, ariko aravuga ati, " Ntibile uko nshaka, ahubwo bibe wowe uko ushaka (ubushake bwa Se - ubushake bw'Imana) " Mu yandi magambo, yaravuze ati, " ibi simbikunze, ariko ndakora iby'ubushake bwawe."

Hari ibintu bimwe bikoroheye kubona impamvu ki mama wawe cyangwa papa wawe bashaka ko ukora, nka: " Jyana imyanda mu ngarani mbere y'uko itangira kumerera mu mifuka" Ibindi ntibyoroshye kubyumva nka " Abandi bari kubikora, kuki nnyewe ntabishobora?" Ababyeyi bawe bahora bakwifuriza ibyiza n'ubwo wowe utabyumva.

**Ikibazo: Hari inshingano ababyeyi bawe bagufitiye ushobora cyangwa se uzakenera kububaha. Uratekereza ko izo nshingano zaba izihe?** [Imana irashaka kukwigisha Ijambo ryayo - Itegeko ryayo - kubw'ineza yawe].

Bibiliya iravuga iti: " ...mubarere mubahana, mubigisha iby' Umwami wacu" (**Abefeso 6:4**)

Rimwe Imana iba ifite impamvu y'icyo idushakaho gukora (cyangwa kudakora), kuko izi ikiba ari cyiza kurusha ibindi, tugakurikiza icyerekezo cyayo, ku bw'umubiri wacu, imiryango yacu, amashuri yacu, ubucuruzi bwacu, ighugu cyacu gukora mu buryo butunganye. Imana kandi na none ishyiraho umuryango, kugira ngo ababyeyi bakurikize amabwiriza yayo kuri mwe, kugira ngo namwe muzabyigishe abana banyu.

Urugero rwa Yesu aho avuga ati: "Data, sinshaka gukora ibi, ariko ndabikora ku bushake bwawe kuko ushaka ko mbikora, ni urugero rwiza rwerekana uko umwana w'umuhungu cyangwa w'umukobwa agomba kubaha umubyeyi we!

Aha hari uko Bibiliya ivuga ababyeyi bagomba kwigisha abana babo:

**" Ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye mu nzu yawe, n'uko ugenda mu nzira n'uko uryamye n'uko ubyatse ( Gutegeka kwa kabiri 6:6-7)**

Inshingano z'ababyeyi bawe ni ukukwigisha ibihe byose kugira ngo umenye uko Imana ishaka uko wabaho ubuzima bwawe.

**Ikibazo: Uratekereza ko umurimo wawe nk'umwana w'umuhungu cyangwa w'umukobwa ari uwuhe?** [Kubaha nyoko na so ubumvira, kuko ari ukuri kandi bishimisha Imana].

**Ikibazo: Ni mu zihe nzira ababyeyi bawe bakwigisha Ijambo ry'Imana? Uratekereza ko hari izindi nzira bagombye kunyuramo zafasha kukwigisha?**

**Ikibazo: Ni iki muri iki cyumweru uzakora kizagaragaza ko wubashye so na nyoko?**

## ISOMO # 6: U MUTURANYI MWIZA

Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka, Imana yawe"  
( Ubaha izina ry'Imana mubyo ukora cyangwa uvuga)

### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n' umurongo wo gufata mu mutwe.

### Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

**"Ariko Umusamaliya wari mu rugendo na we amugeraho, amubonye amugirira impuhwe" (Luka 10:33)**

### Indangagaciro.

Ubugwaneza

### Ikibazo cyo kuganiraho

**Ni ryari wakoreye umuntu "igikorwa cyiza"?**

**Ni ryari hari umuntu wagukoreye "igikorwa cyiza"?**

Agnes Bojaxhlu wavukiye muri Yugosolaviya mu w'1910, mu w' 1928 yahisemo kuba umubikira. Nyuma yo kumara igihe gito mu gihugu cya Ireland yoherejwe kujya kuba mu kigo cy'ababikira cyo mu mujyi wa Darjeeling mu majyaruguru y'Ubuhinde. Igihe yari yujuje imyaka makumyabiri n'umwe yafashe izina rya Tereza.

Yabanje kwigisha Ubumenyi bw'isi mu ishuri ry'abakobwa i Calcutta. Ariko aho muri uwo mujyi harimo ibindi bikenewe. Aho habaga abatagira amazu n'abasabirizi benshi. Abanyabibembe babaga ku muhanda nk'uko imfubyi zibigenza. Mu w' 1946 Tereza yaretse akazi ko kwigisha kugira ngo yite kubabaye mu kigo cyashyirwagamo indushyi cya Calcutta. Mu 1948 yabonye ubwenegihugu bw'Ubuhinde. Mu 1950 yahimbye umuryango w'Abamisiyoneli b'Urukundo b'ababikira.

Umurimo we wibanze wari uwo kuba mu bana abigisha kwiyitaho no kwiga inyigisho z'banze zo gusoma no kwandika. Yatangiye kwandika abiga ba mbere mu 1949 n'abandi benshi baza kwifatanya nawe mu myaka mike yakurikiyeho. Mu 1952 yashinze Kalighat, inzu y'abapfakazi. Yashyizeho ihuriro ry'abanyabibembe rifasha abafite ububare bw'ibibembe. Ahagana mu 2000 ababikira barenga ibihumbi 3000 bari bariniye mu muryango Abamisiyoneri b'urukundo, bayobora ibigo mu bihugu birenga ibihumbi.

Mama Tereza yapfuye mu 1997. Yabanye n'abo yafashaga. Yitaga ku bantu kuko bari babikeneye kandi ntacyo yabacagaho. Ubuza bwe yabushyize hasi kugira ngo akunde kandi agirire impuhwe bose.

Uyu munsi tugiye kurebera hamwe inkuru yo muri Bibiliya itwereka uko twakora tugamije kubaha Imana. Ni umugani w'Umusamariya mwiza.

Umusamaliya mwiza  
( Icyanditswe: Luka 10:25-37)

**Nuko umwe mu bigisha amategeko ahagurutswa no kumugergeza ati " Mwigisha, nkore nte kugira ngo ndagwe ubugingo buhoraho?" Nawe aramusubiza ati "Byanditswe bite mu mategeko? Icyo uyasomamo ni iki? Aramusubiza ati "Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwave bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwave bwose, kandi ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda." Yesu aramubwira ati "Unsubije neza. Nugenza utyo uzagira ubugingo." Ariko uwo ashatse kwigira shyashya abaza Yesu ati " Harya mugenzi wanjiye ni nde?"**

Yesu aramubwira ati: " Hariho umuntu wavaga i Yerusalem amanuka i Yeriko, agwa mu gico cy'abambuzi baramwambura, baramukubita, barigendera bamusiga ashigaje hato agapfa. N'uko umutambyi amanuka muri iyo nzira, amubonye arakikira arigendera. N'Umulewi ahageze na we abigenza atyo, amubonye arakikira arigendera. Ariko Umusamaliya wari mu rugendo na we amugeraho, amubonye amugirira impuhwe aramwegera amupfuka inguma, amwomoza amavuta ya elayo na vino, amushyira ku ndogobe

**ye amujyana mu icumbi ry'abashyitsi aramurwaza. Bukeye bwaho yenda idenariyo ebyiri aziha nyiri icumbi ati " Umurwaze kandi ibyo uzatanga byose birenze ku byo ngusigiye , nzabikwishyura ngarutse." Noneho utekereza ute? Muri abo batatu ni nde wabaye mugenzi w'uwo waguye mu bambuzi?"Aramusubiza ati "Ni uwamugiriye imbabazi."Yesu aramubwira ati "Genda nawe ugire utyo."**

**Ikibazo: Mugenzi wawe bisobanura iki?** [Muri Bibiliya, iyo bakoresheje ijambo mugenzi wawe rishobora kuvuga umuntu muturanye cyangwa se umuntu utuye kure]. Ubundi riravuga uwo ariwe wese uza mu buzima bwawe.

Rero igihe umuhanga mu mategeko yahagurukaga kugerageza Yesu akamubaza ngo 'mugenzi wanje ni nde?' Icy'ukuri yavugaga ni " Ngomba gukunda uwo ariwe wese? - kuko hari abo ndashaka gukunda cyangwa se kugerageza gukunda.

Abasamariya bari abaturage b'igihugu cyitwa Samariya, igihugu cyari cyegeranye na Isirayeli. Abayahudi bangaga Abanyasamariya kuko bari bafite imyemerere mu lyobokamana itandukanye. Abayisirayeli ntibigeze banihuza na bo.

**Ikibazo: Ni mpamvu ki Umusamariya yahagaze kugira ngo afashe uwo muntu wari wakomerekejwe w'Umuyahudi?**

[Icyari icy'ingenzi kumu Samariya cyari ukwirengagiza itandukaniro bari bafitanye akagirira neza Umuyahudi wari wakomeretse - gukunda mugenze we].

Mu mugani w'Umusamariya mwiza, abantu babiri, Umutambyi n'Umulewi bakikiye uwari yakomeretse. Mu gihe inkuru yandikwaga muri Bibiliya, abatambyi bari abakozi b'Imana naho Abalewi bari babungirije.

**Ikibazo: Kuki byari bibi ko Umutambyi n'Umulewi batatabaye uwo mugabo wari wakomeretse?** [Wari umurimo wabo wo kuba Abakorera Mana badasanzwe, bategerejweho ubutabazi]

Ariko ntabwo bakoze nk'abakorera Mana badasanzwe? Ahubwo bakoze ibinyuranye. Ntabwo bigeze bahagararira Imana nk'uko yabibashakagaho. Niyo mpamvu Imana ivuga iti " Niba uvuga ko umpagararaye, ukore ibyo nagutegetse gukora.

**Ikibazo: Ni gute wakubahiriza Imana uyu munsi mubyo ukora?**

ISOMO # 7: IKIRUHUKO ( Igice 1)

Wibuke Kweza Umunsi w'Isabato

( Fata umunsi udasanzwe w'Ikiruhuko nk'Impano y'Imana Uwukoreshe nk'inshingano)

Isubiramo

Ibibazo by'Umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe.

Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

**"Ibyo mukora byose mubikore mubikuye ku mutima, nk'abakorerea Shobuja mukuru badakorera abantu"**  
**( Abakorosayi 3:23)**

Indangagaciro

Imyifatire ihebuje

kibazo cyo kuganiraho

**Waba hari icyo witayeho cyangwa inshingano ufite imuhira? Kubikora wumva bikumereye bite?**

Iriburiro

Waba warigeze kumva ibya S. Truett Catty? Naho iby'inka na "rya izindi nkoko" iyongeze inkoko' inyemezabwisyu ziramanitse" tugerageje kubishyira mu kinyarwanda. Chick-fit-A ni hamwe mu ruriro rugize uruhererekane rw'aho barira mu gihugu cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Waba ushaka kumenya ibanga ryo gutsinda kwabo?

Umugabo Truett yafunguriye iduka rye rya mbere mu nzu nini mu mwaka wa 1967. Yashakaga kubahisha Imana no kuruhuka ku munsi w'icyumweru, noneho afata icyemezo cyo gufunga ku munsi wa mbere wa buri cyumweru. Wifashishije ibarurishamibare, umunsi w'icyumweru niwo munsi wa gatatu uba urimo abahashyi benshi kubw'ururiro, ariko urwo ruriro rw'uwo mugabo rwo rwabaga rukinze. Kubera iki cyemezo, uru ruriro rwashoboraga kwinjiza mu minsi itandatu ibyo ahandi binjiza mu minsi irindwi.

Mu bihe bitandukanye, uru ruriro rwa Chick -fil-A board rwarisuzumaga rugasanga icyemezo cyo kudakora ku munsi w'icyumweru kitarabahombeje, ahubwo bakarangiza bongeye gushimangira ko bakomeza guhesha Imana icyubahiro. Abayobora ububiko bw'ubucuruzi bose bemera kugendera ku ntumbero z'urwo ruriro. " Guhesha Imana icyubahiro twizera mu byari byo byose twaragijwe no gutuma abagana Ururiro Chick-fil-A bumva bakwifuzza gukora nkabo.

Itegeko rya kane riravuga riti: " **Wibuke kweza umunsi w'Isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ariyo ukoreramo imirimo yawe yose, ariko uwa karindwi niwo sabato y'Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho, wowe ubwawe, cyangwa umuhungu wawe, cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe, cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe, cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu, kuko iminsi itandatu ariyo Uwiteka yaremyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibiyirimo byose, akaruhukira kuwa karindwi. Nicyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'isabato akawenza.** (Kuva 20:8-11).

N'ubwo itegeko rya kane ubwa mbere rireba ibijyanye n'ikiruhuko, riranavuga kubijyanye n'umurimo. N'ubundi turuhuka kubera ko twagize icyo dukora. Noneho uyu munsi, tugiye kuvuga ku bijyanye n'uko iri tegeko ryadufasha mu murimo n'ibikorwa byacu.

N'ikimenyetso cy'urukundo rwaba ku Mana, abayisirayeli bategetswe gukurikiza amategeko y'Imana kubijyanye n'umurimo n'ikiruhuko.

Ikiruhuko ( Igice 1)

( Umwandiko: Itangiriro 1:31-2:3)

**Itangiriro 1. " Imana ireba ibyo yaremye byose, n'uko byari byiza cyane.Buragoroba buracya, uwo ni umunsi wa gatandatu. Iru n'isi n'ibirimo byinshi byose birangira kuremwa. Ku munsi wa karindwi Imana irangiza imirimo yakoze, iruhuka ku munsi wa karindwi imirimo yayo yose yakoze. Imana iha umugisha umunsi wa karindwi iraweza, kuko ari wo Imana yaruhiyemo imirimo yakoze yose.**

Mu nkuru y'iremwa, Imana yarakoraga kandi ikavuga ko ari byiza. Nyuma y'uko Adamu aremwa, Imana yamuuhaye umurimo wo gukora . Bibiliya ivuga iti " " **Uwiteka Imana ijyana wa muntu, imushyira muri Edeni, ngo ahingire ibirimo, ayirinde" ( Itangiriro 2:15)**

**Ikibazo: Imana yahaye Adamu umurimo wo gufata neza ubusitani, aho yari atuye kandi anakora.**  
**Uyu munsi Imana irashaka ko dufata neza "ubusitani" yaduhaye. Ni gute tugomba gufata neza aho dutuye?**  
[ Dusukure ingo zacu, dukuremo imyanda, dutoragure impapuro tuzikoremo ibindi bintu, ibrahuri n'uducupa, tubitwike].

**Ikibazo: Ni gute gufata neza isi byerekana imyifatire itujyana ku Mana?** [Byerekana ko twumvira Imana kandi ko tuyishimira ibyo yaduhaye].

Uburyo dukoramo bushobora nabwo kwerekana ko twubashye Imana.

**Ikibazo Ni gute ushabora kubahisha Imana umurimo ukora cyangwa ibikorwa byawe?** [ukora neza uko ubishoboye byose n'imyitwarire ihwitse].

**Ikibazo: Bibiliya itubwira ibantu bibiri bijyanye n'uko tugomba gukora umurimo uwo ariwo wose twahawe gukora. Uzi ibyo ari byo?**

1. "Ibyo mukora byose mubikore mubikuye ku mutima, nk'abakorera Shobuja mukuru, mudakorera abantu. ( Abatesaroniki 3:23). Imana ivuga ko tugomba kuyubaha dukora ibyiza uko dushaoboye mu murimo wacu no mu bikorwa byacu.
2. " Mukore byose mutitotombana, mutagishana impaka..."( Abafiripi 2:14). Imana ivuga ko ari ngombwa kugira imyitwarire ikwiriye mu murimo wacu cyangwa ibikorwa byacu.

**Ikibazo: Ni gute wakubahisha Imana umurimo wahawe gukora muri iki cyumweru?**



Inkuru nziza / Ivanjiri.- byakusanyijwe na Robin Smith - Dallas, TX

Duhesha Imana icyubahiro mu mirimo yacu bikarushaho kugaragarira mu myitwarire dukoramo iyo mirimo. Arikoo se iyo mirimo ishobora kuduhesha agakiza? Mu yandi magambo, iyo dukoze ibyiza byinshi bikaruta ibibi, ibi byatuujyana mu ijuru? Igisubizo ni Oya. Abefeso 2:8-9 haravuga hati " Mwakijjwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibayavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana. Ntibayavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira. Yesu aratubwira ko ntacyo twakora kugira ngo tubone agakiza. Ntibireba uko turi beza dute cyangwa se umubare w'abantu twafashije cyangwa se uko twakoze imrimo yari iruhije, twese turacumura buri gihe. Rimwe na rimwe dutekereza nabi cyangwa se tukavuga ibidakwiye cyangwa se rimwe na rimwe tugakora n'ibyo tutagomba gukora. Iki nicyo twita icyaha kandi twese turakigira. Wowe, inshuti zawe, ababyeyi bawe, yemwe n'umushumba w'itorero ryawee.

Arikoo Inkuru nziza y'Ivanjili mu Abaroma 5:8 haravuga hati: " **Arikoo Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha.**" Arikoo ndabizi wasome Yohana 3:16 " **Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga umwana wayo w'ikinege kungira ngo umwizera atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo bw'iteka.**"

Tekereza inshuti iguhaye impano ku munsi wawe w'amavuko. Ntabwo uba wakoreye iyo mpano cyangwa se ngo uyishyure. Ikintu kimwe ushabora gukora ni ukuyakira no gushimira. Yesu ni impano Imana igenera buri wese muri twe. Buri wese ahitamo kwakira impano. Dukora ibi iyo tubwiye Imana ko dushaka iyo mpano kandi tukayishimira.

" Data, ndabizi ko ndi umunyabyaha kandi ko icyari kinkwiriye ari ukujya kure yawe, arikoo ndizeza umutima wanje ko Yesu yapfuye ku bw'ibyaha byanjye kandi akazuka amaze gutsinda urupfu. Urakoze kubw'iyi mpano kandi ndakwiringiye wowe wenylene ko umbabariye ibyaha kandi ko umpaye ubuzima bw'iteka, mu izina rya Yesu, Amina.

## ISOMO # 8: IKIRUHUKO ( Igice 2)



Wibuke kweza umunsi w'isabato

( Fata umunsi udasanzwe wo kuruhuka nk'impano iturutse ku Mana kandi uyikoreshe neza)

Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

**"Ziriririza umunsi w'isabato kugira ngo uweze, uko Uwiteka Imana yawe yagutegetse." (Gutegeka kwa kabiri: 5:12).**

Indangagaciro

Kumvira

Isubiramo ku isomo ryo mu cyumweru cyashize.

Nk'ikimenyetso cy'urukundo rwabo ku Mana, Abayisirayeli bategetswe gukurikiza amategeko y'Imana kubijyanye n'umurimo n'ikiruhuko. Dushobora kwerekana urukundo dukunda Imana mu buryo twifata cyangwa turuhuka.

kibazo cyo kuganiraho

**Ni ibihe bintu biguhgenza cyangwa ukunda?**

Iriburiro

Mu 1924, Uwo Abongereza bari bafitiye icyizere cyo gutwara umudari wa zahabu mu kwiruka metero 100 mu mikino Olimpiki yabereye i Paris, Ubuferansa yanze kwirukanka. Abambere bari bateganyirijwe gusigana ku munsi wo ku cyumweru, Eric aravuga ati: "Siniruka ku cyumweru. Ku cyumweru ni umunsi wo gusenga Imana, ntabwo ari umunsi w'imikino.

Abayobozi b'Abongereza bagerageje gushakisha uko ingengabihe yahindurwa, ariko ntibabibasha. Bamwe bamwise umutabwenge, abandi bamwita umugambanyi. Ariko Eric akomera ku isezerano yagize ryo kubaha Icyumweru nk'umunsi w'Umwami w'ikiruhuko atari uw' imikino. Mu gihe abatangiye kwiruka ku munsi wa mbere, metero 100, Eric yarimo abwira abari mu rusengeri rw' Abanya Ekosi ibijyanye n'uko yiweguriye Yesu Kristo.

Nubwo atari cyo gikorwa yakundaga Eric, yatsindiye kwiruka metero 400 kandi agera no muri kimwe cya kabiri. Mbere y'uko yiruka mu cyciro gisoza ku, umumenyereza we yamupfumbatije icyanditswe kuvuga kiti: "**Unyubaha, nzamwubahisha**". Eric yatsinze isiganwa rya metero 400 - ntabwo cyari igikorwa yakundaga - yesa umuhingo! Mu 1981, inkuru ya Eric Liddell yo kubaha Imana akoresheje kuruhuka umunsi udasanzwe yashyizwe muri filimi yitwa Chariots of Fire ( Bikozwe na Dave na Neta Jackson, Bethany House, 1997, pp. 81-88).

Ikiruhuko ( Igice 2)

(Umwandiko: Gutegeka kwa kabiri: 10:12-13)

**"None wa bwoko bw'Abayirayeli we, Uwiteka Imana yawe igushakaho iki? Si ukubaha Uwiteka Imana yawe, ukagenda mu nzira ikuyoboye zose, ukayikunda, ugakoreshereza Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwave bwose, ukitondera amategeko y'Uwiteka y'uburyo bwose ngutegekera uyu munsi kukuzanira ibyiza?"**

Mu gihe cy'isomo ryatambutse twavuze mbere na mbere kubijyanye n'imyitwarire tugomba kugira ku murimo, ariko itegeko rya kane rirareba cyane ku birebana n'imyitwarire ijyanye n'Isabato, " umunsi w'ikiruhuko" n'uko tugomba kuyeza.

**Ikibazo: Ese "Ukwera" bisobanuye iki (ntabwo ari ukwera nk'ukw' amasogisi yawe)? [Kweza bisobanura gushyirwa ku ruhande ku bw'igikorwa cy'Imana]**

Intangiriro y'Isabato

Aha, Imana yahaye Abisilayeli umunsi w'ikiruhuko mbere y'uko ibaha Amategeko Icum.

**Ikibazo: Dusubize ibitekerezo inyuma ku isomo tyavugaga ku buryo Abisilayeli bacaga ingando mu butayu (#3). Wibuka igihe bamaze mu butayu? [ Imyaka 40].**

**Ikibazo: Uribuka uko Imana yabatungaga muri iyo myaka 40?** [Imana yabahaye manu Abisilayeli ngo bayiryre bari mu butayu].

"Maze Uwiteka abwira Mose ati: "Dore ndabavubira ibyo kurya bimanutse mu ijuru. Iminsi yose abantu bazajya basohoka bateranye iby'uwo munsi, kugira ngo mbagerageze yuko bitondera amategeko yanje cyangwa batayitondera. Kandi ku wa gatandatu bajye bitegura ibyo bajyana iwabo, bihwanye n'ibyo bajyaga bateranya incuro ebyiri." ( Kuva 16:4-5).

Mose nawe arabbwira "Dore ubwo Uwiteka abahaye isabato, nicyo gituma ajya abaha ku wa gatandatu imitsima y'iminsi ibiri. Umuntu wese agume aho ari, ntihakagire umuntu uva aho ari ku wa karindwi. Nuko ku wa karindwi abantu bararuhuka." ( Kuva 16: 29-30).

Nyuma, Abayisilayeli bamaze gutura kandi bakaba abahinzi, Uwiteka arabbwira ati: " Mu minsi itandatu ujye ukora, ariko ku wa karindwi ujye uruhuka, no mu ihinga no mu isarura ujye uwuruhukaho." ( Kuva 34:21).

Nanyuma imyaka myinshi itambutse Abisilayeli ntibakoze gusa imirimo y'ubuhinzi, Imana yakomeje iryo tegeko ku mirimo inyuranye; kora iminsi itandatu uruhuke uwa karindwi.

**Ikibazo: Ni iyihe mpamvu Imana yaduhaye Isabato?** [Ukurikije itegeko rya kane, Isabato igendeye ku iremwa. Imana yaremye ibintu byose mu minsi itandatu ku munsi wa karindwi Iraruhuka. Yagaruye ubuyanja kandi ifata umwanya wo gutekereza kubyo yari imaze gukora].

Dukora kuko n'Imana yakoze. Turuhuka kuko n'Imana yaruhutse. Imana yaduhaye urugero.

**Ikibazo: Ni gute twakubaha Imana turuhuka?** [Hari impamvu 3 Imana yadutegetse kuruhuka]:

1) Kuko itwitayeho. **Ikibazo: Ni gute kuruhuka byerekana ko twiyitayeho?** [Iyo dukomeje kugendagenda turaruha ningambwa tukaza kugwa. Ntitwameru neza bitewe n'ibyo twaba dukora].

2) Byerekana ko twizera Imana. **Ikibazo: Ni gute kuruhuka byerekana ko twizera Imana?** [Imana ishaka ko dufata umunsi tudakoraho kugira ngo twibuke imigisha yose yaduhaye, kandi ko dushobora kwizera ko izasubiza ibyifuzo byacu n'ubwo twafata umunsi ntidukore].

3) Byerekana ko dukunda Imana kandi ko twubahiriza amategeko yayo. **Ikibazo: Ni gute kuruhuka byerekana ko dukunda Imana?** [Twubaha amategeko yayo].

Bibiliya iravuga iti: " **None wa bwoko bw'Abayisilayeli we, Uwiteka Imana yawe igushakaho iki? Si ukubaha Uwiteka Imana yawe, ukagenda mu nzira ikuyoboye zose, ukayikunda, ugakoreshereza Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose, ukitondera amategeko y'Uwiteka y'uburyo bwose ngutegekera uyu munsi kukuzanira ibyiza?**" ( Gutegeka kwa kabiri 10:12-13)

**Ikibazo: Ni mu buhe buryo dushobora gushyiraho umunsi udasanzwe wo kubahiriza Imana?** [Kuramya Imana hamwe n'abandi mu rusengero, gutekeraza uwo ariwe Imana- wenda ukore urutonde rw'uko yagufashije muri iki cyumweru, kumva indirimbo zubahisha Imana - igitekerezo cyiza ku munsi uwo ari wo wose].



Inkuru Nziza / Ivanjiri - byakusanyijwe na Burford - Dallas, TX

Dukurikije ko ari itegeko ry'Imana ni igitekerezo kizima kuko tuyereka urukundo tuyifitiye tubikora. Imana yaraturemeye kubaho no gukora bijyanye n'amabwiriza yayo. Izi icyiza kuri twe.

Izi ko itegeko ryo gufata umunsi udasanzwe w'ikiruhuko - nk'uko biri ku mategeko yose icumi - ni imbago zidufasha kubaho ubuzima bwubahisha Imana.

Ariko, tuzagenda dutsindwa rimwe na rimwe gukurikiza iri tegeko. Iyo turakaye, cyangwa tugafata iby'abandi nta ruhushya, cyangwa tukagira icyo tuvuga gikomeretsa abandi, byitwa icyaha. Kandi inkuru mbi yerekeye icyaha ni

uko kidutandukanya n'Imana yaturemeye kubaho mu busabane nayo. Icyaha kizadutandukanya n'Imana iteka ryose keretse iturokoye.

**Ikibazo: haba hari uwaturokora ku cyaha?** [Yesu]. Imana yaradukunze cyane iduha Umwana wayo, Yesu, kugira ngo umwizera wese amurokore kuko ariyo nzira yonyine yo kutubatura ku bw'icyaha, no kurokoka.

**Ikibazo: Haba iki mu gihe turokowe?** [Duhabwa imbaraga zituma tubaho mu buzima bwubahisha Imana].

**Ikibazo: Ni izihe nyungu dukura mu kubaho ubuzima bwubahisha Imana?** [Byerekana Imana ko tuyikunda, Turushaho kuyegera, tukarushaho kuba nk'Umwana wayo Yesu, twubaka ukwizera no kugengwa n'Imana, buri gihe tugahora tuyubashye].

Niba wumvise ko witeguwe gutabarwa, witeguye kwizerwa Yesu ko agukiza, biroroshye ko wamusaba kubikora. Igihe Yesu yapfaga ku musaraba, yakubabariye ibyaha byose byo mu gihe cyashize, iby'ubu, n'ibyo mu gihe kizaza.



## ISOMO # 9: ONGERANYA!

Ntukifuze ibya mugenzi wawe  
( Ishimire ibyo ufite)

### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

### Umurongo w'isomo ry'uju munsi

"...mwibikire ubutunzi mu ijuru" (Matayo 6:20).

### Indangagaciro

Kunyurwa

### Iriburiro

Mu 1998, Ikinyamakuru cyo muri Amerika cyitwa Heritage Magazine (Umurage) cyashyize ahagaragara urutonde rw'abaherwe b'Abanyamerika 40 mu mateka, bahereye ku madorari 1998. Harimo abagabo 39 n'umugore 1 kuri urwo rutonde. Umugore w'umunyamerika w'umuherwe wabayeho yari Hetty Green, uwo ubukire bwe mu gihe yapfaga mu w' 1916 bwabarwaga muri miliyon 100 z'amadorari (hejuru ya miriyari 17 z'amadorari muri iki gihe). Ariko... Hetty Green uburangirire bwe ntibvari bujyanye n'uko ubutunzi bwe bwari bungana bitewe n'ubugugu bwe.

Uratekereza iki? Mu gihe cye cyo kwizihiza ku nshuro ya 21 umunsi w'ivuka rye, Hetty yanze gucana buji kugira ngo atazangiza. Umunsi ukurikiyeho yahanaguye umutsima awukuraho za buji ayisubiza mu iduka ngo bamusubize amafaranga yayiguze.

Nyuma y'uko umugabo we apfuye mu 1902, yimutse ava mu mugi w'iwabo i Bellows Fall, Vermon ajya i New Jersey kugira ngo abe bugufi bw'amafaranga ye yari mu mugi wa New York. Ntabwo yigeze agira inzu, ariko yagendaga aba mu byumba yakodeshaga amadorari make nka 5 mu cyumweru. Ntiyahinduranya imyambaro kugeza ishaje. Ibyo kurya bya nimunsi byabaga ari ibryo bya make. Ndumva tutaba tumuciriye urubanza tuvuze ko atakozwaga n'ibyo kugira icyo atanga ku bw'ibikorwa by'urukundo.

Hetty Green niwe mutu uhebuje mu kwifuza. Akaba ariyo byarangaga imyitwarire ye. Amategeko icyenda ya mbere ajyanye n'ibikorwa - ibantu twagombye cyangwa tutagomba gukora cyangwa gtekereza. Ariko kuriganya bijyanye n'imyitwarire yo kwifuza, bisobanuye gushaka iby'abandi mu nzira zitari nziza.

**Ikibazo: Ni bwoko ki bw'ibantu ushaka gukusanya?** [Amakarita y'imikino, gusinyirwa n'abantu, ibiceri, imiziki, ibipupe]. Ntiwakagombye kwifuza ikintu kidatwikiriye, cyiza, cyangwa kitadukurura. Ufite icyifuzo cyo kugira no kurundanya ibantu ushaka kandi bidukurura.

**Ikibazo: Ni bwoko ki bw'ibantu ubona ko ari byiza gukora?** [Siporo, gushushanya, kuba inshuti nziza, kuririmba]. urifuza gutsinda. Urashaka gukina imikino wiyumvamo ko ushoboye. Ukonze ko watsinda mu bikorwa byawo byo mu ishuri, ukabona amanota meza. Imana yaturemeye ko twashaka kugira ibyo twakuzuza kandi tukabikora neza.

**Ikibazo: Ni bwoko ki bw'ibantu ushaka gukora cyangwa kubaka?** [Imideri, inzu yo mu giti, gusiga amarangi, injugu]. Urifuza gukora cyangwa guhangwa ibantu kubera ko Imana yadushyizemo gukenera n'ubushobozi bwo kurema.

**Ikibazo: Haba hari ikintu kivugwa mu izina muri Bibiliya wakagombye kwifuza kugira?** [ urukundo, ibyishimo, amahoro, ubugwaneza, n'ubushishozi,].

Umva iki: " **Amategeko y' Uwiteka ni ay'ukuri kandi arakiranuka rwozel Arusha zahabu ubwiza; biryohrerera kurusha ubuki"** Zaburi 19:9-10). Imana yavuze ko ugomba gushaka uko wabaho kuboneye ibyo Bibiliya ivuga ko bikenewe cyane.

Ijambo " kwifusa" rihuje inyito n'irindi jambo risobanura gushaka ikintu." Nta kosa kugira ibyo wifusa. Nk'uko twigeze kubivugaho, Imana yaduteyemo kwifusa kandi ibantu byinshi tugomba kwishimira. Ariko, ku bijyanye no kwifusa n'ibantu byinshi Imana yaduhaye hari ibyo ibyo yavuze ko birenze.

Reka turebe inkuru ya Bibiliya itwereka umuntu wifuje mu nzira mbi, kandi tunavuge kubijyanye n'inzira nziza yo kwifusa.

Umusore w'umukungu  
( Icyanditswe: Luka 18:18-23)

**" Umutware aramubaza ati " Mwigisha mwiza, nkore nte ngo mbone kuragwa ubugingo buhoraho?"** Yesu nawe aramusubiza ati: "Unyitira iki mwiza? Nta mwiza keretse umwe, ni Imana. Uzi amategeko ngo 'Ntugasambane, ntukice, ntukibe, ntukabeshyere abandi, wubahe so na nyoko." Aramubwira ari " Ayo yose narayitondeye mpereye mu buto bwanjye." Yesu abyumvise aramubwira ati " Noneho ushigaje kimwe: ibyo ufite byose ubigure ubihe abakene, nibwo uzagira ubutunzi mu ijuru, uherekko uze unkurikire." Abyumvise agira agahinda kenshi, kuko yari umutunzi cyane."

**Ikibazo: Ni iki Yesu avuga uyu musore yari akeneye kugira?** [Yesu ntiyigeze abwira uyu musore ko hari ubundi butunzi yari akeneye kugira ngo abone ubuzima bw'iteka- Yesu yamubwiye ko hari icyo yari akeneye gukora: ko atari ukugira ibindi byinshi, ahubwo gutanga].

**Ikibazo: Kuki umusore yarakaye igahe Yesu yamusabaga kugurisha ibyo yari afite?** [Ubutunzi yari afite yabugize ubw'ingenzi mu buzima bwe - n'ingenzi kurusha Imana. Yesu yashoboraga kumuha ibyo yari akeneye byose, ariko umusore w'umukungu ntiyashatse kubyizera. Yakundaga ubutunzi bwe cyane].

Reka wumve icyo Bibiliya itubwira: "**Mwitonde kandi mwirinde kwifusa kose, kuko ubugingo bw'umuntu butava mu bwinshi bw'ibantu bye.**" (Luka 12:15). Umukungu ntabwo yarebye neza ku bukungu bwe kandi ukwifusa kwe nabi kwamugushije mu bugugu.

**Ikibazo: Ese buri gihe ubukungu bivuga kugira amafaranga?** Ushobora kugira ubugugu no mu bindi bitari amafaranga?  
[Kwitabwaho, gushyirwa hejuru, ubushobozi, ubwenge, ibyutunze].

Reka turebe ibyo dushobora kwifusa mu buryo bwiza, ntibitubere ubugugu:

**" Mugabanye abera uko bakennye"** (Abaroma 12:13). Mugabane igahe hari uburyo bubonetse.

**"...tanga nta burura"** (Imigani 21:26). Tanga igahe ubishoboye.

**" Mwaherewe ubusa, namwe mujye mutangira ubundi"** ( Matayo 10:8). Tanga kuko wahawe. Ibyo dutunze byose byavuye ku Mana, kandi idutegerejeho gukoresha ibyo twahawe mu gufasha abandi.

**Ikibazo: Ni bibi kugira ubutunzi?** [Oya]

**Ikibazo: Byaba ari ikosa kutagabanyiriza ku bandi bafite ibyo bakenye?** [Yego].

Yesu yaravuze ati: "... ahubwo mwibikire ubutunzi mu ijuru..." (Matayo 6:20). Ushobora kugira ubutunzi mu ijuru kubwo gutanga hano ku isi.

## ISOMO # 10: MUBANZE MUSHAKE UBWAMI BW'IMANA

Ntukifuze iby'abandi  
( Ishimire ibyo ufite)

### Isubiramo

Ibibazo ku mukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

**Ahubwo mubanze mushake Ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo..."(Matayo 6:33)**

### Indangagaciro

Kunyurwa

### Ikibazo cyo kuganiraho

**Waba warigeze gushaka ikintu mama cyangwa papa wawe bavuze ko udashobora kugira?** (urugero: injugu mbere yo kurya, umukino wa videwo, kuguma hanze amasaha akuze).

### Isubiramo

Mu nyigisho yacu ya Bibiliya y'ubushize twavuze uko umuntu ubugugu bumubuza kugira ibyishimo mu guha abandi. Kugabana cyangwa kugira icyo uha abandi, bigufasha gukuza imytwarire yawe kubijyanye n'ibikinisho, amafaranga, n'ibindi bintu by'ingensi utunze.

### Iriburiro

Uyu munsi, ugiye kumva inkuru yo muri Bibiliya itwereka uko abantu bifuza ibyo Imana yavuze ko birenze. Noneho turaza kuvuga uko umuntu yakora amahitamo meza ku bintu byashyizwe ahagaragara ko birenze kwifuza kuri wowe no kuri njye.

### Mubanze mushake Ubwami bw'Imana

( Icyanditswe: Itangiriro 2:4-9, 15-18, 3:1-7)

**"Uku ni ko kuremwa kw'ijuru n'isi, ubwo byaremwaga, ku munsi Uwiteka Imana yaremeyemo isi n'ijuru.**

Kandi akatsi kose ko mu gasozi kari kataraba ku isi, n'ikimera cyose cyo mu gasozi cyari kitararuka, kuko Uwiteka Imana yari itaravuba imvura ku isi kandi nta muntu wariho wo guhinga ubutaka, ariko igihu cyavaga mu isi kigatosa ubutaka bwose. Uwiteka Imana irema umuntu mu mukungugu wo hasi, imuhumekera mu mazuru umwuka w'ubugingo, umuntu ahinduka ubugingo buzima.

Uwiteka Imana ikeba ingobyi muri Edeni mu ruhande rw'iburasirazuba, iyishyiramo umuntu yaremye. Uwiteka Imana imezamo igiti cyose cy'igikundiro cyera imbuto ziribwa, imeza n'igiti cy'ubwenge bumenyesha icyiza n'ikibi.

Uwiteka Imana ijjana wa muntu, imushyira muri iyo ngobyi yo muri Edeni, ngo ahingire ibirimo, ayirinde. Uwiteka Imana iramutegeka iti " Ku giti cyose cyo muri iyo ngobyi ujye urya imbuto zacyo uko ushaka, ariko igiti cy'ubwenge bumenyesha icyiza n'ikibi ntuzakiryeho, kuko umunsi wakiriye no gupfa uzapfa." Kandi Uwiteka Imana iravuga iti " Si byiza ko uyu muntu aba wenyine, reka muremere umufasha umukwiriye."

Inzoka yarushaga uburiganya inyamaswa zo mu ishyamba zose, Uwiteka Imana yaremye. Ibaza uwo mugore iti " Ni ukuri koko Imana yaravuze iti " Ntimuzarye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi?" Uwo mugore arayisubiza ati " Imbuto z'ibiti byo muri iyi ngobyi twemererwa kuzirya, keretse imbuto z'igiti kiri hagati y'ingobyi ni zo Imana yatubwiye iti 'Ntimuzazirye, ntimuzazikoreho, mutazapfa.' Iyo nzoka ibwira umugore, iti " Gupfa ntimuzapfa, kuko Imana izi yuko ku munsi mwaziriye, amaso yanyu azahweza mugahindurwa nk'Imana, mukamenya icyiza n'ikibi." Uwo mugore abonye y'uko icyo giti gifite ibyo kurya byiza, kandi ko ari icy'igikundiro, kandi ko ari icyo kwifuriza kumenyesha umuntu ubwenge, asoroma ku

**mbuto zacyo, arazirya, ahaho n'umugabo we wari kumwe na we, arazirya. Amaso yabo bombi arahweza, bamenya yuko bambaye ubusa, badoda ibibabi by'imitini,biremeramo ibicocero."**

Imana yacu, ya Mana yahumetse ubuzima muri Adamu, ya Mana yatereye ubusitani Adamu na Eva, iragukunda.

**Ikibazo: Ni mu buhe buryo tuzi ko Imana idukunda?** [Impamvu imwe tuzi ko Imana igukunda ni uko Itagukoze kuyikunda]. Iguha guhitamo niba wayikunda cyangwa utayikunda. Iyo iguhatira kuyikunda yari kuba itagukunda].

**Ikibazo: Ni mu buhe buryo wakwerekana ko ukunda Imana?** [Uburyo wakwerekana ko ukunda Imana ni ukuyumvira].

Reka ngire icyo mvuga kuri iryo jambo "kumvira". Ubusobanuro bw'ijambo kumvira ni nko " gukora icyo wabwiwe gukora". Ariko ubundi busobanuro ni " gusanisha." Gusanisha kw'ikintu cyangwa kw'umuntu ni ukuba nkacyo cyangwa nka we.

Uruganda rukora ikinyobwa cyitwa Gatorade rwakoreshje amafaranga menshi cyane muri publicite rwise "Ba nka Mike" bumvisha abaguzi ko niba wifusa kuba nk'umukinnyi Michael Jordan, icyo usabwa gusa ari ukunywa icyo kinyobwa cyitwa Gatorade.

Imana ntiyigeze ivuga, " Ba nka Mike," ariko iravuga iti " Ba nka Yesu."

**Ikibazo: Ni gute uba nk'undi muntu?** [Ugendana n'uwo muntu]. Ntiwigeze ubona ko, uko ugendana n'umuntu cyane, utangira kuvuga nka we no gukora nka we?

**Ikibazo: Ni gute ugera ku " Kuba nka Yesu?"** [Gendana na we]. Iyo wirirwanye na Yesu, uramumenya. Nkuko ugendana n'undi muntu hirya no hino, iyo ugendanye na Yesu, utangira kuba nka we. Utangira kwisanisha na we. Rero iyo wumvira Imana, urushaho kuba nka yo.

**Ikibazo: Ni kuki Imana yabanje kuduha amategeko?** [Ni ku neza yacu]

Bibiliya iravuga iti: " **Noneho Isirayeli, icyo Uwiteka Imana igusaba ni ugutinya Uwiteka Imana yawe, kugendera mu nzira ze , kuyikunda, gukorera Uwiteka Imana yawe n'umutima wawe wose na roho yawe yose, no kubahiriza amategeko y'Uwiteka n'amabwiriza nguha uyu munsi ku neza yawe?"**

Imana iratubwira, " Naguteguriye inzira kugira ngo ugende neza igithe ukurikiza amabwiriza yanje, ariko ni uguhitamo kwave niba wumvira cyangwa utumvira. Ibuka ko , uguhitamo kwave kugira ingaruka (ibisubizo by'ibyemezo byawe)."

Ufite umudendezo wo gufata ibyemezo, ariko nta mudendezo ufite ku ngaruka z'ibyo byemezo.

**Ikibazo: Ni iki Imana yavuze ku rubuto rw'igit cyo mu Busitani?** [Imana yabwiye Adamu na Eva kutarya ku mbuto z'igit cyari hagati mu busitani: usibye n'ibyo no kugikoraho].

N'ubwo urubuto rwasaga neza, kandi rwari urwo kwifuza, ku mpamvu izo arizo zose yari Ifite, yarubujije Adamu na Eva. Ariko Adamu na Eva ntibemera icyo Imana yari yarababwiye bahisemo kutumvira barasuzugura. Aho rero hari ingaruka z'ako gasuzuguro.

**Ikibazo: Uzi icyabaye kuri Adamu na Eva kubw'ako gasuzuguro?**[Ingaruka isumba izindi ni uko icyaha cyinjiye mu isi].

Bibiliya iravuga iti " **Kuko bimeze bityo, nk'uko ibyaha byazanywe mu isi n'umuntu umwe, urupfu rugera ku bantu bose kuko bose bakoze ibyaha.**" ( Abaroma 5:12).

**Ikibazo: Ni kuki utekereza ko nyoko cyangwa so cyangwa umwarimu wawe hari ibyo bakubuza ko utakwifuza?** [Na none ku neza yawe: kubwo kukurinda, kugira ngo uzabeho neza, ugire imyitwarire myiza n'indangagaciro zibereye].

Biba birenze uko mama wawe na papa wabe baba bafite impamvu mu ntekerezo zabo, ku nyungu zawe mu gihe hari ibyo bakubuza.

Imana ivuga ko ari ikosa gutekereza ibantu wabujije. Irabizi ko ibihe byinshi iyo twikoreye ibyo twifuza, ibikorwa byacu bishobora kutubyarira ibyago.

**Ikibazo: Ni gute ushabora kugendera kuri ibantu utagenewe? [Aha hari ibitekerezo]:**

**"Ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo, ni bwo ibyo byose muzabyongererwa. (Matayo 6:33).** Gutekereza gukiranuka nicyo cyingenzi mbere yo kugira icyo icyo ukora.

**"Ahubwo amategeko y'Uwiteka niyo yishimira, kandi amategeko ye ni yo yibwira ku manywa na nijoro." ( Zaburi 1:2)**

Soma Bibiliya kugira ngo umenye icyo Ibyanditswe bivuga kubijyanye n'ikiri kibi n'ikiri cyiza.

**"Ntumpe ubukene cyangwa ubukire, ahubwo umpe ibyo kurya binkwiriye..."(Imigani 30:8-9).** Nyurwa n'ibyo ufite.

**"Kandi Imana yanje izabamara ubukene bwanyu bwose, nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwayo buri muri Kristo Yesu."** ( Abafilipi 4:19). Ibuka ko Imana izaguha ibyo ukeneye byose.

Rimwe na rimwe wowe nanje twifuza ibantu bitatugenewe. Niyo mpamvu icyaha cyinjiye mu isi bikozwe no kutumvira Imana kwa Adamu, nk'ingaruka z'uguhitamo kwe, wowe na njye turacumura.

Inkuru nziza ni uko Yesu aguha imbaraga zo guhitamo neza mu gihe hari ibantu bitakugenewe. Saba Yesu agufashe kunyurwa n'ibyo ufite kandi wibuke ko Imana izaguha ibyo ukeneye byose.



Inkuru Nziza / Ivanjiri - byakusanyijwe na Kelly Londoni - Harare, Zimbabwe, Africa

Bibiliya ivuga ko Adamu na Eva batari banyuzwe n'ibyo Imana yari yabahaye kandi bifusa ibantu Imana yari yababwiye ko batagomba gutunga. Ingaruka y'icyo cyemezo yari kandi ikomeza kuba: kuzambagurika: icyaha. Igihe wifuje gukora ikintu gihabanye n'icyo Imana yavuze ni Ok- kutanyurwa n'ibyo Imana ivuga ni Ok - ibyo byitwa icyaha. Icyaha cy'inkomoko cya Adamu na Eva cyabatandukanije n'Imana kandi kigufiteho ingaruka uyu munsi. Mu buryo bw'umwuka wavutse uri intumbi, hatabayeho ubw'Imana ntiwabyishoboza. Noneho rero Imana hari icyo yakoze. Yohereje Umwana wayo Yesu kugira ngo abigutunganyirize. 1 Abakorinto 15:3-4 haravuga ngo **"Kristo yapfiriye ibyaha byacu....yazutse mu bapfuye ku munsi wa gatatu, nk'uko Ibyanditswe bibivuga."**

Yesu aguha imbaraga zo gufata ibyemezo bizima no kugufasha kunyurwa n'ibyo utunze no kwibuka ko Imana izaguha ibyo ukeneye byose ( Abafilipi 1:12-19).

Niba wifusa ko Yesu yaza mu buzima bwawe aka kanya, kugira ngo ashyire ibantu mu buryo hagati ya we n'Imana kandi aguhe imbaraga zo gufata ibyemezo bizima, ni kuki utamubwira aya magambo:

"Yesu, urukoze ko unkunda kandi ukaba warapfiriye ibyaha byanje. Mpisemo kugira umubano urambye nawe. Mbara mubagize umuryango wawe kandi ungire uwo wifusa ko mba."



ISOMO # 11: IBYATSI BIHORA ARI ICYATSI  
Ntukifuze ibya mugenzi wawe  
(Nyurwa n'ibyo ufite)

Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

"**Ni iki cyatumye usuzugura ijambo ry'Uwiteka, ugahangara gukora ibyangwa na we?" ( 2 Samweli 12:9)**

Indangagaciro

Ukunyurwa

kibazo cyo kuganiraho

**Ufite inshuti yawe mu minsi ishize yahawe ikintu cy'agaciro ku munsi w'amavuko cyangwa mu kwizihiza Noheli, nawe wifuje ko wagitunga? Cyari igiki? Uracyacyifuza?**

Isubiramo

Mu cyigisho cyacu cya Bibiliya cyo mu cyumweru gishize twavuze ukuntu Adamu na Eva bifuje ibintu Imana yari yarababujije nk'nk'ingaruka zo kutumvira icyaha kikinjira mu isi. Kandi twanavuze ku bijyanye no kunyurwa n'ibyo dufite kuko Imana izaduha ibyo dukeneye byose.

Iriburiro

Umuraba bise Greyhound wabaye mu nyanja ya Atalantika mu gihe kirenze icyumweru. Ku munsi wa cumi na rimwe w'uwo muraba, umusare witwa John Newton yari yananijwe no kugashya, birumvikana yari arushye cyane noneho agerageza guhagarika ubwato. Uhoreye ku isaha imwe y'umugoraba ukageza isaa sita z'ijoro yari mu rungabangabo.

Uko umuraba warushagaho gukomera, Newton yagize igihe cyo gutekereza. Ubuzima bwe bwari bumeze nkaho burimo burindimuka ubwo yabonaga ubwato bwe burimo bumanuka bujya kurohama. Yari amaze imyaka cumi n'umwe ubuzima bwe ari ubwo ku nyanja. Abasare ntabwo bari bazi uburyo babayeho nabi, ariko Newton yari azwi nk'umuntu ufite ubuzima bwa kinyamaswa, bwanakomeretsaga abandi basare.

Newton yari yaranze inyigisho za nyina kubijyanye na Bibiliya kandi anagusha abandi basare mu kuba abapagani. Birumvikana yari mu rungabangabo hagati y'urupfu no gukira, n'ubwo lbyanditswe byari ukuri. Ibitekerezo bya Newton bitangira kumuujyana kuri Yesu Kristo.

Uwo munsi mu rungabangabo, tariki ya 21 Werurwe 1748, ni umunsi utakwibagirana kuri Newton uhoreye icyo gihe, kuko "Kuri uwo munsi Uwiteka yarandohoye ankura munsi y'amazi." Ubuntu bw'bitangaza by'Imana bushobora gufata umwibone, umuswa, umucuruzi w' abacakara, akamuhindura umwana w'Imana.

N'ubwo Newton yakomeje umwuga we w'ubusare no guceruza abacakara mu gihe runaka, ubuzima bwe bwarahindutse. Ku myaka mirongo itatu n'icyenda, John Newton yatangiye kubwiriza Ubutumwa bwiza bwo kwigisha Yesu Kristo akaba yarabikoze imyaka mirongo ine n'itatu.

Mu gihe cy'amateraniro y'ikigoroba, Newton yakundaga guhimba indirimbo ijyanye n'inyigisho cyangwa Icyanditswe cy'uwo mugoroba. Indirimbo ye izwi cyane, n'uyu munsi tuzi ni ivuga ngo " Ubuntu butangaje." (Christian History Institute, Glimpses. Article # 28, [www.gospelcom.net](http://www.gospelcom.net)):

**Ubuntu butangaje, mbega ijwi ryiza  
Ryarokoye umunyantege nka njye  
Hari igihe nari naratakaye, ariko ubu narabonywe  
Nari impumyi, ariko ubu ndabona,**

Igihe kimwe John Newton yari yaratakaye ariko ubu yabonetse. Yari azi ububi bwe n'uko Imana yamurokoye imuvana mu bibi. Uyu munsi tugiye kumva inkuru yo muri Bibiliya y'umuntu wakoze ibiteye ubwoba; nyuma Imana ikamurokora, n'uko yasubije Imana nyuma yo kurokorwa.

Dawidi na Batisheba  
( Icyanditswe: 2 Samweli igice 11 - Igice 12:1-10)

#### Ubusobanuro

Umwaka utashye, Dawidi (umwami wa Isirayeli) yohereje Yowabu (umujenerari mu basirikare) n'Abasirikare b'Abisirayeli bose ku rugamba. Ariko Dawidi yisigarira i Yerusalem.

**"Bukeye nimugoroba Dawidi yibambuye ku gisasiro cye, aza agendagenda hejuru y'inzu y'umwami. Maze ahagaze hejuru aho abona umugore wiyyuhagiraga, yari umugore mwiza w'ikibengukiro. Dawidi amubonye atuma kubaririza uwo mugore uwo ari we. Maze umuntu aramubwira ati " Si Betisheba mwene Eliyamu umugore wa Uriya w'Umuheti?" Nuko Dawidi yohereza intumwa kumuzana..."**

Dawidi hari icyo yakoze kibi cyane muri iyi nkuru. Yashakaga Batisheba kuba umugore we n'ubwo yari azi ko ari umugore wa Uriya. Noneho ikindi kintu kibi cyane cyarabaye. Dawidi yabonye ubutumwa bwa Betisheba. Ubutumwa bwari buteye butya, " Dawidi, Narasamye muri rya joro wanjanaga mu nzu y'ubwami"

Dawidi yari azi ko yakoze ikintu kibi cyane, kandi ko Imana itamwishimiye.

**Ikibazo: Ni kuki utekereza ko Imana itishimiye Dawidi?** [Umurimo w'umwami wari uwo kuyobora no kurinda Ubwoko bw'lmana bakora ibyiza kandi bayumvira. Ariko Dawidi hari icyo yakoze gikomeretsa umwe mu bantu bayo kandi ntiyumviye amateko y'lmana. Icyifuzo cye kibi cyamujyanye mu kwiba, kubeshya no kwica]!

Umva uko Imana yasubije kuri uko kutumvira kwa Dawidi:

**"Uwiteka atuma Natani kuri Dawidi, ageze iwe aramubwira ati "Habayeho abantu babiri mu mudugudu umwe, umwe yari umutunzi, undi ari umukene. Kandi uwo mutunzi yari afite amashyo y'inka n'intama nyinshi cyane. Ariko uwo mukene we ntacyo yari afite keretse akagazi k'intama yari yaguze akakarera, kagakurana n'abana be bo mu rugo, kakarya ku two kurya twe, kakanywera ku nkongoro ye kandi karyamaga mu gituza cye, kaba nk'umukobwa we."**

**Bukeye haza umugenzi kwa wa mutunzi, umubi ni uwenda mu nka ze cyangwa mu ntama ze ngo azimanire uwo mushyitsi wamugendereye, ahubwo ajya kwenda wa mwagazi w'intama wa wa mukene, awuzimanira umushyitsi we."**

**Maze Dawidi aherako arakarira uwo mugabo cyane, Ni ko kubwira Natani ati "Ndahiye Uwiteka uhoraho, umuntu wakoze ibyo akwiriye gupfa. Kanid azarihe umwana w'intama kane, kuko yakoze ibimeze bityo kandi kuko atagira impuhwe."**

N'uko Natani abwira Dawidi ati " Erega uwo mugabo ni wow! Uku niko Uwiteka Imana ya Isirayeli ivuze itya iti ' Nakwimikishije amavuta ngo ube umwami wa Isirayeli, ngukiza amaboko ya Sawuli nguha inzu ya shobuja nguha n'abagore be baragusegura, kandi nkugabira umuryango wa Isirayeli n'uwa Yuda. Kandi iyo biba byarabaye bike, mba narakongereyeho ibindi. Ni iki cyatumye usuzugura ijambo ry'Uwiteka, ugahangara gukora ibyangwa na we: wicishije Uriya w'Umuheti inkota kandi ugacyura umugore we, umugira uwawe." (2 Samweli 12: 1-10).

Natani amaze kuvuga, Noneho Dawidi abwira Natani ati, " Nacumuye ku Uwiteka." ( 2 Samweli 12:13).

**Dawidi yemereye Imana ko ibyo yakoze ari bibi. Dawidi yahaniwe ibibi yakoze.**

**Ikibazo: Uraterekereza ko Dawidi yakoze iki nyuma yo kwemera ko icyo yakoze ari kibi?** [Nyuma y'uko Dawidi yemeye ko icyo yakoze ari kibi, yanditse Zaburi].

Zaburi ivuga ngo, **"Mana undememo umutima wera...(Zaburi 51:12)**. Dawidi yari azi ko yemereye ibigeragezo byo gushaka ibitari ibye kugira ngo yibagirwe amategeko y'lmana no kwitekerezaho we ubwe wenyine. Yari azi ko yari akeneye kwihana ibitekerezko bye bipfuye no kwifuza, nuko asaba imbabazi.

**Ikibazo: Kuki utekereza ko Imana yashyizeho " Nyurwa n'ibyo ufite" inyuma mu Mategeko icumi?** [Kubera ko kwifusa nabi bishobora kutuyobora mu kwangiza andi icyenda asigaye].

**Ikibazo: Ni gute dushobora gushyira mu bikorwa kunyurwa n'ibyo dufite?** [Hano hari ibitekerezo]:

Nyurwa n'imigisha myinshi ufite. Bibiliya iravuga iti: "...**kuko uko ndi kose nize kunyurwa n'ibyo mfite...**" (**Abafilipi 4:11**).

Tekereza kubyerekeye niba ibitekerezo byawe n'ibikorwa byawe bishimisha Imana. Bibiliya iti: "**Umusore azeza inzira ye ate? Azayejesha kuyitondera nk'uko ijambo ryawe ritegeka. Nagushakishije umutima wose, ntukunde ko nyoba ngo ndeke ibyo wategetse. Nabikiye ijambo ryawe mu mutima wanje kugira ngo ntagucumuraho**" (Zaburi 119:9-11).

Tekereza niba ibyifuzo byawe byafasha abandi. Bibirliya iti "**Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ukwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi**" (**Abafilipi 2:4**)).

## ISOMO # 12: BIKEMURANE UMUCYO ( Igice 1)

Ntukibe  
(Wubahe iby'abandi)

### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

### Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

"**Kunda mugenzi wawe nk'uko wikunda. Ufite urukundo ntagirira mungenzi we nabi..."**(Abaroma 13:9-10).

### Indangagaciro

Kwita ku nshingano no kubaha

### kibazo cyo kuganiraho

**Waba wowe cyangwa se mu muryango wawe mwaribwe? Byatumye wumva umeze gute?**

### Iriburiro

Ibikorwa byawe ni igisubizo cyihuse cy'ibyo utekereza. None rero, n'iby'igiciro ko ugira ibitekerezo byiza muri wowe.

Uyu munsi tugiye kuvuga uburyo butandukanye abantu biba n'impamvu Imana ivuga ngo " Ubaha imitungo y'abandi."

Bikemurane umucyo  
( Icyanditswe: Imiringo yatoranyijwe)

**Ikibazo: Ni izihe mpamvu ushobora kubona zituma abantu biba?** [Abantu biba kubera impamvu nyinshi zitandukanye, nta mpamvu n'imwe iri iy'ukuri]:

• Imitima yacu ntisukuye. Bibiliya iravuga iti: "**Umutima w'umuntu urusha ibuntu byose gushukana**", **kandi ufite indwara ntiwizeye gukira.**"(Yeremiya17:9). Imiterere ya kamere yacu itubwiriza gukora ikibi.

- Abantu bamwe ntabwo banyurwa n'ibyo batunze kandi bashaka kubyongera - rimwe na rimwe badashaka gutegereza cyangwa kubikorera.
- Abantu bamwe baciye amazi amategeko y'Imana
- Abantu bamwe ntibitaye ku byiyumviro by'abandi
- Abantu bamwe ntibizera ko Imana izabaha ibyo bakeneye.

**Ikibazo: Ni izihe nzira eshatu abantu bashobora kwibiramo abandi?**

- Gufata umutungo w'undi muntu utabisabiye uruhushya
- Kwiba icyubahiro cyangwa ubutegetsi
- Kwiba igihe cyangwa umwanya

Reka tuvuge ku ngero zimwe:

**Ikibazo: Ni uruhe rugero rw'uko abanyeshuri biba abarimu babo?** [Batumva mu ishuri].

Umukobwa witwa Smart amara umwanya munini ategura amasomo yo kwigisha mu ishuri. Iyo Billy Bob arimo aganira n'inshuti ze mu ishuri agatuma isomo riagarara, Miss Smart akenera guhagarika akavuga ku myifatire, Billy Bob yamaze kumwiba igihe cye.

**Ikibazo: Ni uruhe rugero rw'uko abanyeshuri biba bagenzi babo bigana?** [Mu gucamo ibice ishuri]

Igihe Miss Smart yavugaga kubijyanye n'imyifatire mibi ya Billy Bob, umwanya wo kwiga wa bagenzi we nawo waribwe.

**Ikibazo: Ni uruhe rugero rw'uko wakwiba ababyeyi bawe?** [Kubasuzugura]. Ababyeyi ba Sugar Sweet bamusabye kuzimya TV agakora umukoro wo murugo. Iyo Sugar abyante, ubutegetsi bw'ababyeyi be buba bwibwe, kubera ko yasuzuguye ubutegetsi Imana yabahaye nk'uko ari uburenganzira bwabo [ reba wubahe so na nyoko].

**Ikibazo: Ni uruhe rugero rw'ukuntu abantu bakorana bashobora kwibana?** [Hagira ibyo basimbuka badakoze]. Niba Samantha Grassfield asibye imyitozo y'umupira w'amaguru kubera ko abyishakiye, yibye umwanya bagenzi be bakinana wo kongera ubumenyi kubera ko Umutoza Midfield akeneye ko abakinnyi bose baba bahari kugira ngo bakore imenyereza ryiza.

### **kibazo: Ni ibihe byago byo kwiba?**

Kwiba umutungo w'undi muntu bishobora ku gushyira mu kaga bijyanye n'itegeko  
Kwiba bishobora gusenza ubucuti  
Kwiba bishobora gutuma uterwa icyizere  
Kwiba bishobora gutuma uvuga ibinyoma ugerageza guhishira icyo gikorwa cyo kwiba.  
Kwiba bishobora gutuma ubigira akamenyero.

### **Ikibazo: Ni iyihe mirongo ya Bibiliya ishobora kugufasha kubaha no gukorera abandi ibyiza?**

"**Kuko uko ndi kose, nize kunyurwa n'ibyo mfite..."**(Abafilipi 4:11). Nyurwa n'imigisha myinshi utunze.

- "**Umusore azeza inzira ye ate? Azayejesha kuyitondera nk'uko ijambo ryawe ritegeka.**(Zaburi 119:9). Shyira Imana mu mutima wawe.
- "**Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ukwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi**"(Abafilipi 2:4). Mbere y'uko ugira icyo ukora, genzura niba ibyifuzo byawe byafasha abandi.
- "**...anga ikibi..."** ( Abaroma 12:9). Fata ukwiba nk'ikibi kandi ucyange.

### **Ikibazo: Ni ikihe wagombye gukora igihe hari uwakwibye? [Ba umugwaneza kurusha uko wakwihorera]**

Bibiliya iravuga iti: "**Murebe hatagira uwitura undi inabi yamugiriye, ahubwo mujye mukurikiza icyiza iteka mubyo mugirirana no mubyo mugirira abandi bose.**" (1Abatesaloniki 5:15). Ntabwo bisobanuye ko ugomba kwicara ngo uvuge ngo,"Ni byiza, ni bibi, birababaje. Hari uburyo bwinshi bwo gukemura iki kibazo." Ntibisobanuye gusimbuza ufata ibye. Ubwo uzaba ufatanyije nawe gukora ikibi yakoze.

Imana yanga kwiba kuko bisenza imibanire. Nk'Abakristo, twabwiwe ngo "**...Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda. Ufite urukundo ntagirira mugenzi we nabi**"(Abaroma 13:9-10). Bivuye mu bufasha n'Imana, kwerekana ubugwaneza, ubugiraneza, no kwisuzuma, bizafasha abandi kubona ko inzira z'Imana ari nziza.



Inkuru Nziza / Ivanjiri- byakusanyijwe na Wes Garwood - Dallas, TX

Twavuze cyane kubijyanye no kwiba muri iri somo, ndatekereza ko twakagombye kwemeranya twese ko kwiba ari bibi.

**Ikibazo: Ni ikihe kintu kibi cyane kijyanye no kwiba?** [kwiba ni icyaha kandi icyaha kigomba guhanwa - kandi icyo gihano kidutandukanya n'Imana burundu].

**Ikibazo: None igikorwa cyo kwiba (icyaha) cyakubuza ijuru? [Yego].**

None, ni ikihe kintu cya mbere cya gufasha kugera mu ijuru? Bibiliya ivuga ko inzira imwe yo kwinjira irembo ry'ijuru ko ari uguca kuri Yesu Kristo. Yesu aravuga ati, "**Ninjye nzira n'ukuri n'ubugingo, ntawe ujya kwa Data ntamujyanye**" ( Yohana 14:6).

Muze kuri Data ni ubundi buryo bwo kuvuga kubana na we mu Ijuru. "Noneho igihe Yesu avuga " ninjye nzira" bivuze ko nta wundi uretse Yesu ushabora kubarira ibicumuro byawe nta kiguzi.

Yegeje kure igihano cyawe cy'icyaha ku musaraba, aho yaharuye inzira yo kukugeza mu ijuru.

Nta cyaha kinini cyo Imana itabarira. Agakiza, kubw'ibyaha byawe ni impano waboneye ubuntu. Ntushobora kuba mwiza rwose cyangwa gukora cyane ngo ukaronke - ni impano - ariko ni impano mu gihe uyakiriye.

Niba witeguye kwakira agakiza nk'impano y'lmana ugomba gusenga isengesho ry'ukuri nk'iri:" Mana Data, ndashaka kukumenya kandi nkagusaba kuza mu buzima bwanjye. Nizera Umwana wawe Yesu wapfuye ku musaraba kugira ngo yishyure ikiguzi cy'ibyaha byanje, none ubu ndashaka gushyira ubuzima bwanjye kuri wowe."

Niba wasenze iri sengesho, amagambo yo ubwayo nta bukonikoni yifitemo. Ariko niba mu by'ukuri wasabye Yesu kuza mu buggingo bwawe, ubu watsindishirijwe kandi wagiye mu muryango w'lmana n'ubuzima bwawe kuva uyu munsi bwahindutse iteka kuko Yesu we ubwe azakugira nka we. Ntabwo bisobanuye ko utazongera gecumura ukundi, ariko urababariwe kandi ufite imbaraga za Yesu Kristo zigushoboza kubaho ubuzima buhesha Imana icyubahiro.



## ISOMO # 13: NI BYIZA (Igice 2)

Ntukibe  
(Wubahe iby'abandi)

### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

### Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

"...nuko mugaragu mwiza ukiranuka, wakiranutse muri bike, nzakwegurira byinshi, injira mu munezero wa shobuja." (Matayo 25:21).

### Indangagaciro

Gufata inshingano

### kibazo cyo kuganiraho

Tekareza ku gikorwa mu minsi ishize umwarimu wawe yaguhaye gukora. Ese umwarimu yishimiye uko wagikoze?

Mu cyigisho cya Bibiliya uyu munsi tugiye kurebera hamwe uburyo bubiri abantu bashobora kwiba Imana:

Kutita ku bushobozi Imana yaduhaye  
No kutita kubyo yaduhaye

Reka turebere hamwe inkuru iradufasha kumva uko dushobora kwita kubyo Imana yaduhaye.

Umugani w' Itaranto

(Icyanditswe: Matayo 25:14-30)

"Bizaba nk'iby'umuntu wari ugiye kuzindukira mu kindi gihugu, ahamagara abagaragu be abasigira ibantu bye, aha umwe italanto eshanu, undi amuha ebyiri, undi amuha imwe uko umuntu ashoboye, arazinduka. Uwo mwanya uwahawe italanto eshanu aragenda arazigenza, agenzuramo izindi talanto eshanu. N'uwahawe ebyiri abigenza atyo, agenzuramo izindi ebyiri. Ariko uwahawe imwe aragenda acukura umwobo, ahishamo italanto ya shebuja.

Maze iminsi myinshi ishize, shebuja w'abo bagaragu araza, abarana na bo umubare w'ibyo yabasigiye, U wahawe italanto eshanu ati 'Databuja, wansigiye italanto eshanu, dore nazigenzuyemo izindi talanto eshanu.'

Shebuja aramubwira wakiranutse mu bike, nzakwegurira byinshi, injira mu munezero wa shobuja.' N'uwahawe italanto ebyiri araza aravuga ati 'Databuja, wansigiye italanto ebyiri, dore nazigenzuyemo izindi talanto ebyiri.'

Shebuja aramubwira ati nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka, wakiranutse mu bike, nzakwegurira byinshi, injira mu munezero wa shobuja.'

N'uwahawe imwe araraza aravuga ati 'Databuja, nari nzi ko uri umunyamwaga, ko usurura aho utabibye, ko uhunika ibyo utagosoye ndatinya, ndagenda mpisha italanto yawe mu butaka, dore ngiyo, ibywae urabifite.'

Ariko shebuja aramusubiza ati 'Wa mugaragu mubi we, wa munyabute we, ko wari uzi ko nsarura aho ntabibye, mpunika ibyo ntigosoye, italanto yawe ntiwari ukwiriye kuyiha abagenzi, nanje naza ukampana iyanje n'in'yungu yayo? Nuko nimuyimwake, muihe ufite italanto icumi. Kuko ufite azahabwa akarushirizwaho, ariko udafite azakwa n'icyo yari afite. N'uyu mugaragu ntacyo amaze, mumujugunye mu mwijima hanze. Ni ho bazaririra bakahahekenyera amenyo.'

**Ikibazo: Ni ukubera iki abagaragu babiri bahembwe?** [Abagaragu babiri bacunze neza ibyo bari bahawé, kandi ba koresha ubushobozi bwabo neza].

**Ikibazo: Ni ukubera iki umukoresha yarakariye undi mugaragu?** [Utaragororewe yari yoroshye kandi ari n'umunebwe]. Yarimo yiba Imana kuko yapfushaga ubusa ubushobozi Imana yamuuhaye, kandi agasesagura uburyo Imana yari imwizeyemo gukora.

Imana yarebaga ibyo umunyabute yakoraga nko kwiba kuko Imana yamubaraga nk'umugaragu uyikorera akazi neza, ahubwo akaba ntacyo yashoboye kubona.

**Ikibazo: Ni irihe somo ry'ingenzi wakura muri iyi nkuru?** [ Buri kimwe cyose ni icy'Imana]. Bibiliya iravuga iti" Isi n'ibiyuzuye ni iby'Uwiteka, Isi n'abayibamo." ( Zaburi 24:1).

Nk'abagaragu bo mu nkuru yo muri Bibiliya, Imana iguha imitungo imwe ngo uyigenzure, kandi iha buri wese muri mwe ubushobozi budasanzwe mu gufata ibyemezo kuri iyo mitungo. Umurongo muri Bibiliya uvuga utya: "**Twahawe impano zitandukanye, bigendeye ku buntu twahawe [Imana ikurikije uko ibona tubikwiriye]**". (Abaroma 12:6).

Reka turebere hamwe uko ibi bikora. Fasha mu gutekereza ibisubizo kuri izi ngero:

Umwarimu afite ubushobozi [gufasha abantu kwiga]

Umuganga yumva uko umubiri ukora kandi afite ubushobozi [bwo kuvura]

Umutoza ashobora gufasha abananuzi b'imitsi kumva [uko bakorera hamwe nk'itsinda]

Umunyabugenzi azi [ gushushanya]

Umwubatsi azi uko [ bubaka amazu]

Umuuyanama azi uko [bumva abantu kandi akabaha inama nziza]

Umukozi w'Imana aftie ubumenyi mu [gufasha abantu kwiga Bibiliya]

Umuhinzi azi uko [beza ibihingwa biribwa]

Hatitawe kubyo twahawe gutunganya, ibi nibyo Imana itegereje kuri buri wese, "**Ibyo mukora byose mubikore mubikuye ku mutima nk'abakorera Shobuja mukuru badakorera abantu....**" ( Abakolosayi 3:23).

Rero iyo ukora umukoro wawe, uwukore kugira ngo ukuze akamenyero n'indangagaciro zizagufasha gukoresha ubwenge n'ubushobozi mu rugendo rw'ubuzima bwawe.

Umumenyereza yarimo afasha umunyeshuri wo mu ishuri rikuru mu mibare. Umunyeshuri aravuga ati: " Ni ukubera iki ngomba kwiga ibi? Ndashaka kuba umushoferi utwara amakamyo mu gihe nzaba nshaje." Umumenyereza aramusubiza, " Ni byiza, iyo uri umushoferi w'ikamyo, uba ufite inshingano zo gutwara no kudatwara ikamyo yawe. Ugomba kumenya ibiro ikamyo yawe ifitiye ubushobozi. Iki nicyo yongeyeho. Ugomba no gutanga raporo y'ibyo wakoreshje. Ibyo ni icungamutungo. Ubu rero reka dukore imibare, turabikora?

**Ikibazo: Ni iki Imana ishaka ko uyikorera?** [Ikintu kimwe ubu ngubu ni ugufata inshingano kubyo usabwa gukora, yaba umukoro wo mu rugo umwarimu wawe yaguhaye, cyangwa kwiga kumvira ababyeyi bawe. Ikindi kintu ni ukwiga kumenya uko Imana ishaka ko ubaho].

Rero, Imana irakubwira iti " Aha hari umurimo nshaka ko ukora," uzaba witeguye. Igihe uzaba urangije Imana izashobora kukubwira iti: " Ni byiza, ni uko n'uko mugaragu mwiza!"



Inkuru nziza/ Ivanjri- Byakusanyijwe na Brock Bailey - Dallas, TX

Bibiliya itubwira ko "**Uwahawe byinshi azabazwa byinshi, n'uweguriwe byinshi ni we bazarushaho kwaka byinshi.**" Luka 12:48). Umugaragu yahawe italanto nyinshi ngo azigenzure kandi agarurire shebuja inyungu nyinshi. Ni kimwe, igihe duhawe imigisha n'Imana tukabona impano, italanto, amafaranga n'ibintu, ntabwo iba idutegerejeho kugira ubugugu ngo twikubire izo mpano. Nta n'ubwo iba ishaka ko tuzihisha cyangwa ngo ducanganyikishwe n'iyo migisha. Ahubwo, idutegerejeho ko dufata iyo migisha tukayikoresha mu nyungu yaziduhereye - gufasha abandi, mu kubikora, duhesha Imana icyubahiro yo yayiduhaye. Bikomeje, ntabwo iteganya ko twazahagarika gusangira n'abandi imigisha yacu kubera ko twatanze byinshi cyangwa se twarushije

bagenzi bacu. Iyo umugaragu wahawe eshanu igihe yagezaga kuri ebyiri ahagararira aho nka ya nshuti ye, yagombaga kuba yatsinzwe shebuja akamugaya.

Hazabaho igihe buri umwe muri twe bitewe n'imigisha yacu, impano cyangwa italanto byacu, tuzahura n'ibikomeye: ububabare, imihangayiko, uburwayi, cyangwa se ibibazo by'amafaranga. Imana iratubwira ko tugomba guhatana muri ibyo byose kandi ntitwibagirwe ko iri kumwe natwe. Nibyo, benshi bashobora kuvuga ko uburyo dukoresha impano zacu, italanto n'ibyo dutunze mu bihe bitandukanye bigoranye, byereka isi akensi ukwizera kwacu kurusha iyo dukora mu bihe byiza ku ishuri, mu mikino cyangwa se mu bucuruzi. Pawulo araduhugura ati "**Mwishime iteka, musenge ubudasiba, mubibaho byose muhore mushima, kuko aribyo Imana ibashakaho muri Kristo Yesu.**" (**1Abatesaloniki 5:16-18**). Mu gihe dukoresha impano zacu kubwo guhimbaza Imana, duseka, tugaragaza isura nziza, tuba dukora ugushaka kw'Imana n'ljambo ryayo.

Bibiliya ivuga ko "**kuko muzi ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo uko yari umutunzi, maze agahinduka umukene ku bwanyu kugira ngo ubukene bwe bubatungishe.**" (**2Abakorinto 8:9**). Yesu, Umuremyi, yasize ubutunzi bwe mu ijuru aba umugaragu w'ibyo yaremye, kugira ngo wowe nanje dushobore kubona ijuru. Waba wararetse uwakuremye kandi ukuzi mu izina ngo yinjire mu buzima bwawe kugira ngo wakire ubukire bwose yakubikiye? Niba utarabikoze, aragutegereje ngo ubimusabe.



## ISOMO # 14: IBUKA UWITEKA IMANA Yawe (Igice 3)

Ntukibe  
( Wubahe iby'abandi)

### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

#### Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

" Uzirinde we kwibwira uti 'Imbaraga zanje n'amaboko yanje ni byo byampesheje ubu butunzi. Ahubwo uzibuke Uwiteka Imana yawe, kuko ari yo iguha imbaraga zikuronkesha ubutunzi..." ( Gutegeka kwa kabiri 8:17-18).

### Indangagaciro

Icyubahiro

#### Ikibazo cyo kuganiraho

**Waba warigeze kwandika inyandiko ishimira? Ni nde wandikiye kandi ni iyihe mpamvu wayimwandikiye?**

### Isubiramo

Mu nyigisho zazu za Bibiliya zo mu cyigisho cyo mu cyumweru gishize twarebeye hamwe uburyo abantu biba Imana: lyo batitaye kubyo Imana yabashinze.

### Iriburiro

Uyu munsi tugiye kuvuga buryo ki abantu biba Imana: biba Imana icyubahiro cyayo n'ikuzo ifitiye uburenganzira.

### Ubusobanuro

Abisirayeli bari begereje kwinjira ku butaka bw'isezerano basezeranyijwe n'Imana nyuma yo kuzerera igihe kirekire mu butayu imyaka 40 nyuma yo kuva mu Egiputa. Mose aburira abantu kutibagirwa uko Imana yabatunze mu byo bakeneye byose mu gihe cy'imyaka 40.

Wibike Uwiteka Imana yawe

( Icyanditswe: Gutegeka kwa kabiri igice cya 8)

"Amategeko yose mbategeka uyu munsi mujye muyitondera tuyumvire kugira ngo mubeho mugwire, mujye mu gihugu Uwiteka yarahiye ba sekuruza banyu ko azabaha, mugihindure. Kandi ujye wibuka urugendo rwose rwo mu butayu, Uwiteka Imana yawe yakuyoboyemo iyi myaka uko ari mirongo ine, kugira ngo igucishe bugufi, ikugerageze imenye ibyo mu mutima wawe, yuko wakwitondera amategeko yayo cyangwa utayitondera. Nuko yagucishije bugufi ikundira ko wicwa n'inzara, ikugaburira manu wari utazi, na ba sekuruza banyu batigeze kumenya, kugira ngo ikumenyeshe yuko umuntu adatungwa n'umutsima gusa, ahubwo yuko amagambo yose ava mu kanwa k'Uwiteka ari yo amutunga. Imyenda yawe ntiyagusaziragaho, kandi ikierenge cyawe nticyabyigamba muri iyo myaka uko ari mirongo ine. Emeza umutima wawe y'uko Uwiteka Imana yawe iguhanisha ibihano, nk'uko umuntu ahana umwana we.

Ujye witondera amategeko y'Uwiteka Imana yawe, ugende mu nzira ikuyoboye, uyubahe. Kuko Uwiteka Imana yawe ikuhyana mu gihugu cyiza, kirimo imigezi n'amasoko n'ibidendezi birebire, bitembera bidudubiza mu bikombe no ku misozi. Ni igihugu cy'ingano na sayiri, n'imizabibu n'imitini n'amakomamanga, n'igihugu cy'imyelayo n'ubuki, ni igihugu uzariramo ibyo kurya ntibibure, ntuzagire icyo ugikeneramo. Ni igihugu cy'amabuye y'ibyuma, n'icy'imisozi wacukuramo imiringa." (Gutegeka kwa kabiri 8:1-9)."

**Ikibazo: Ni mu buhe buryo Imana yitaye kuba Isirayeli mu butayu?** [Imana yabayoboye mu butayu, yabagaburiye manu, yabaraye imyambaro, yabarainze gukomereka n'ubwo bagenze urugendo rurerure].

**Ikibazo: Ni iki cyari gishishikaje Mose ku bijyanye n'uko bazaba bageze mu Gihugu cy'isezerano?**

[Mose yari ashishikajwe n'uko igihe Abayisirayeli bazaba bageze mu Gihugu cy'isezerano, batazibagirwa ko Imana yabitayeho igihe bari mu butayu]. Ko batakwibagirwa gushimira Imana ku migisha yose bari bagiye guhabwa.

**Ikibazo: Ni iyihe migisha Imana yari igiye gusesekaza ku bantu mu gihe bazaba bageze mu Gihugu cy'isezerano?** [Imigezi n'amasoko, ibyo kurya, imitungo kamere]. Bagombaga kubona icyo bakeneye cyose ngo babeho.

Reka dukomeze n'inkuru:

" Uzarye uhage, uzashimira Uwiteka Imana yawe igihugu cyiza yaguhaye. Wirinde ntuzibagirwe Uwiteka Imana yawe, ngo utitondera ibyo yategetse n'amateka yayo n'amategeko yayo, ngutegeka uyu munsi. Numara kurya ugahaga, ukamara kubaka amazu meza ukayabamo, inka zawe n'izahabu zawe n'imikumbi yawe, n'ifeza zawe n'izahabu zawe n'ibyo ufite byose bikaba bigwiriye, uzirinde umutima wawe we kwishyira hejuru, ngo wibagirwe Uwiteka Imana yawe yagukuye mu gihugu cya Egiputa, mu nzu y'uburetwa," (Gutegeka kwa kabiri 8:10-14).

**Ikibazo: Ni irihe somo ry'ingenzi wakura muri iyi nkuru ya Bibiliya?** [ Iyo wibagiwe gushimira Imana ku cyo yagukoreye, uba urimo wiba icyubahiro cyayo, uhereye ko mbere na mbere ibantu byose ari ibyayo]. Ibyanditswe bivuga biti: " Isi n'ibiyuzuye ni iby'Uwiteka, Isi n'abayrimo." ( Zaburi 24:1).

Imana irashaka ko ujya wibuka kuyishimira mu bintu byose: umwuka uhumeka, amazi unywa; n'umubiri wawe ugufasha kwishimira impano yaguhaye.

**Ikibazo: Hari inzira eshatu dushobora kwibiramo Imana. Uraterekereza byaba ari ibihe?** [Ubushobozi bwacu, amafaranga yacu, amagambo yacu n'ibikorwa byacu].

Nk'Abayisilayeli, iyo wibagiwe gushimira Imana kuba yaguhaye uburyo bwo kwiga imibare cyangwa gusoma, cyangwa gukina imikino, cyangwa gukina ibyuma bicuranga, ibyo ni ukwiba Imana kuko ari ukuyiba icyubahiro igomba kuko yaguhaye.

Wibuke gushimira Imana kuko ushoboye. Kandi ukoreshe ubwo bushobozi neza.

**Ikibazo: Ni uruhe rugero rw'uko ushobora kwirinda kwiba Imana kubw'amafaranga yawe?** [Mu gutanga icya cumi n'amaturo]. Imana iti: "...mwaranyimye. Nyamara murabaza muti 'Twakwimye iki? [Imana iti]" Mwanyimye imigabane ya kimwe mu icumi n'amaturo. (Malaki 3:8).

Imana igusaba kuyisubiza umugabane muto mubyo yaguhaye. Iyo utibye Imana ukoresheje uburyo bwo gufasha abandi mu byo bakeneye ku byo yaguhaye. Binagufasha kwizera mu Mana kuri buri gice cy'ubuzima bwawe. Iyo wirengagije amategeko y'Imana muri buri gice cy'ubuzima bwawe, ubuzima bwawe ntibuzigera buba bwiza nk'uko byakagombye.

Wibuke gusubiza Imana umugabane muto muri byinshi yaguhaye.

**Ikibazo: Ni uruhe rugero rw'uko ushobora kwirinda kwiba Imana mu magambo yawe cyangwa mu bikorwa byawe?** [Igihe uvuga mu buryo buhesha Imana icyubahiro]. Bibiliya iti: " Kuko aba bantu banyegera bakanyubahisha akanwa kabon niminwa yabo, ariko imitima yabo bakayinshyira kure." (Yesaya 29:13).

Iyo uvuga ikintu gihesha Imana icyubahiro, ariko ugahindukira ugakora ibidahesha Imana, wibye uko isanzwe izwi (Imana) n'izina ryayo; Imana ikagenda ita agaciro buhoro buhoro kuri wowe no ku bandi.

Ubahisha Imana amagambo yawe n'ibikorwa byawe.

Ikibazo: Ni ibihe bintu byiza Imana yaguhaye wowe n'umuryango wawe? [Inzu, ibyo kurya, ubuzima, inshuti, itorero, Umwana wayo Yesu].

**Ikibazo: Ni gute ushabora gushimira Imana kubw'ibi bintu buri munsi? [Andika akandiko ko gushima n'ubuzima bwawe].**

## ISOMO # 15: WIBUKE UWITEKA IMANA YAWE ( Igice 4)

Ntukibe  
(Wubahe iby'abandi)

Isubiramo ry'umukoro  
Ibibazo n'umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w'isomo ry'uyu munsi  
“...ugira ubuntu abugire atikanyiza”...(Abaroma 12:8).

Indangagaciro  
Gutanga

Ikibazo cyo kuganiraho  
**Ni ibihe bintu ukora neza? Ni gute ukoresha ibyo wiyumvamo ko ushoboye mu gufasha abandi?**

Isubiramo  
Hirya cyané, hari aho twarebeye hamwe uburyo bubiri dushobora kwibiramo: Abandi no kwiba Imana.

**Ikibazo: Ni mu buhe buryo abantu bibana?** [Biha iby'abandi batabibasabye, biba ubudahangarwa n'ibyahiro by'abandi].

**Ikibazo: Ni mu buhe buryo abantu biba Imana?** [Kudafata inshingano kandi babifitiye ubushobozi Imana iba yaraduhaye, kutita ku bintu twahawe, twiba icyubahiro n'ikuzo ryayo].

Iriburiro  
Andrew Carnegie wavukiye mu gihugu cya Ekosi, mu w'1835. Ubukene bwo mu muryango wabo bwamwigishije isomo. Igihe Carnegie yazaga muri Amerika mu 1848, Andrew yiye meje kuzana ubukire mu muryango we.

Carnegie yarazamutse ava mu mazu y'abakuze ya Pittsburgh ajya mu mazu yo mu mujyi wa New York. Mu mpera za 1868 Carnegie yari afite ubukungu bungana n'amadorari 400.000 ( zija kungana na miliyon 5 z'amadorari muri iki gihe) Mu binyacumi bitatu, niwe wari ufite uruganda rukomeye rw'ibyuma. Mu mpera za 1900, uruganda rw'ibyuma rwa Carnegie rwakoze ibyuma byinshi kurusha izindi nganda z'ibyuma zo mu Bwongereza. Igihe yagurishaga urwo ruganda J.P. Morgan mu 1901, Carnegie we ubwe yungutse miliyon 250 z'amadorari ( zija kungana na miliyali 4.5 uyu munsi).

Uyu munsi, abantu baracyamwibuka kubera impano ye mu bya muzika, uko yafashaga mu gufasha kwishyura mu by'uburezi, n'amazu y'isomero ry'abantu bose agera ku 3000. Igihe cy'urupfu rwe mu 1919, yari yaratanzé inkunga irenga miliyon 350 ( arenga miliyari 3 z'amadorari uyu munsi).

Muri iri somo, tugiye kuvuga mu bundi buryo abantu bashobora kwibiramo: biyiba.

**Ikibazo: Ni gute wihiba?** [iyo udatangana ubugwaneza]. Imana igusaba kuyisubiza igice gito mu byo yaguhaye. Iyo udatanga, uba wihiba ibyishimo bituruka mu guha abandi.

Gutanga bihesha umugisha kuruta guhabwa

( Icyanditswe: Mariko 12:41-44)

" Yicara yerekeye isanduku yamaturo, areba abantu batura amakuta bayashyiramo, abatunzi benshi bashyiramo menshi. Umupfakazi wari umukene araza atura amasenge abiri, ari yo kuta. Ahamagara abigishwa be arababwira ati " Ndababwira ukuri, y'uko uriya mupfakazi atuye byinshi kuruta ibyo abandi bose batuye., kuko bose batuye ibibasagutse, ariko we mu bukene bwe atuye icyo yari asigaranye, aricyo yari atezeho amakiriro."

Yitonze cyane nta kwiyerekana, uyu mupfakazi w'umukene yatanze icyo yari afite cyo kumutunga. Kubibusanya, umwarimu w'amategeko, abayobozi b'Abayisilayeli, bakundaga kwiyerekana; bagendagenda bajugunyanga amakanzu, barebwa na buri wese, bakicara ku ntabe z'icyubahiro mu nsengero zabo ahirengeye.

**Ikibazo: Ni iki Yesu avuga cyatumye uduke yatanze twararuse iby'abandi batanze?** [Yatanze ibyo yari afite byose byari ibyo kumutunga]. Icyagize impano ye kuba ndende ni imyitwarire yagize mu gutanga.

Ni iyi myitwarire / inyifato yo gutangana ubugwaneza tugiye kurebera hamwe uyu munsi.

**Ikibazo: Haba hari uwatanganye ubugwaneza nk'Imana?** [Oya]

**Ikibazo: Ni gute Imana yaduhaye? Bibiliya itubwira ibi:**

- " Isi n'ibiyuzuye ni iby'Uwiteka, isi n'abayirimo..."(Zaburi 24:1) Ibyo dutunze byose ni Imana yabiduhaye.
- " Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." (Yohana 3:16). Imana iduha ubuzima buhoraho nk'impano.
- " Iby'ijisho ritigeze kureba, n'ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, ibyo byose yabiteguriye abayikunda." (1Abakorinto 2:9). Imana izaduha ibirenze ibyo dushobora gutekereza.

**Ikibazo: Ni iyihe mpamvu abantu batanga?** [abantu baratanga kuko Imana yabashyizemo ubushake bwo gutanga. Bishimisha Imana iyo utanze, kuko bifasha abandi bantu].

**Ikibazo: Hari inzira eshatu ushobora gutangamo. Uratekereza ko ari izihe?** [gutanga igihe cyawe, ubushoboz bwawe, n'amafaranga yawe].

Ubu tugiye kurebera hamwe impamvu ugomba gutanga, icyo ushobora gutanga, n'uko watanga, n'igihe ugomba gutangiramo.

**Ikibazo: Ni iyihe mpamvu wakagombye gutanga?** [Tanga kuko nawe wahawе byinshi ubikuye ku bandi]. Bibiliya ivuga iti:

- " Mwaherewe ubusa, namwe mujye mutangira ubundi." (Matayo 10:8)
- " Gutanga guhesha umugisha kuruta guhabwa." (Ibyakozwe n'Intumwa 20:35)

Bihora ari byiza kubona ibintu babigukorera, ariko Imana ivuga ko igihe utanze, bigufasha kandi bigafasha n'abandi.

**Ikibazo: Bigufasha bite gutanga?** [ Byuzuza kwa gushaka gutanga Imana yagushyizemo]

**Ikibazo: Bifasha abandi gute iyo utanga?** [Ibyo bakeneye urabikemura]

**Ikibazo: Ni ibiki twakagombye gutanga?** [Tanga icyo ufite kuko ubishaka]

Bibiliya iti: " Ariko ndavuga ibi ngo "ubiba nke azasarura bike, naho ubiba nyinshi azasarura byinshi. Umuntu wese atange nk'uko abigambiriye mutima we, atinuba kandi adahatwa kuko Imana ikunda utanga anezerewe." ( 2Abakorinto 9:6-7).

Nanone Bibiliya iravuga iti: " **Mwana wanje, mpa umutima wawe, kandi amaso yawe, yishimire inzira zanje.**"(Imigani 23:26). Shyira icyerekezo ku Mana kugira ngo uzabeho ubuzima bwuzuye kandi bufite igisobanuro.

**Ikibazo: Ni gute dushobora gutanga?** [Tanga uko ushoboye]. Bibiliya iratubwira iti: "...ariko umukiranutsi aratanga ntiyimane" (Imigani 21:26). Ibuka, umupfakazi ntabwo yari afite byinshi byo gutanga, ariko yatanze uko yari abishoboye.

**Ikibazo: Ni ryari dushobora gutanga?** [Tanga igihe cyose bikenewe]. Ibyanditswe bitubwira bitya: " **Mugabanye abera uko bakennye**" ( Abaroma 12:13).

Nanone Ibyanditswe biratubwira biti "**Musengeshe umwuka iteka mu buryo bwose bwo gusenga no kwingga, kandi kubw'ibyo mugumye rwose kuba maso, musabire abera bose.**" (**Abefeso 6:18**). Senga mu gihe uzi ko hari igikenewe.

**Ikibazo: Ni bande wahawe kandi ni gute wabahawe?** [Ababyeyi bakwereka urukundo rw'lmana, abarimo bagufasha ku kwigisha ku ishuri; abatoza bakwigisha gukina, abakora mu bya gisirikare kugira ngo igihugu kigire umutekano].

**Ikibazo: Tekereza ukuntu wumva ari byiza iyo hari umuntu ufashe igihe akagufasha. Ni gute ushobora gufasha abandi uyu munsi ubaha umwanya wawe cyangwa ubushobozi bwawe cyangwa amafaranga yawe?**



Inkuru nziza / Ivanjiri - byakusanyijwe na Jeff White- Dallas, TX

Iyo dutekereje kubijyanye no gutanga kandi batanga, dukenera kureba mbere na mbere impamvu tubikora. Igihe lmana yashakaga umwami w'Abayisirayeli wagombaga gukurikiraho, yashakaga umugabo ufile umutima wuzuye ukuri. Bibiliya iti: ' " ....**kuko Uwiteka atareba nk'uko abantu bareba. Abantu bareba ubwiza bugaragara, ariko Uwiteka we areba mu mutima.**" ( **1Samweli 16:7**).

Niba ukurikiye Yesu, umutima wawe ugomba kuba wuzuye urukundo. Bibiliyea iti: "**Byose ubikore mu rukundo**" (**1 Abakorinto 16:4**). Nta rukundo, ibyo ukora byose azaba ari imfabusa.

Kuba umunyabuntu ni ubushake bwo gutanga ibifite agaciro ubiha abandi. Iyo utanze igihe cyawe, uba uremye ubusabane bushobora guhindura imibereho y'umuntu. Igihe cyose Yesu yitangaga, buri gihe yabanzaga gutanga igihe cye asubiza iby'abantu babaga bakenny. Ariko buri gihe Yesu yakundaga kubaza ikibazo, "Muvuga ko nde?" Yesu yashakaga kumenya uko abantu bizeraga kubera ko kumwizera byagambaga guhindura ubuzima bwabo.

Wizera ko Yesu ari Umwana w'lmana? Wizera ko akubarira ibyaha byawe kandi ukamwakira nk'Umwami n' Umukiza uyoboye ubuzima bwawe? Niba aribyo, tangana ubugwaneza kuko lmana yaduhaye impano iruta izindi ariyo Yesu.

"Hafi buri mwanya wa buri munsi dufite uburyo bwo kugira icyo dutanga haba igihe cyacu, urukundo rwacu cyangwa imitungo. Buri gihe uko nagiye ntanga nagiye ngira ibyishimo ndategereje ko banyitura" - S. Truett Cathy, nyiri Chick-fit-A.



ISOMO # 16: IMANA YANJYE NI NGARI KURUSHA akagirwamana kawe.

Ntukagire izindi Mana mu maso yanje.  
( Kuramya Imana imwe rukumbi mu buryo yatubwiyemo)

Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

**"Muzageza he guhera mu rungabangabo? Niba muzi ko Uwiteka ariwe Mana nimumukurikire, kandi niba  
ari Bali mumukurikire." (1Abami 18:21).**

Indangagaciro

Inshingano

Ikibazo cyo kuganiraho

**Ufie inshuti wimukiye ahandi? Waba warigeze guhamagara cyangwa kwandikira inshuti yawe ibarwa? Niba  
mutandikirana, ni iki kizaba?**

Iriburiro

Higeze kuba kwizihiza ibiruhuko mu cyaro kimwe cyo mu Bushinwa cya Mei-hua, hakaba harimo gutanga ibitambo ku bigirwamana byabo. Whatchman Nee yari mu itsinda ry'ababwirizabutumwa bakiri bato bageragezaga gusangira Inkuru Nziza mu mianda no mu nkomane z'imihanda muri icyo gihe icyo gitaramo cyarimo gikorwa. Ariko kubera ikivunge cy'abantu byatumaga badashobora kumvwa, batera hejuru bati: " Dufite imana yacu, Ta-wang (bisobanura imana ihambaye). Iyi mana yabo bayizihizaga mu gihe cy'iminsi kandi hanze. Iki gikorwa cyo gusenga iki kigirwamana cyari kimaze kuba mu myaka 286. Igihe cyose bizophizaga Ta -wang, izuba ryabaga riva ku buryo nta gihe na kimwe ryigeze ribura. Noneho ndabizeza ko Imana yacu, ariyo Mana y'ukuri iragusha imvura mu birori bya Ta -wang, uyu yari Li ubisakuza ( umwe mubabwirizabutumwa wari kumwe na Watchman Nee).

...Ako kanya abaturage bagize amatsiko..."batera hejuru bati'turabyemera. " Imvura nigwa ku munsi wa Ta- wang, ko Yesu ari Imana nyamana. Turaba twiteguye kwumva ibye".

Ku munsi nyiri izina wa Ta- wang, Izuba ryaravaga. Watchman yageragezwaga no gusaba Imana ngo igushe imvura, ariko ahubwo akumva ijwi ritoya rivuga riti, " Imana ya Eliya iri he?" Mu gihe Watchman n'abandi bagabo bari bapfukamye ngo bashimire Imana kubwifunguro rya mugitondo, imvura itangira kugwa. Imvura iba urudubi, ibizenga bikwira hose.

Bamwe mu baturage batera hejuru bati "Yesu ni Imana!" Abasenga Ta - wang, bo bakomezaga gutterura ikigirwamana ngo bagikoreshe akarasisi. Ariko amayira yari yazambye yuzuye amazi, noneho abari ku karasisi bakagenda banyerera; ikigirwamana cyabo cyikubita hasi kirashwanyagurika. Ibi byatumye icyaro cyose gishaka kumva Inkuru Nziza / Ivanjiri (Byanditswe na Dave afatanyije na Jackson, Bethany House, 1997, pp 98-100).

Mu isomo rya Bibiriya ry'uyu munsi, Imana yohereje umugabo witwa Eliya kujya guhura n'umugabo witwaga Ahabu wibagiwe Imana akaba yarimo akora ibibi byinshi. Turumva iby"Imana ya Eliya" nk'uko Watchman Nee n'abaturage ba Mei- hau babigenje.

Ubusobanuro

Ahabu yari umwami wa Isirayeli kandi yari umwami w'umunyantege nke. Bibiliya ivuga ko Ahabu yakoze byinshi birakaza Imana kurusha abandi bami bose bamubanjirje. Ahabu yarongoye umukobwa wa Yezebeli wari umukobwa w'umwami mu gihugu cy'igituranyi, mugihe yamureshyaga, atangira gukorera ikigirwamana cya Bali no kugisenga. Si ibyo gusa, Ahabu yasabye n'Abayisirayeli bose kuramya Bali.

Imana yarakariye cyane Ahabu, nuko yohereza Umuhanuzi Eliya ngo ajyanire umwami ubu butumwa: " Nta mvura izongera kugwa kugeza igihe nzabitegekera" (1Abami 17:1). Nuko Eliya aragenda yihisha Ahabu nk'uko yabitegetswe n'Uwiteka.

**Ikibazo: Ni ukubera iki Imana yarakariye Ahabu?** [Ibuka ko umurimo w'ibanze w'umwami wari ukuba intangarugero mu ba Isirayeli akurikiza amategeko yose y'Imana. None Ahabu arimo arahamagarira abaturage bose kuramya indi mana! Ibi byari bibi cyane].

Imyaka itatu ishize, Imana ibwira Eliya gusubirayo ngo abonane na Ahabu, kandi ko yashakaga kohereza imvura ngo igwe. Nuko Eliya yitegura kujya guhura na Ahabu.

**Ikibazo: Waba uzi icyo amapfa ari cyo?** [Amapfa atera iyo mu gihugu nta biryo bihari]

Mu nkuru yacu y'uyu munsi, habaye amapfa muri Isirayeli kubera ko hamaze imyaka itatu imvura itagwa, aho rero nta mvura ihagije yabonetse yo gusomya ubutaka ngo imyaka ikure - byose kubera ubuzembe bw'umwami Ahabu. Amapfa yari akomeye cyane muri Samariya ( aho Ahabu yari atuye), Ahabu yohereza Obadiya, wari umuyobozzi mukuru w'inzu y'ibwami kujya hanze y'igihugu gushaka ibyo kurya. Obadiya yari umwizera ukomeye w'lmana. Ubundi, igihe ishitani y'umugore wa Yezeberi yarimo azenguruka muri Isirayeli yishe benshi mu bahanuzi b'Uwiteka, abo yashoboye kubona.

Obadiya yarimo atambera, Eriya ahura na we, aramubwira ati " Genda ubwire shobuja, uti ' Eliya ndi hano"(1 Abami 18:8).

Imana yanje ni ngari kuruta imana yawe

( Icyanditswe: 1 Abami 16-39).

"Nuko Obadiya ajya kubonana na Ahabu arabimubwira, Ahabu aherako aza guhura na Eliya. Maze Ahabu abonye Eliya aramubwira ati " Mbega ni wowe n'umuruho wateye Isirayeli?"

**Ikibazo: Ni ukubera iki Ahabu yasuhuje Eliya muri ubu buryo?** [Wibuke , ko aho hari amapfa muri Isirayeli kubera ubuzembe bwa Ahabu, na Eliya akamubwira ko imvura izagwa igihe azabitegekera. Mu myaka itatu, Ahabu yari yarashyize muri buri gihugu no muri buri bwami umuntu wo gushaka Eliya. Nuko Ahabu ashysira amapfa kuri Eliya, aho kureba ibikorwa bye bibi].

"**Nawe aramusubiza ati:** " Erega si jye wateye Isirayeli umuruho, ahubwo ni wowe n'inzu ya so kuko mwaretse amategeko y'Uwiteka, mugakurikira Bali. Nuko none ntumirira Abayisirayeli bose bateranire ku musozi w'i Karumeli, kandi abahanuzi ba Bali uko ari magana ane na mirongo itanu, n'abahanuzi ba Ashera basangirira ku meza ya Yezebeli, uko ari magana ane." Nuko Ahabu atumira Abayisirayeli bose n'abo bahanuzi, abateraniriza ku musozi w'i Karumeli. Nuko Eliya yegera abantu bose aravuga ati: 'Muzageza he guhera mu rungabangabo? Niba muzi ko Uwiteka ariwe Mana nimumukurikire, kandi niba ari Bali abe ari we mukurikira.

**Ikibazo: Icyo Eliya yashakaga ko Abayisirayeli bakora ni iki?** [Eliya yarimo abwira Abayisirayeli gushyira ubwenge ku gihe bagahitamo uwo bari bagiye kuramya - Imana ya Isirayeli cyangwa Bali. Wibuke ko umwami wa Isirayeli yababwiraga kuramya Bali].

"**Abantu ntibamusubiza.** Eliya arongera abwira abantu ati: 'Ni jye jyenine muhanuzi w'Uwiteka usigaye, ariko abahanuzi ba Bali, magana ane na mirongo itanu. Nuko nibaduhe impfizi ebyiri bahitemo iyabo, bayitemaguremo ibice babigereke hejuru y'inkwi, ne gucanamo, nanje ndatunganya iya kabiri nyigereke hejuru y'inkwi, ne gucanamo. Muherekko mutakambire izina ry'imana yanyu, nanje ndatakambira izina ry'Uwiteka, Maze Imana iri budusubirishe umuriro, iraba ariyo Mana." Abantu bose baramusubiza bat "Ibyo uvuze ni byiza."

**Ikibazo: Ni iki utekereza Eliya yarimo agerageza kwerekana n'iki gikorwa?** [Ko Imana ya Isirayeli ariyo Mana y'ukuri, ko Bali atari Imana na mba].

Nuko Eliya abwira abahanuzi ba Bali ati: "Ngaho nimuhitemo iyanyu mpfizi abe ari mwe mubanza kubaga kuko muri benshi, maze mutakambire izina ry'imana yanyu ariko ntumucanemo."

Nuko bazana impfizi bahawé barayibaga, maze batakambira izina rya Bali uhoreye mu gitondo ukageza ku manywa y'ihangu, bavuga bat: " Nyamuna Bali, twumvire. " Ariko ntihagira ijwi ryumvikana cyangwa ubasubiza n'umwe. Basimbukira hirya no hino ku gicaniro bubatse.

Bagejeje ku manywa y'ihangu Eliya arabashinyagurira ati " Erega nimutere hejuru kuko ari imana! Yenda ubu iriyumvira cyangwa hari aho igannyne, cyangwa se yazindutse cyangwa irasinziriye, ikwiriye gukangurwa." Barongera batera hejuru bikebesha ibyuma n'intambi nk'uko basanzwe babigenza, kugeza aho amaraso yabereye imyishori kuri bo. Maze kugicamunsi barakotsora bageza igihe cyo gutamba igitambo cya nimugoroba, ariko ntihagira ijwi ryumvikana cyangwa usubiza cyangwa wabitaho n'umwe. Eliya aherako abwira abantu bose ati " " Nimunyegere." Bose baramwegera, asana igicaniro cy'Uwiteka cyari cyarasenytse. Nuko Eliya yenda amabuye cumi n'abiri uko umubare w'imiryango ya bene Yakobo wanganaga, ari we ijambo ry'Uwiteka ryagezeho riti " Isirayeli niryo riibaye izina ryawe." Nuko ayo mabuye Eliya ayubakisha igicaniro mu izina ry'Uwiteka, maze acukura impande zacyo uruhavu rwajyamo indengo ebyiri z'imbuto. Aherako agerekeryana inkwi, Maze arababwira ati": Nimwuzuze intango enye amazi maze muyasuke hejuru y'inkwi.

Maze arababwira ati " Nimwongere ubwa kabiri." Bongera ubwa kabiri. Arababwira ati nimwongere ubwa gatatu." Bongera ubwa gatatu. Amazi arasendera agota igicaniro, yuzura na rwa ruhavu.

Nuko agajeje igihe cyo gutamba igitambo cya nimugoroba, Eliya umuhanuzi yegera igicaniro aravuga ati" Uwiteka Mana ya Aburahamu na Isaka na Isirayeli, uyu munsi bimenyekane ko ari wowe Mana mu Bisirayeli kandi ko ndi umugaragu wawe, nkaba nkoze ibyo byose ku bw'ijambo ryawe. Nyumvira, Uwiteka nyumvira kugira ngo aba bantu bamenye ko ari wowe Mana, kandi ko ari wowe ugarura imitima yabo." Uwo mwanya umuriro w'Uwiteka uramanuka, utwika igitambo cyoswa n'inkwi n'amabuye n'umukungugu, ukamya amazi yari mu ruhavu yose. Maze abantu bose babibonye bikubita hasi bubamye baravuga bat " Uwiteka ni we Mana, Uwiteka ni we Mana."

**Ikibazo: Ni iki Eliya yetetse abataramwumvaga?** [Ko Imana ya Isirayeli, ariyo Mana yonyine, ko Bali atari Imana na mba]. Igihe abantu babonaga icyo Imana yakoze kuri uwo munsi, basanze bariyibagiwe, bibuka ko Uwiteka ari we Mana].

**Ikibazo Wibuka ikibazo mpaka cyacu cya mbere - Ni iki kikubaho iyo udakomeje kwandikirana cyangwa kuvugana n'undi muntu?** [ Bivoroshye kwibagirwa umuntu mutakiri hamwe, sibyo] ?

**Ikibazo: Abayisirayeli bibagiwe gukomeza kuvugana n'Imana?** [ Yego]

**Ikibazo: Ni iki gishobora kuba iyo wibagiwe gukomeza kubonana n'Imana?** [ Ushobora kwibagirwa Imana]. Dukeneye kwibuka kumarana umwanya n'Imana, ku ishuri, inshuti, imirimo ndetse no kwiga inyigisho za Bibiliya ni iby'ingenzi. Imana yarabaduhaye kugira ngo dushobore kubishimira no kuyiha amashimwe kubyo yadukoreye byose. Ariko ntabwo Imana ishaka ko bahinduka abagaciro cyane ngo abe aribo twitaho kuyirusha.

**Ikibazo: Ni gute wamarana umwanya n'Imana?** [ Kuganira nayo iyo ubytse n'igihe ugiye kuryama. Ganira nayo iyo hari ibyo urimo ukora nimunsi. Musabe kujyana nawe ku ishuri, kugufasha kuba inshuti nayo, kujyana nawe mu mukino wawe w'intoki, kuba umuhungu cyangwa umukobwa mwiza. Imana ifite ibitekerezo byinshi,ibyo ushobora gukora cyangwa gukorera hamwe.Igisabwa ni ukubimusaba.



Inkuru Nziza/ Ivanjiri - Byakusanyijwe na Cary Albracht - San Antonia, TX

Bali yaba yarasubije igihe abahanuzi ba Bali bakoraga igicaniro bakamuha igitambo? Oya. Byatwaye umwanya ungana iki abahanuzi ba Bali basakuza? Uhoreye mu gitondo ukageze ku gicamunsi.

**Ni gute Imana yasubije Eliya igihe yasanaga igicaniro, atamba, agahamagara Imana?**

Twese tugomba guhitamo hagati y'Imana nyakuri n'ibigirwamana byo muri iyi si. Nk'uko Ahabu yabwiye Abaturage be gusenga ibigirwamana, imico yacu itubwira gusenga izindi mana. Bamwe bahawé imana zo gutsinda, imana yo gusa neza, imana y'ubwenge, n'ibindi.

Igihe dutambiye ibi bigirwamana byo mu mico yacu, tubona ingaruka zimwe abahanuzi ba Bali babonye igihe basakuzaga uhoreye mu gitondo ukageza ku gicamunsi nta gisubizo. Iyo turamya ibigirwamana byo muri iyi mico yacu, dutakaza imbaraga, igihe, ubusabane, amafaranga, amahoro, ndetse n'ubuzima ku bw'imanu zidashobora cyangwa zitaza kutureba. Iyo turamya ibigirwamana, dusigarira aho.

Inkuru nziza ni uko hari Imana imwe y'ukuri itaduhana cyangwa ngo ibure kudutabara. Ishoboye kuduha no kuturengereza ibyo tuyisaba. Iratuzi neza gusumbya uko twe twiyizi. Yakuremeye kumuramya kandi irashaka kukuyobora mu kuri kose.

Tekereze ko mu mutima wawe harimo igicaniro kimeze nk'icyo Eliya yasanny. Kuri icyo gicaniro nta gitambo uhabona. Imana iraseka ikakubwira iti " Naguteguriye igitambo. Icyo ufile gukora ni uguhamagara izina rya Yesu, we waguhaye ubuzima bwe, kugira ngo ubone ubuzima buhoraho.

Urahitamo guhamagara izina rya Yesu kandiYesu arahita we n'Umuriro wejejwe w'Imana aze mu mutima wawe ukomeze gutwika ibyaha byose, agusigire umutima usukuye. Uko ugenda uhamagara izina rye, umunsi n'ijoro, Yesu arahari ngo akuyobore mu kuri kwose.

Hitamo uyu munsi uwo ugomba gukorera, ariko nk'uko njyewe n'inzu yanje, tuzakorera Uwiteka. Niba utarahamagara Yesu ngo agusukure akweze, urabikora uyu munsi?



## ISOMO # 17: IBIBUZANYIJWE

Ntukiremere ikigirwamana  
(Turamye Imana yonyine mu buryo yatubwiye kubikora)

### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

### Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

"...Ariko njye n'inzu yanje tuzakorera Uwiteka" (Yosuwa 24: 15)

### Indangagaciro

Kuramya

### Ikibazo cyo kuganiraho

Ni iki ukoresha ibyo ugnerwa?

Stuart Briscoe ni umushumba wakoranye n'urubyiruko, abashumba n'abamisiyoneri mu bihugu birenga 100. Yavuze amateka ye, " Mu ruzinduko mu gihugu cy' Ubuhinde, njye n'inshuti yanje y'umushumba twinjiye mu modokari. Nagombaga kwigizayo agafuka gato kugira ngo nicare. Ibintu byari muri ako gafuka byarajegeye noneho mbaza inshuti yanje ibyari muri ako gafuka. Arambwira ati " Oh ni utuntu tw'imyanda."

Nasutse hasi imyanda mike, noneho mbona ari utuntu tw'utubazanyo tw'Abahinde. Ndamubaza nti kuki ugiye kubimena mu ngarani?

Inshuti yanje iransubiza iti: ' Ni utugirwamana rw'Abahindu". Umuryango wari udutunze wahindutse Abakristo, none mbakuriye ibigirwamana iwabo. Bitandukanyije na byo none ngiye kubimenagura."

Noneho ndamubwira nti nifuzaga gufataho kamwe nkajyane mu rugo." Ni akantu keza k'ubugeni kandi ndagakeneye. Kaba gusa akagirwamana igihe nagapfukamira nkakaramya." (inkuru yakuwe mu Mategeko cumi, na Stuart Bracoe, pgs 20-21).

### Ubusobanuro

Abayisirayeli bagizwe abacakara b'Abanyegiputa imyaka 400 mbere y'uko Imana ibwira Mose kubayobora abakurayo. Bamaze kuva mu Egiputa, abaturage ntibumviye Imana, kubera uko kutumvira, Imana ntiyemereye bamwe muri bo kwinjira mu gihugu cy'isezerano Imana yari yaravuze ko izabaha kugeza imyaka 40 yakurikiye. Igihe kigeze, Yosuwa ayobora abantu abageza ku butaka bwa Kanani, " Ubutaka basezeranyijwe." noneho Imana ifasha Abayisirayli kuvana abari batuye kuri ubu butaka Imana yari ihaye Abayisirayeli. Nk'uko Abayisirayeli barimo batura mu butaka bushya bari bahawe, Imana ibwira Yosuwa kubaburira: : Ntimukiremere ibigirwamana.

### Ntukiremere ibigirwamana

(Icyanditswe: Yosuwa 23:6-8)

" Nuko mube intwari cyane, mubone kwitondera no gusohoza ibyanditswe mu gitabo cy'amategeko ya Mose byose, kugira ngo mutazayateshuka muciye iburyo cyangwa ibumoso. Ntimukifanye n'aya mahanga asigaye muri mwe, ntimukavuge amazina y'imana zabo, ntimukarahire imana zabo, ntimukazikorere, ntimukazipfukamire, ahubwo muzajye mwomatana n'Uwiteka Imana yanyu nk'uko mwakoze kugeza ubu". Abantu bari batuye ku butaka Imana yahaye Abisirayeli baramyaga ibigirwamana byinshi bitandukanye. Imana ibwira Abisirayeli, " Ntimukifanye n'aya mahanga abakikije."

**Ikibazo: Itegeko rya kabiri rivuga riti, ' Ntimukiremere ibigirwamana.' Ni iki ikigirwamana?**  [Ikigirwamana ni igishushanyo kibajwe mu biti cyangwa mu ibuye gihagararira imana. Abantu benshi babaza ikigirwamana noneho bakakiramyi nk'imana].

**Ikibazo: Ni kuki Imana ivuga, ' Ntimukiremere ibigirwamana cyangwa ngo mubiramye?**  [Reka tubishake]

**Ikibazo: Ese ibigirwamana byagufasha?**  [Oya]. Reka twumve icyo Bibiliya ivuga ku bijyanye n'ibigirwamana: " Ibishushanyo ba bandi basenga ni ifeza n'izahabu.

Umurimo w'intoke z'abantu. Bifite akanwa ntibivuga, bifite amaso ntibibone, bifite amatwi ntibyumva, bifite amazuru ntibinukirwa, bifite intoki ntibikorakora, bifite ibirenge ntibigenda, kandi ntibivugisha imihogo yabyo. Ababirema bazahwana na byo, n'ubyiringira wese. ( Zaburi 115:4-7).

Nuko Imana yavuze ko icya mbere ibigirwamana ntacyo bishobora kugufashamo. Bikorwa mu biti bimwe n'ibyo ukoresha ucana umuriro ( Yesaya 44:15). Ariko ibigirwamana bigizwe n'uduti tudafashije.

**Ikibazo: Ni ukubera iki ibigirwamana ari bibi cyane?** [Abantu batangira kubyitaho kurusha Imana].

Aha hari urugero: Iyo ubonye amafaranga 1000 mu cyumweru yo gukoresha, igitekerezo cyawe cya mbere kiba 100 ku Mana, cyangwa se wita ku kureba ibyo ugiye kuguramo? Ntibireba agaciro k'icyo ushaka kugura, Imana irashaka ko uyigira nyambere.

**Ikibazo: Ni ukubera iki Imana ishaka kuba nyambere kuri wowe kurusha ibindi byose?** [ Iyo Imana atari yo ya mbere igufitiye akamaro mu buzima bwawe, wita cyane ku muntu ushaka kandi ugakora ickyo wishakiye gukora].

**Ikibazo: Ni iki gishobora kuba cyasubiza inyuma umuntu mu gihe ashatse gukina umupira w'amaguru ku mategeko ye yishakiye? Ni bwoko ki bw'umukino uzagira?**

**Ikibazo: Ni iki niba umwarimu avuze ati:** " Uyu munsi, ushobora gufata uwo ari we wese uko ubyishakiye. Nushaka gusakuza mu runywero cyangwa se gusubiza umuyobozi w'ikigo - birakureba! Uwo munsi uraba umeze ute kuri iryo shuri?

Yego, ukeneye igipimo cyangwa urugero ushobora kugenzuraho imiyitarire, kugira ngo umenye niba uri ku rugero rwiza cyangwa rubi. Yesu Kristo ni rwo rugero Imana yaduhaye kugira ngo turneye uko tubayeho nu buzima bwacu mu kumvira. Kumenya Yesu ushobora kuba nka we [ugasa na we], mu nzira zo kumenya uko Imana ishaka ko ubuzima bwawe buba.

Mu isomo ryacu riheruka ( Isomo # 16) twavuze ko mu gihe utamaranye n'Imana igihe, birashoboka ko wayibagirwa. Niba wibuka, kubyabaye kuba Isirayeli. Igihugu cyose cyibagiwe Imana n'abana babo biba bityo.

Mu gihe ubwami bwari buzengurutse Abisirayeli bwaramyaga ibigirwamana byinshi, Isirayeli yizeraga Imana y'ukuri imwe kandi yabatandukanyije - bitandukanyije n'ubundi bwami bwose, nk'uko Imana yabishakaga. Igihe Isirayeli yatangiraga kwihuza n'ubundi bwami, bahagaritse kumva Imana, batangira gucanganyikirwa no kwibigirwa Imana. Batangira gukurikira izindi mana.

**Ikibazo: Ni iyihe mpamvu ababyeyi bawe bakwigisha Imana?** [Ababyeyi bawe batakwigishije Imana, warangiza ubuzima bwawe utayimenye]. Niyo mpamvu ari iby'igiciro kuramya Imana mu buryo yatwigishije, kugira ngo utazayibagirwa, kandi kugira ngo umunsi umwe abana bawe batazayibagirwa.

**Ikibazo: Ni bwoko ki bw'ibigirwamana abantu bafite muri iki gihe?** [Bibiliya ivuga ko ibantu ushaka mu nzira mbi kugira ngo ugere ku kintu runaka aba ari ibigirwamana]. Ibi bantu bikujiana kure y'Imana.

**Ikibazo: Ni ibihe bantu abantu bashaka cyane bituma baha agaciro cyane kurusha Imana?** [Imyenda igezweho, ibiyobyawenge, inzoga, kuba igihangane mu mikino, gushaka kwemerwa n'inshuti nziza ibyo byose ubiha agaciro kurusha Imana].

**Ikibazo: Ni gute dushobora kugira ibantu byiza nko gukina imikino n'inshuti kandi ntitubirutishe Imana?** [Bibiliya itubwira kwibuka gushima Imana mu bantu byose, kandi tugakora ibyo bantu ngo biheshe Imana icyubahiro aho kugira ngo abae ari twe duhabwa ikuzo - mu yandi magambo, Ubaha wubahiriza Imana igihe cyose kurusha wowe ubwawe].

Ibuka amagambo ya Yosuwa avuga ati "...Ariko njyewe n'umuryango wanje, tuzakorera Uwiteka" ( Yosuwa 24:15).

Inkuru nziza / Ivanjiri - byakusanyijwe na Doug Kramp - Dallas, TX



Buri mutima uraramya kuko buri mutima utanga urukundo rwawo no gukunda ikintu. Uratekereza ko ibi ari ukuri? Hari uwo uzi udakunda ikintu mu buzima bwe? Ikiri cyo ni uko Imana yaremeye imitima yacu kuramya no kumenya guhitamo icyo imitima yacu iramya. N'ubwo uguhitamo ari ukwacu, Imana ibisobanura neza uwo ari we tugomba kuramya (We) n' icyo idashaka ko turamya. ( ibigirwamana).

**Ninde cyangwa iki mu by'ukuri uramya? Ni iki ubundi ushyize imbere mu buzima bwawe?** Ni ababyeyi bawe, basaza cyangwa bashiki bawe, inshuti, imikino ya videwo, imikino, guhaha, imyenda myiza cyangwa se ibishimisha? Bimwe muri ibi bishobora kukubera ibigirwamana igihe tubigize nya mbee kandi noneho Imana tukayigenera udusigazwa - mu nzira zose, igihe n'imbaraga waba wabitayeho. Bimwe muri ibi ntibishobora kutubera ibigirwamana igihe Imana ariyo tugize nyambere tuyiha igihe cyacu hamwe n'imiryango n'inshuti zazu cyangwa izindi nyungu.

Bibiliya ivuga ko tugomba kuramya Imana yonyine. Iri niryo tegeko ryayo rya mbere kandi buri gihe ni igitekerezo kizima cyao gukora - "**Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'ubwenge bwawe bwose.**" ( Matayo 22:37-38).

Kuramya Imana no kuyigira nyambere muri byose bidufasha kugirana ubusabane bwa hafi na yo. Uzi Imana? Atari ku bya yo, ariko se urayizi? Niba ushaka kugirana ubusabane n'Imana - nk'uko ubugirana n'inshuti yawe. Bibiliya iravuga iti "**kuko umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka, kandi akanwa akaba ari ko yatuza agakizwa,**" ( Abaroma 10:9-10).

Igihe ufite Yesu mu buzima bwawe, Imana igusezeranya ko uzagira amahoro n'ibyishimo bititaye kubyo unyuramo. Nta wundi muntu cyangwa ikindi kintu gishobora kubiguha.



## ISOMO # 18: BIMEZE NEZA MU ITANURA

Ntukiremere ibigirwamana  
( Ramya Imana mu buryo yatubwiye)

### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

### Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

" Niba ari ibyo, Imana yacu dukorera ibasha kudukiza mu itanura ry'umuriro ugurumana, kandi izadukiza ukuboko kwawe nyagasani. Ariko naho itadukiza, nyagasani umenye ko tutari bukorere imana zawe, habe no kuramya icyo gishushanyo cy'izahabu wakoze." ( Daniyeli 3:17-18).

### Indangagaciro

Ukwemera n'ubudahemuka

### Ikibazo cyo kuganiraho

Inshuti zawe, uzi ko zitizera Imana, zikubajije niba uyizera wazibwira iki?

Hari inkuru y'uko mu Budage mu gihe cy'intambara ya kabiri y'isi, imiryango imwe yahuraga bwihihwa mu nzu basenga, banasoma Bibiliya. Mu gihe iyo miryango yarimo isenga, urugi rwarafunguwe abasirikare benshi b'Abadage binjirana n'imbinda zabo babatsindagira mu cyumba. Abasirikare babatondekanya mu cyumba begamiye ibibambasi babatunze imbinda.

Nuko, umwe mu basirikare aravuga ati, " Turabizi ko muteraniye gusenga no gusoma Bibiliya. kubera iyo mpamvu badutegetse kubica. Ariko nihagira uvuga ko atari umukristo arasohoka ajye iwe".

Abensi baragiye, basiga bake bari bafite ukwemera mu cyumba hamwe n'abasirikare. Nyuma y'uko umuntu wa nyuma asohotse, abasirikare bashyira intwarzabo hasi, baravuga bat, "Natwe turi Abakristo, kandi turashaka kuramya hamwe namwe. Ariko turashaka kumenya niba koko muri Abakristo, kandi turamukurikira, tutitaye ku kiguzi."

### Ubusobanuro

Mu myaka ya 800 mbere y'ivuka rya Yesu, Nebukadinezari, umwami wa Babuloni yaje i Yerusalem araharwanya. Nebukadinezari ategeka abakuru b'ingabo ze gufata bamwe mu basore bo mu miryango y'ibwami n'abandi bantu bo mu miryango y'ingenzi yo muri Isirayeli ngo babajane bunyago muri Babuloni. Aba basore bari bafite imbaraga, beza, bafite ubwenge kand bashobora kwiga bagafata vuba. Mu gihe cy'imyaka itatu bari barigishijwe ururimi rw'i Baburoni na buri kimwe cyose cyari gikenewe kumenya ngo bakorere umwami Nebukadinezari. Bari baranahawwe n'andi mazina!

Bane muri abo basore biswe Daniyeli, Shadaraki, Meshaki, na Abedenego, n'Imana ibafasha kwiga no kumva ibyo bigishijwe byose.

Muri ibi byose bakomeje kuba abemera no gukomeza Uwiteka Imana ya Isirayeli, ariko ukwemeramana kwabo n'ubudahemuka byagombaga kugeragezwa!

Bimeze neza mu itanura ry'umuriro ugurumana  
(Icyanditswe: Daniyeli ibice 3)

"Umwami Nebukadinezari yakoze igishushanyo cy'izahabu, uburebure bwacyo bwari mikono mirongo itandatu, agihagarika mu kibaya cya Dura mu gihugu cy'i Babuloni.. Nuko Umwami Nebukadinezari atuma abantu bo guteranya abatware b'intebi n'ibisonga byabo, n'abanyamategeko n'abacamanza, n'abanyabigega n'abajyanama, n'abirutsi n'abatware bose bo mu bihugu byaho ngo baze kweza icyo gishushanyo Umwami Nebukadinezari yari yahagaritse. N'uko abatware b'intebi n'ibisonga byabo, n'abanyamategeko n'abacamanza, n'abanyabigega n'abajyanama, n'abirutsi n'abatware bose bo mu bihugu byaho baraza, bateranywa no kweza icyo gishushanyo Umwami Nebukadinezari yari yahagaritse. Bahageze bahagarara imbere yacyo. Umuntu uhama yitegeko ry'umwami ararangurura ati" Yemwe bantu

b'amoko yose y'indimi zitari zimwe, nimwumve uko tubategeka, ngo nimwumva amajwi y'amahembe n'imyironge n'inanga, n'isambuka n'amabubura n'amakondera n'ibintu by'ubwoko bwose bivuga, muhereko mwubarare hasi muramye igishushanyo cy'izahabu Umwami Nebukadinezari yakoze. Ariko umuntu wese wanga kubarara hasi ngo aramye, ako kanya arajugunywa mu itanura ry'umuriro ugurumana."

Nuko abantu bose bumvise amajwi y'amahembe n'imyironge n'inanga, n'isambuka n'amabubura n'ibintu by'ubwoko bwose bivuga, ab'amoko yose y'indimi zitari zimwe bubarara hasi, baramya icyo gishushanyo cy'izahabu Umwami Nebukadinezari yari yahagaritse.

Uwo mwanya Abakaludaya baza kurega Abayuda. Babwira Umwami Nebukadinezari bati" Nyagasan ni yaguhoraho, washyizeho itegeko ngo umuntu wese uri bwumve amajwi y'amahembe n'imyironge n'inanga, n'isambuka n'amabubura n'amakondera n'ibintu by'ubwoko bwose bivuga, yubarare hasi ngo aramye igishushanyo cy'izahabu, ngo n'umuntu wese wanga kubarara hasi ngo akiramye, ajugunywe mu itanura ry'umuriro ugurumana. Nuko rero hariho Abayuda wahaye gutwara igihugu cy'iBabuloni, ari bo Saduraka na Meshaki na Abedenego batakwitayeho nyagasan, ntibakorera imana zawe kandi banze kuramya cya gishushanyo cy'izahabu wahagaritse." Saduraka na Meshaki na Abedenego banga kuramya igishushanyo.

Nuko Nebukadinezari ararakara cyane, ategeka ko bamuzanira Saduraka na Meshaki na Abedenego. Nuko babashyira umwami. Nebukadinezari arabakabukana aravuga ati "Mbese Saduraka na Meshaki na Abedenego, ni mwe mwabyitumye kudakorera imana zanje no kutaramya igishushanyo cy'izahabu nakoze? Nuko noneho nimwumva amajwi y'amahembe n'imyironge n'inanga, n'isambuka n'amabubura n'amakondera n'ibintu by'ubwoko bwose bivuga, mukemera kubarara hasi mukaramya igishushanyo nakoze ni byiza. Ariko nimutakiramya, ako kanya murajugunywa mu itanura ry'umuriro ugurumana, Mese imana iri bubakize amaboko yanje n'iysihe?

Saduraka na Meshaki na Abedenego basubiza umwami bati "Nebukadinezari, nta mpamvu ituma tugsusubiza iredy jambo. Niba ari ibyo, Imana yacu dukorera ibasha kudukiza mu itanura ry'umuriro ugurumana, kandi izadukiza ukuboko kwawe nyagasan. Ariko naho itadukiza, nyagasan umenyi ko tutari bukorere imana zawe, habe no kuramya icyo gishushanyo cy'izahabu wakoze."

Nebukadinezari azabiranywa n'uburakari mu maso he hahinduka ukundi, areba Saduraka na Meshaki na Abedenego igitsure, ategeka ko benyegeza itanura ngo rirushe uko ryari rikwiye kwaka karindwi. Maze atoranya abanyambaraga bo mu ngabo ze, abategeka kuboha Saduraka na Meshaki na Abedenego ngo bajugunywe mu itanura ry'umuriro ugurumana. Nuko baboha abo bagabo uko bakambaye amafurebo n'imyambaro n'imyitero n'ibindi bambaye, babajugunya mu itanura ry'umuriro ugurumana. Maze kuko itegeko ry'umwami ryari iredy'ikubagahu, kandi umuriro ugurumana cyane, bituma ibirimbi by'umuriro bisumira abo bagabo bari bateruye Saduraka na Meshaki na Abedenego, birabica. Nuko abo bagabo batatu Saduraka na Meshaki na Abedenego, bagwa mu itanura ry'umuriro ugurumana hagati uko bakaboshywe.

Uwo mwanya Umwami Nebukadinezari aratangara, ahaguruka n'ingoga abaza abajyanama be ati " Harya ntitiwajugunye mu muriro abantu batatu baboshywe?" Baramusubiza bati "Ni koko, nyagasan." Arababwira ati "Dore ndareba abantu bane babohowe bagenda mu muriro hagati, kandi ntacyo babaye. Ariko ishusho y'uwa kane irasa n'iy'umwana w'Imana."

Nebukadinezari yigira ku muryango w'itanura ry'umuriro ugurumana aravuga ati "Yemwe ba Saduraka na Meshaki na Abedenego, mwa bagaragu b'Imana isumbabyose mwe, nimusohoke muze hano." Nuko Saduraka na Meshaki na Abedenego baherako bava mu muriro.

Maze abatware b'intebi n'ibisonga byabo, n'abanyamategeko n'abajyanama b'umwami baraterana bareba abo bagabo, basanga umuriro utashoboye kugira icyo ubatwara, kandi umusatsi wo ku mitwe yabo utababutse, n'imyambaro yabo ntacyo yabaye habe ngo wakumva umuriro ubanukaho. Umwami ahimbaza Imana ya ba Saduraka.

Nebukadinezari aravuga ati “Imana ya Saduraka na Meshaki na Abedenego ishimwe, ni yo yohereje marayika wayo ikiza abagaragu bayo bayiringiye, kuko bigurukije ijambo ry'umwami bagahara amagara yabo, kugira ngo batagira indi mana yose bakorera cyangwa basenga itari Imana yabo. “Ni cyo cyatumye nca iteka, kugira ngo umuntu wese wo mu moko yose y'indimi zitari zimwe uzavuga nabi Imana ya Saduraka na Meshaki na Abedenego, azatemagurwe kandi urugo rwe ruzahindurwe nk'icyavu, kuko ari nta yindi mana ibasha gukiza bene aka kageni.” Ibyo bishize, umwami yogeza Saduraka na Meshaki na Abedenego mu gihugu cy'i Babuloni.

**Ikibazo: Ni ubuhe busobanuro bw'ijambo ubudahemuka?** [Ni ukwiyemeza cyangwa ukwemera]

**Ikibazo: Ni kuki utekereza ko Imana yakijije Shadaraki, Meshaki na Abedenego mu itanura ry'umuriro?** [Ni uko bahisemo kuba indahemuka ku Mana no kutaramya ikigirwamana Nebukadinezari yari yakoze].

**Ikibazo: Ni mpamvu ki utekereza Shadaraki, Meshaki na Abedenego bahisemo kuba indahemuka ku Mana, igihe bari bazi ko bagombaga kwicwa kubera iyo mpamvu?** [Shadaraki, Meshaki na Abedenego bari barumvise neza ko Imana yabahaye ubuzima bwiza, ubwenge, kumva n'ubundi bushobozi ko ariyo yabahaye gukorera umwami neza].

Nanone bari barumvise ubukana Imana ishyira mu kubuzanya gusenga ibigirwamana. Shadaraki, Meshaki na Abedenego bari bazi ko badashobora na rimwe kuramya indi mana, kuko kuramya ari ukuri kwagenewe Imana yonyine. Bashakaga kuba indahemuka ku Mana.

**Ikibazo: Ni iki kiranga inshuti nziza?** [ni ubudahemuka]

Inshuti y'indahemuka ni umuntu w'inshuti ya we ya buri munsi- n'ubwo waba wagize umunsi mubi.

Urabizi ko hari inshuti ufite iruta izindi. Izina rye ni Yesu. Yesu ni indahemuka kuri wowe atitaye ku munsi mubi wagize. Buri gihe aba ari kumwe nawe.

**Ikibazo: Ni ibihe bintu bigusaba kwitondera?** [Umukoro wo mu rugo, imikino cyangwa se indi mirimo, inshuti].

**Ikibazo: Ni gute ibi bishobora kukubera iby'ingenzi kurusha Imana?** [Iyo utangiye kubyitaho kurusha Imana]

**Ikibazo: Ni gute ushobora kwirinda ko ibyo bintu ufite bitakurutira Imana?** [Iyo hari ikije wumva gifite akamaro kikuuyana kukirutisha Imana, ujye wibuka kuba indahemuka ku Mana].

**Ikibazo: Ni gute Imana yabaye indahemuka kuri wowe no ku bantu bose?** [ Bibiliya itubwira ko Yesu yicishije bugufi agahara ubuzima bwe kugira ngo umunsi umwe uzabane na we mu ijuru. Igitalgaje ni uko Yesu adukunda cyane kuba yagukoreye ibi n'ubwo utari ubikwiriye].

**Ikibazo: Ni gute uyu munsi ushobora kuba indahemuka y'inshuti yawe?** [gukunda no gukora ikiri ukuri]

## ISOMO # 19: CYIZA NKA ZAHABU

Wubahe So na Nyoko  
( Kubaha no kumvira ababyeyi)

### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

### Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

"**Hahirwa umuntu ubonye ubwenge, n'umuntu wiungura kujijuka. Kubugenza biruta kugenza ifeza, kandi indamu yabwo iruta iy'izahabu nziza.**" (Imigani 3:13-14)

### Indangagaciro

Kubaha

### Ikibazo cyo kuganiraho

**Ni ikihe kintu cy'igiciro cyangwa icy'ingenzi gutunga kiruta ibindi ufite?**

Cyiza nka Zahabu  
(Icyanditswe: Imigani 1:13-15)

**Hahirwa umuntu ubonye ubwenge, n'umuntu wiungura kujijuka. Kubugenza biruta kugenza ifeza, kandi indamu yabwo iruta iy'izahabu nziza. Buruta amabuye ya marijani, kandi mubyo wakwifusa byose, nta na kimwe cyabuca urugero."**

**Ikibazo: Ubwenge ni iki ?** [Inkoranya isobanura ko ubwenge ari ubumenyi cyangwa urwego rwo kumva ikiri cyo kandi cy'ukuri]. Ariko ubwenge bujyana n'igisanzwe kizwi ko ari cyo kandi cy'ukuri. Ubwenge buzima ni ukumenya icyo Imana yavuze kandi no gukoresha ubwo bumenyi kuri buri cyemezo ufata buri munsi.

Bibiliya ivuga ko nta kintu na kimwe ushobora kwifusa kuruta ubwenge; ntabwo ari igare rishya rigisohoka cyangwa ibirumbeti bakuvugiriza uri gukina umukino; si izahabu cyangwa imikufi myiza - nta na kimwe gifite agaciro nko kwiga ubwenge.

**Ikibazo: Ni kuki utekereza ko ubwenge bufite akamaro?** Reka tuvuge ku mpamvu 3 ubwenge ari ingirakamaro:

### Agaciro k'ubwenge

Ubwenge bukubwira ikiri cyo ( ukuri) n'ikitari cyo ( gipfuye).

**Ikibazo: Uzi itandukaniro riri hagati y'agaciro gasanzwe n'agaciro karemano?** (agaciro gasanzwe karahinduka, ariko agaciro karemano ni ako wahawe n'Imana kakugumamo iteka].

**Ikibazo: Ni uruhe rugero rw'agaciro karemano ubona ko ari ukuri?** [Kuvugisha ukuri, ubugwaneza, urukundo]

**Ikibazo: Ni uruhe rugero rw'imyifatire uzi ko ipfuye?** [ubwanzi, kwikunda].

**Ikibazo: Ni gute wakwiga kumenya imyitwarire y'ukuri umuntu agomba kugira?** [ Kumenya Yesu usoma Bibiliya, usaba Imana kugufasha kumenya imyitwarire ukwiye kugira, uhoreye ku ngero ababyeyi bawe bazi kandi bakurikiza ibyo Imana ivuga muri Bibiliya, Indirimbo z'Imana].

Ubwenge bugufasha gufata ibyemezo bikwiriye.

**Ikibazo: Ni uruhe rugero rwo gukora igikenewe?** [Buri muntu ushoboye gukina, mu mukino akabona umubare w'amafaranga ungana n'ayabandi, akagira icyo asubiza Imana mu byo yamuhaye].

Ubwenge bugufasha gufata icyemezo kizima.

**Ikibazo: Ni uruhe rugero rw'umuntu wafashe icyemezo kizima?** [Kubaha no kumvira umwarimu wawe, kubaha ababyeyi bawe, gukurikiza amabwiriza y'umutoza wawe, kureba mu mpande zose z'umuhandanda igithe ushaka kwambuka umuhanda/ inzira].

Ni iki wakora ngo ugire ubwenge

Iga kubaha Imana

**"Kubaha Uwiteka ni ishingiro ryo kumenya, ariko umupfapfa ahinyura ubwenge n'ibibwirizwa."** (Imigani 1:7). Ubundi busobanuro bwo "gutinya" ni ukubaha. Noneho, " gutinya Uwiteka" ni ukubaha Imana.

**Ikibazo: Ni gute wakwereka umuntu ko umwubashye?** [inzira imwe ni ukumva icyo umuntu akubwiye].

Iga kubaha ababyeyi bawe.

**"Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubwenge bwawe bwose n'imbaraga zawe zose. Aya mategeko ngutegeka uyu munsi ahore ku mutima wawe. Ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye mu nzu yawe, n'uko ugenda mu nzira n'uko uryamye n'uko ubyatse."** (Gutegeka kwa kabiri 6:5-7).

Inzira ya mbere Imana yatoranyije kukwigisha Ijambo ryayo ni ababyeyi bawe. Niyo mpamvu ari iby'igiciro kubaha no kumva papa na mama wawe. Umurongo wo muri Bibiliya tumaze gusoma, utubwiye byinshi kubyo Imana ishaka ko ababyeyi bawe bakwigisha:

Iyo wicaye mu rugo

**Ikibazo: Ni iki wigia iyo wicaye mu rugo hamwe n'ababyeyi bawe?** [Uko wegendana n'abandi, kwiga Bibiliya, inshingano, uburyo bwo kwitwara, kugufasha gukora umukoro wo mu rugo, gutanga icya cumi].

Iyo ugenda mu nzira

**Ikibazo: Ni gute umarana igithe n'ababyeyi bawe?** [muri mu biruhuko, gusohoka, gusoma, imishinga, gusangirira ku meza, gusenga].

Iyo uryamye

**Ikibazo: Ni iki ukunda gukora mbere yo kwegera uburiri ngo uryame?** [ gukora isuku, amasengesho].

Iyo ubyatse

**Ikibazo: Ni ayahem asomo y'ingenzi ashobora kwigwa mu museke?** [Kugena ibyo urakora ku munsi, inshingano, gushimira Imana ku mijisha yayo].

Icyo na none uyu murongo wo muri Bibiliya uganishaho cyangwa utubwira utanyuze iy'ubusamo, ni uko ugomba kureka ababyeyi bawe kukwigisha binyuze mu mabwiriza n'inama baguha. Hano hari imirongo ibiri ikwigisha akamaro ko kumvira ababyeyi bawe.

**"Mwana wanje jya wumva icyo so akwigisha, kandi we kureka icyo nyoko agutegeka."** (Imigani 1:8). Ibuka ko Imana yahaye inshingano ababyeyi bawe zo kukwigisha ikiri ukuri n'ikitari ukuri. Ni inshingano zawe kubumva no kubigiraho.

**"Umwana w'umunyabwenge anezeza se, ariko umwana w'umupfapfa ababaza nyina."** (Imigani 10:1). Bibiliya ivuga ko umwana wumva, akanamenya icyiza mu kibi akanakora icyiza, bizazanira ababyeyi ibyishimo. Bibiliya ikongera na none kuvuga ko umwana uzi ukuri mu kibi ariko agahitamo gukora nabi ari umusazi, azateza ibibazo by'uburyo bwose.

Mu buryo bugaragara, Bibiliya ivuga ko ababyeyi banyu, cyane cyane ba so, bafite inshingano zo kubigisha mwe bana Ijambo ry'Imana. Ibyanditswe nanone bivuga ko mufite inshingano zo kubaha ababyeyi banyu no kubumva, kugira ngo mwumve icyiza n'ikibi, no kwiga gukora icyiza.

**Ikibazo: Bahungu (bakobwa), ni gute mushobora kumarana umwanya n'ababyeyi banyu uyu munsi ?**

**Ikibazo: Papa, ni gute uyu munsi ushobora gushaka umwanya wo kumarana n'umuhungu wawe cyangwa umukobwa wawe?**

## ISOMO # 20: IKAZE MU RUGO (Igice 1)

Wubahe so na nyoko  
(Hesha icyubahiro kandi wubahe ababyeyi bawe)

### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

### Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

**"Agituruka kure se aramubona aramubabarira, arirukanka, aramuhobera, aramusoma." (Luka 15:20).**

### Indangagaciro

Inshingano

### Ikibazo cyo kuganiraho

**Ni izihe nshingano umubyeyi ( ababyeyi) wawe ashobora kwizera kugushinga?**

**Ikibazo: Inshingano ni iki?** [ kugendera cyangwa guhwana n'ibyo wahawe].

**Ikibazo: Ni izihe nshingano zimwe abana bahabwa `cyangwa bashobora guhabwa uyu munsi?** [Kujya ku ishuri, kumvira ababyeyi, abarimu, abatoza, abakozi b'lmana, abayobozi].

**Ikibazo: Ni izihe nshingano zimwe na zimwe ababyeyi bafite?** [Gutanga ibyo kurya, imyambaro, icumbi, no kubayobora, kwigisha abana babo Ijambo ry'lmana].

Isomo ry'uyu munsi ryerekeye inshingano. Inkuru yo muri Bibiliya tugiye kumva ibijyanye n'umuPapa n'abana be babiri. Uyu munsi, tugiye kuvuga ku mu Papa n'umuhungu we w'umuhererezi. Buri wese afite inshingano ze. Reka turebe uko bazitunganya.

Ikaze mu rugo! ( Igice 1)  
(Icyanditswe: Luka 15:11-24)

" Kandi arababwira ati "Hariho umuntu wari ufite abahungu babiri.Umuhererezi abwira se ati 'Data, mpa umugabane w'ibantu unkwiriye.' Nuko agabanya amatungo ye.

Iminsi mike ishize umuhererezi ateranya ibintu bye byose, aragenda ajya mu gihugu cya kure, yayisha ibintu bye ubugoryi bwe. Abimaze byose inzara nyinshi itera muri icyo gihugu, atangira gukena Aragenda ahakwa ku muntu wo muri icyo gihugu, amworohereza mu gikungi cye kuragira ingurube. Yifuza guhazwa n'ibyo izo ngurube zaryaga, ariko ntihagira ubimuhu.

Nuko yisubiyemo aribwira ati 'Abagaragu ba data ni bensi kandi bahazwa n'imtsima bakayisigaza, naho jye inzara intsinze hano. Reka mpaguruke njye kwa data mubwire nti: Data, nacumuye ku Yo mu ijuru no mu maso yawe, ntibinkwiriye kwitwa umwana wawe, mpaka mbe nk'umugaragu wawe.' Arahaguruka ajya kwa se."

Agituruka kure, se aramubona aramubabarira, arirukanka aramuhobera, aramusoma. Uwo mwana aramubwira ati " Data, nacumuye ku Yo mu ijuru no mu maso yawe, ntibinkwiriye kwitwa umwana wawe.' Ariko se abwira abagaragu be ati 'Mwihute muzane vuba umwenda uruta iyindi muwumwambike, mumwambike n'impeta ku rutoki n'inkweto mu birenge, muzane n'ikimasa kibybushye mukibage turye twishime, kuko uyu mwana wanje yari yarapfuye none akaba azutse, yari yarazimiye none dore arabenetse.' Nuko batangira kwishima.

Icyu mbere reka dusubiremo imirongo imwe n'imwe yo mu nkuru turebere hamwe niba dushobora kumenya igihe umwana w'umuhererezi yari afite inshingano kubyo yari yahawe, n'igihe atafashe inshingano kubyo yahawe.

**"Iminsi mike ishize umuhererezi ateranya ibintu bye byose, aragenda ajya mu gihugu cya kure, yayisha ibintu bye ubugoryi bwe." ( umurongo 13).**

**Ikibazo: Ese ubundi umwana w'umuhererezi yari afite uburenganzira bwo kwicungira ibantu se yamuuhaye?** [Oya. Umuhererezi yashakaga ibantu byose nkenerwa n'ubundi yari kuzabona, abishaka byose icyarimwe! Ise yaremeye arabimuha byose. Nuko umwana aragenda byose abyayamo].

**Ikibazo: Ese ibyo umwana w'umuhererezi yakoze bihesheje se icyubahiro?** [ Mu minsi igihe Bibiliya yandikwaga, muri icyo gice cy'isi aho iyi nkuru yavuye, iyo umwana yakaga ibyo uyu mwana yasabye, byari ukuvuga, ngo ' data kuko bindeba, ubu uri umupfu. Ndijyanye ubwanje kandi ntaho ngihuriye n'umuryango wacu' . Ntabwo ari umwana w'umupfapfa gusa n'amafaranga ye, ahubwo yasebeje umuryango wose].

Iyaba wari ugiye kubona igihembo kubw'ikintu cyiza wakoze si umuryango wose wakwshima? Niba mu bundi buryo, ari ugukora ikintu kibi, ntabwo ibikorwa byawe bifata kuri wowe wenyine, ahubwo ku muryango wose?

Hano hari urugero:

Iyo uhawе igihembo cy'umunyagihugu ku ishuri cy'uko watanze igihe cyawe nk'umukorerabushake, umwarimu wawe ashobora gutekereza, " Mbega igikorwa cyiza ababyeyi be bari gukora bamwigisha imigenzo myiza! Arikо reka tuvuge ko wafashwe urimo uvunda ku murongo mu ruriro rwo ku ishuri. Umwarimu wawe azatekereza ko uri "umwana w'ikirumbo. Ntabwo ababyeyi bawe bakwigisha neza? Umuryango wawe wose ni ibirumbo gusa!"

**Ikibazo: Ese uwo mwana yaba yubahishije igihe se yafashe amwigisha kumenya icyiza n'ikibi?** [Ntabwobihita bigaragara]. Reka turebe undi murongo:

"**Nuko yisubiyemo aribwira ati 'Abagaragu ba data ni benshi kandi bahazwa n'imtsima bakayisigaza, naho njye inzara insinze hano. Reka mpaguruke njye kwa data mubwire nti: " Data nacumuye ku Yo mu ijuru no mu maso yawe, ntibinkwiriye kwitwa umwana wawe, mpaka mbe nk' umugaragu wawe.'Arahaguruka ajya kwa se"** (Umurongo wa 17-20).

**Ikibazo: Uravuga iki ubungubu? Umwana yamenye inshingano afite kubw'ibikorwa n'imyitwarire ye?**

[Nyuma y'igihe, umwana yasanze yarakoze nabi. Yiyemeza kugaruka mu rugo mu nzu ya se agasaba imbabazi].

**Ikibazo: Ibi bivuze iki ku kamaro k'uko papa yakwigisha abana kumenya icyiza n'ikibi?** [Kwigisha ni nko kubiba imbuto. Iyo imbuto z'icyiza n'ukuri bibibwe, zizafata imizi kandi zizibukwe].

Bibiliya iti: " Nk'uko imvura na sheregi bimanuka bivuye mu ijuru ntibisubireyo, ahubwo bigatosa ubutaka bukameza imbuto bugatoshya n'ingundu, bugaha umubibyi imbuto n'ushaka kurya bukuha umutsima, ni ko ijambo ryanje riva mu kanwa kanje rizamera. Ntirizagaruka ubusa ahubwo rizasohoza ibyo nshaka, rizashobora gukora icyo naritumye." ( Yesaya 55:10-11). Amagambo y'lmana buri gihe yuzuza ibyo Ishaka. Mu gihe amagambo n'inyigisho by'umubyeyi bisa nkaho byatsinzwe mu ntangiriro, no kumusozo ntibishobora kubyara umusaruro mwiza.

**Ikibazo: Ese ibi bikubwiye iki kubijyanye n'inshingano zawe zo kumva inyigisho z'ababyeyi?**

[Kumva no kumvira inyigisho z'ababyeyi ni inshingano ngari ufite wowe nk'umwana. Imana icyo yari igamije mu kwiga icyiza n'ikibi ni uko ababyeyi bakwigisha abana babo Ijambo ryayo - ryo nyaryo kandi ry'ukuri].

**Ikibazo: Ni ukubera iki ababyeyi bawe bakwigisha gufata inshingano?** [Bisaba gukora imyitozo myinshi kugira ngo umenye gufata inshingano. Iyo ni impamu imwe ituma ababyeyi bawe bagomba kuguha aho wiherika impande z'inzu, n'abrimu bawe bakaguha umukoro wo mu rugo. Baba bagufasha kwimenyereza gufata inshingano.

Imana nayo ishaka ko dufata inshingano. Igutegerejeho gukora igikorwa cyiza ukoreshsheje ibyo aribyo byose yaguhaye. Inzira imwe muzo ushobora kwiyemeza ku Mana, ni ukumvira na kubaha ababyeyi bawe, kuko Imana ivuga ko ari byiza kubaha no kubahiriza so na nyoko, kandi ko nanone biyishimisha!

## ISOMO # 21: IKAZE MU RUGO ( Igice 2)

Wubahe so na nyoko  
(Hesha icyubahiro kandi wubahe ababyeyi bawe)

### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

### Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

"Urukundo rurihangana rukagira neza, urukundo ntirugira ishyari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu, ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi, ahubwo rwishimira ukuri, rubabarira byose, rwizera byose, rwiringira byose, rwihanganira byose."(1Abakorinto 13:4-7).

### Indangagaciro

Inshingano

### Ikibazo cyo kuganiraho

Ni ibihe bintu ushobora gutekereza ko ababyeyi bawe bagerageza kukwigisha, babikora bate, ku rugero rwabo? [Kurya imboga, kuvugisha ukuri, kwitwara neza, n'ibindi].

Ikaze mu rugo ( Igice 2)

(Umwandiko: Luka 15:11-24)

(Icyanditswe cyongeye gusohorwa hano niba ukeneye kucyifashisha)

" Kandi arababwira ati "Hariho umuntu wari ufite abahungu babiri.Umuhererezi abwira se ati 'Data, mpa umugabane w'ibantu unkwiriye.' Nuko agabanya amatungo ye.

Iminsi mike ishize umuhererezi ateranya ibantu bye byose, aragenda ajya mu gihugu cya kure, yayisha ibantu bye ubugoryi bwe. Abimaze byose inzara nyinshi itera muri icyo gihugu, atangira gukena Aragenda ahakwa ku muntu wo muri icyo gihugu, amworohereza mu gikingi cye kuragira ingurube. Yifuza guhazwa n'ibyo izo ngurube zaryaga, ariko ntihagira ubimuha.

Nuko yisubiyemo aribwira ati 'Abagaragu ba data ni benshi kandi bahazwa n'imitsima bakayisigaza, naho jye inzara intsinze hano. Reka mpaguruke njye kwa data mubwire nti: Data, nacumuye ku Yo mu ijuru no mu maso yawe, ntibinkwiriye kwitwa umwana wawe, mpaka mbe nk'umugaragu wawe.' Arahaguruka ajya kwa se."

Agituruka kure, se aramubona aramubabarira, arirukanka aramuhabera, aramusoma. Uwo mwana aramubwira ati " Data, nacumuye ku Yo mu ijuru no mu maso yawe, ntibinkwiriye kwitwa umwana wawe.' Ariko se abwira abagaragu be ati 'Mwihute muzane vuba umwenda uruta iyindi muwumwambike, mumwambike n'impeta ku rutoki n'inkweto mu birenge, muzane n'ikimasa kibyibushye mukibage turye twishime, kuko uyu mwana wanje yari yarapfuye none akaba azutse, yari yarazimiye none dore arabonetse.' Nuko batangira kwishima.

### Isubiramo

Mu isomo ryacu ry'ubushize, twarebeye hamwe umugani w'umwana w'ikirara. Mu nkuru, umuhererezi yashatse umugabane we wose. Ise yemeye kuwumuha. Umwana yafashe amafaranga ava iwabo, mu bupfapfa amafaranga ye yose aramushirana. Igihe yisuzumaga amenya amakosa ye, agaruka mu rugo kwa se mu nzu ye yaka imbabazi. Mu isomo ry'uyu munsi, reka turebe umwana yigisha abana gufata inshingano akoresheje ingero abaha.

"Urukundo rurihangana rukagira neza, urukundo ntirugira ishyari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu, ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi, ahubwo rwishimira ukuri, rubabarira byose, rwizera byose, rwiringira byose, rwihanganira byose." (1Abakorinto 13:4-7).

Mu kwerekana ingero eshatu z'urukundo ku mwana we, ise yabonye uburyo bwo kwigisha umwana amasomo y'ingenzi mu bijyanye no gufata inshingano:

#### Urukundo rurihangana

**Ikibazo: Nihe ushabora kubona muri Bibiliya urugero rwo kwihangana?** [Ibyanditswe bivuga ko ise yamuboneye kure, uko yari mu idirishya areba ko umwana we yagaruka mu rugo (umurongo 20)].

Aho hari isomo rikomeye cyane ryo gufata inshingano, ise yashakaga kumwigisha, rero yaramutegereje igihe kirekire yihanganye kugeza abonye uburyo bwo kumwigisha.

**Ikibazo: Ni izihe zimwe mu nshingano ufite z'uko ababyeyi bawe bihanganira kukwigisha?** [Gufata neza umutungo, gukora umukoro wo mu rugo, icya cumi n'amaturo, inzira nziza]. Kwigisha bisaba kwihangana. Kwiga gufata inshingano, bifata igihe bikanzaza akamenyero. Kwihanganira wowe ubwawe, nyoko, so ni ukuvuga 'gufata inshingano ku mutungo wawe ni ikintu cy'agaciro kuri wowe cyo kwiga kandi ni iby'ingenzi kuri njye gufata umwanya hamwe na we kugira ngo nkwigishe ibi."

#### Urukundo ntirwikuririza

**Ikibazo: Ni he mu nkuru ushabora kubona urugero rwo kubabarira?** [Ise ntabwo yari yishimiye ko atababarira umwana we ku bibi yari yarakoze. Ahubwo, ise yari yishimiye igihe umwana we yemeraga amakosa ye noneho amuha ikaze amukoreshereza umunsi mukuru (Umurongo 22-24)].

Ise yakagombye kuba yari yaramurakariye, ntamwemerere kugaruka mu rugo. Iyo se atamubabarira, aho ntiyari gushobora kubona uburyo bwo kongera kwigisha umwana we.

**Ikibazo: Ni izihe ndangagaciro karemano nyoko cyangwa so bakwigishije wishimira?** [Kuvugisha ukuri, kutiba, n'ibindi].

**Ikibazo: Wifuza kumvira iso na nyoko iyo bakubabariye nyuma yo kubakosereza?**

Mu nkuru yacu yo muri Bibiliya, umubyeyi yafashije umwana we kwiga gufata inshingano atuma yigira kubyamubayeho. Nawe ababyeyi bawe bashobora kugufasha kwiga binyuze mu kukureka ugakora ibyo ukora.

#### Urukundo rwishimira ukuri

**Ikibazo: Ni he mu nkuru ushabora gusanga urugero rwo kwishima?** [umuhererezi yamenye ikibi noneho arakizibukira (umurongo 21-24)].

Umubyeyi yafashije umwana we kwiga icyari cyiza amuha urugero rwiza. N'umwana yari azi ko agikeneye se - yashoboraga kumukenera. Ise yari ari aho ku bwe n'ubwo we yakoze ibyo se atashakaga ko aba.

**Ikibazo: Ni uruhe rugero rwo gufata inshingano utekereza ko nyoko cyangwa so bakora neza?** [Kuguha ibyo kurya, imyambaro, icumbi].

**Ikibazo: Ni iyihe mpamvu ari ingenzi kuri nyoko na so guhora ubakenera mu gufata inshingano zawe?** [Kugira ngo ukure ube washobora gufata inshingano zirenze mu gihe bizaba ari ngombwa, uzanabigirire n'abandi nawe uzahabwa, maze bizakubere byiza].

Mu nkuru ya Bibiliya yacu y'uju munsi, umubyeyi yerekanye urugero rwiza rw'uko wakagombye kubahiriza so na nyoko.

Nk'uko ababyeyi bawe bagukunda, bakunde.

**Ikibazo: Ni gute wakunda ababyeyi bawe uyu munsi?** [Kumvira- mbere na mbere]!

Nk'uko ababyeyi bawe bagendera ku nshingano zabo, nawe gendera ku nshingano zawe.

**Ikibazo: Ni izihe nshingano ushabora kugira uyu munsi?** [Gutegura indirimbo, amasomo, gukora umukoro].

Nk'uko ababyeyi bakumva bakakubaha, nawe bibe bityo.

**Ikibazo: Ni gute ushabora kwereka ababyeyi bawe ububashye uyu munsi?** [Mu kubabwira mushobora cyangwa murakoze, gufata neza ibyo baguhaye]. Nk'uko bakwigisha binyuze mu ngero nziza bakwereka, wubahe inyigisho zabo ukora ibyiza.

**Ikibazo: Ni gute wakwimenyereza gukora icyiza uyu munsi?** [Saba Imana igufashe ufate ibyemezo byiza].

## ISOMO # 22 IBITI N'AMABUYE

Ntukice  
(Wubahe ubuzima bw'abandi)

### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

### Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

**"Ijambo ryose riteye isoni ntirigaturuke mu kanwa kanyu, ahubwo uko mubonye uburyo mujye muvuga iryiza ryose ryo gukomeza abandi,,,," (Abefeso 4:29)**

### Indangagaciro

Gukomezanya/Gushishikazanya

### Agakino gafasha itsinda

Murakenera agacupa k'umuti w'amenyo n'ibinyamakuru. Kanda uwo muti woza amenyo uwunyanyagize ku rupapuro. Noneho ubwire abana ko urashobora gusubiza wa muti wose muri ka gacupa kawo uri bumuhe amafaranga 1000. ( amafaranga yawe ntaho ajya - ntibyashoboka). Igitekerezo ni uko ijambo rikomeretsa iyo rivuzwe, ntirishobora kwibagirana.

### Ibiti n'amabuye

(Umwandiko: Matayo 5:21-22)

**"Mwumvise ko abakera babwiwe ngo 'Ntukice, uwica akwiriye guhanwa n'abacamanza.'Ariko njyeweho ndababwira yuko umuntu wese urakarira mwene se akwiriye guhanirwa mu rukiko, uzabwira mwene se ati 'Wa mupfu we', akwiriye guhanirwa mu rukiko, uzabwira mwene se ati wa gicucu we, akwiriye gushyirwa mu muriro w'i Gehinomu.**

Ibi Yesu yabivugiyi mu kivunge cy'abantu bari bateze amatwi inyigisho ze.

**Ikibazo: Uratekereza ko Yesu yasobanuraga iki igihe yavugaga ibi? [ Reka tubirebe].**

Tekereza ko uri kuba muri Isirayeli mu gihe Yesu yarimo agenda aca muri Yerusalem. Umunsi umwe ikivunge cy'abantu kigateranira ku musozi hanze mu mujyi, noneho ukatanya ujya kureba ibirimo biba kuri uwo musozi. Wahagera ukabona Yesu yicaye arimo yigisha icyo kivunge cyicaye ku musozi bamukikije!

Mu nyigisho ye, Yesu ati, "**Niba wishe umuntu, bazagushyire mu rukiko bagucire urubanza.**" Kuri icyo, umuntu uri iruhande rwawe akivugisha, " Ntabwo ari njye arimo avuga - nta muntu nishe." Noneho Yesu agakomeza, "**Ariko niba urakariye umuntu, niba umwanga kandi ukamutuka, ni bibi kurusha kwica umuntu!**

**Ikibazo: Uratekereza ko Yesu ubu ari nde ari kuvuga? Arimo aravuga wowe cyangwa umuntu mwegeranye?** [birumvikana arahari. Mu buryo bumwe cyangwa ubundi, twembi njye nawe twaba twarigeze kurakarira umuntu].

**Ikibazo: Ariko ni kuki Yesu yaba yaravuze ko ari bibi kurakarira umuntu?** [Kubera ko Yesu azi ko mu bitekerezo n'imyifatre yacu bitwerekeza mu bikorwa. Kandi Yesu azi ko ibitekerezo by'urwango n'imyifatre y'urwango biyobora mu bikorwa bikomeretsa abandi].

Waba warigeze kumva, " Ibiti n'amabuye bishobora kuvunagura amagufa yanje ariko amagambo ntabwo azigera ankomeretsa?" Ndatekereza ko kimwe cya kabiri cy'ibi aricyo cy'ukuri. Ibiti n'amabuye bishobora kuvunagura amagufa yawe, ariko hari amagambo ashobora kugukomeretsa, sibyo?

**Ikibazo: Ni bwoko ki bw'amagambo ashobora gukomeretsa umuntu iyo bayabwiye uwo muntu?** [ibitutsi, amagambo asebanya, amagambo avuganywe uburakari]

Imwe mu nzira yihuse yo gutuma umuntu arakara ni ukumubwira ikintu gihita gikora ku marangamutima.

Umwami Salomo wa Isirayeli, umugabo w'umunyabwenge wabayeho yari azi iki. Umwami Salomo yanditse mu gitabo cy'Imigani ati: "... **ijambo ribabaza ribyutsa umujinya**" (**Imigani 15:1**).

**Ikibazo: Ushobora kwibuka igihe hari umuntu wagushajije? Ni igiki cyagushajijemo?** [Igihe kinini aba ari igihe hari uwakuvuze]

**Ikibazo: Ni iki wakagombye gukora iyo utangiye kurakarira umuntu?** [ Muri ibyo bihe, ibuka gusaba Imana kukurinda kurakara. Ntabwo akensi biba byoroshye kubikora, ariko bizagufasha kubaho mu buzima Imana ishaka ko ubaho]. Mu byimenyerezwa, bishobora kugufasha kurenga ibiguhungabanya.

Bibiliya ivuga ko kwangana no gutukana no gusebanya atari imytwarire Imana ishaka ko twagira. Impamvu gutukana n'amagambo asesereza akomeretsa cyane ni uko ayo magambo ajya mu bitekerezo byawe, akagumamo kandi ukaba wayibuka. Ntabwo twakagombye gukomeretsa abandi n'amagambo yacu cyangwa ibikorwa byacu.

Uribuka umuti w'amanyo? Mu gihe ayo magambo ababaza yavuzwe, ntugomba kuyagarura. Nanone, yihoma mu ntekerezo zawe igihe kirekire.

**Ikibazo: Aho kugira ngo ukomeretse umuntu n'amagambo cyangwa ibikorwa byawe, ni iki wakagombye gukora?** [Tugomba gushishikaza abandi mu magambo no mu bikorwa].

Gushishikaza bisobanuye gufasha umuntu kugarura icyizere cyangwa kwiyumva ko ashoboye. Bibiliya iti: "**Ijambo ryose riteye isoni ntirigaturuke mu kanwa kanyu, ahubwo uko mubonye uburyo mujye muvuga iryiza ryose ryo gukomeza abandi...**" (**Abefeso 4:29**)

**Ikibazo: Ni nde uzi ko akeneye gushishikazwa? Ni ibiki wamubwira kugira ngo umuteremo akanyabugabo?**



Inkuru Nziza / Ivanjiri - byakusanyijwe na Stephen Wonbenyakeh - Des Moines, IA

Bibiliya ibyerekana neza ko abantu bose bareshya imbere y'amaso y'Imana: "**None ntihakiriho Umuyuda cyangwa Umugiliki, ntihakiriho imbata cyangwa uw'umudendezo, ntihakiriho umugabo cyangwa umugore kuko mwese mukiri umwe muri Yesu.**" (**Abagalatiya 3:28**).

Niba Bibiliya ivuga ko twese tungana nk'abantu, ni iyihe mpamvu tuvuga cyangwa dukora ibikomeretsa abandi? Ni ukubera icyaha. Ariko Bibiliya iravuga iti: "**mwicishe bugufi mu mitima, umuntu wese yibwire ko amuruta.**" (**Abafilipi 2:3**). Iki nicyo kiranga Yesu. Yemeye ubwe gutukwa, gukomeretswa, no kwicwa kugira ngo adukize. "**We ubwe yikoreye ibyaha byacu abijyana ku musaraba kugira ngo dupfe ku cyaha kandi ngo tubereho ukuri** (**1 Petero 2: 24**).

Imana iduha agaciro ku rugero rwo hejuru n'ibyifuzo byimbitse by'uko twabasha kubaha no gukunda abandi. Iyo uvuze cyangwa ugakora, bikore wigana imyifatire ya Kristo kandi umwe azamure undi.



ISOMO # 23 NI BYIZA KU KUMVA

Ntukice  
(Wubahe ubuzima bw'abandi)

Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

**"Ijambo ryose riteye isoni ntirigaturuke mu kanwa kanyu, ahubwo uko mubonye uburyo mujye muvuga iryiza ryo gukomeza abandi, kugira ngo riheshe abaryumvise umugisha...(Abefeso 4:29)**

Indangagaciro  
Gukomezanya

Ikibazo cyo kuganiraho

**Ni ikihe kintu cyiza umuntu yaba yaragukoreye mu gihe cya vuba gishize? Nyuma wumvise umeze gute?**  
(Ibikurikira ni email yacicikaye mu gihe runaka. Urubuga nkoranyambaga TruthOrFiction.com rwakurikiye aho byavuye rusanga ari banyirabyo babyanditse bakabitangaza):

Igicamunsi kimwe Shaya na se berekeza aho abana b'abahuhungu barimo bakina umukino w'agapira.

Shaya abaza se, "Uratekereza ko bari bureke ngakina?"

Ise wa Shaya yari azi ko umuhungu we adasanzwe akora imikino yo kunanura imitsi, ko abahungu benshi bataramwemerera ko ajya mu itsinda ryabo. Ariko se wa Shaya yari yumvise ko umwana we naramuka atoranyijwe gukina biramushyira mu mwanya mwiza wo mu kwiyumva mu bandi.

Ise wa Shaya yegera umwe mu bakinnyi ku kibuga nuko amubaza niba Shaya ashobora gukina. Umusore areba hirya no hino kugira ngo amenye bagenzi bakinana niba bamureba. Kuba ntacyo bari babonye, afata ikibazo mu biganza bye nuko aravuga ati, " Twatsinzwe mu kwirukanka inshuro esheshatu kandi umukino ugeze ku nshuro ya munani. Ndatekereza ashobora kuza mu itsinda ryacu kandi turagerageza kumufasha mu kwiruka ku nshuro ya cyenda.

Ise wa Shaya yariyamiriye mu gihe yabonaga umwana we Shaya amwenyura. N'uko Shaya asabwa gushyiramo udufuko tw'intoki no kujya mu gace ko hagati.

Bigeze hasi ku nshuro ya munane, Itsinda rya Shaya ryatsinze inshuro nke zo kwiruka ariko bakaba bari bakiri inyuma ho izindi eshatu. Hasi ku nshuro ya cyenda, itsinda rya Shaya rirongera riratsinda ariko ubu ubwo hari hasigaye inshuro ebyiri, hari hari uburyo bwo gutsinda hifashishijwe kwirukakanka bagera ku ntego, Shaya ashayirwa ku rutonde kuba ari we urahita atangira. Ese abo bakinana noneho bareka Shaya agakubita kuri iyi nkomane bityo akaba yanabahesha n'amahirwe yo kugera ku ntsinzi y'umukino? Mukwirengera ingaruka gukomeye, bemerera Shaya gufata agakubitisho.

Buri wese yari azi ko birangiye ko bitashoboka kuko Shaya atari azi n'uko bafata neza ako gakoresho no kumureka we ubwe kugakubitisha. Uko Shaya yateraga intambwe ngo ajye gukubita agapira, uterera agapira kugira ngo mugenzi we agakubite yateye intambwe nke kugira ngo ajugunye agapira noneho Shaya ashobore guhura na ko.

Agapira ka mbere karaje n'uko Shaya ashatse kugakubita arahusha. Umwe mubagize ikipe ye araza yegera Shaya , nuko bombi baterurana ya nkoni bategereje ko agapira kaza. Agapira kaje, uwari afite ingaryi yo kugwamo ka gapira atera intambwe nke yegera imbera, noneo Shaya na mugenze we bazunguje ya nkoni, bafastisha ka gapira baragakubita kajya kugwa muri ya ngaryi.

Urya wari ufite ingaryi yashoboraga gusama ka gapira no kugaterera umukinni wa mbere. Shaya ya kagombye kuba yari yarakuwe mu mukino bityo umukino ugahita urangirira aho ngaho. Ariko siko byagenze, umunyangaryi yafashe agapira akajugunya iheru y'agace k'umuheto mu gice cy'iburyo, kure cyane y'umukinni wa mbere.

Buri wese atangira gutera hejuru ati, " Shaya irukanka ube uwa mbere". Ntabwo Shaya yari yarigeze yirukanka mu buzima bwe. Yubitse amaso areba hirya no hino, arasukuma. Igihe kigeze, aba ageze ku murongo ugabanyamo igice cya mbere, uwari mu kibuga iburyo niwe wari ufite agapira. Yashoboraga kuba yajugunyiye mugenzi we wo ku murongo wa kabiri washoboraga kumwunganira, wari ukirimo yirukanka. Ariko uwakiniraga mu gice cy'iburyo, yari yumvise ibyo uwo mukinni wundi yashakaga kugeraho, noneho akajugunya hejuru cyane, akageza ku mutwe w'aho umukinni wa gatatu yari ahagaze. Buri wese akomeza kumushishikaza, amutera akanyabugabo ati " Irukanka ugere ku murongo wa kabiri, irukanka ugere ku murongo wa kabiri". Shaya ariruka yerekeza ku wa kabiri, mu gihe abandi bari imbere ye bakoraga uruziga kugira ngo agapira kagere aho kagenewe

aho bita mu rugo. Nk'uko Shaya yageraga mu gice cya kabiri cy'ikibuga, abo bari bahanganye baretse kumwirukaho, noneho bituma agana mu gice cya gatatu, urusaku rurakomeza, bati " Iruka usingire igice cya gatatu." Igihe Shaya yarangizaga inshuro ye ya gatatu, abasore bo mu makipe yombi bamwirutse inyuma bavuga bati " Shaya irukanka ugana aho bita mu rugo".

Shaya yirukanse ahagana, noneho yicara ku mbehe noneho abasore 18 bose, baramuterura bamushyira ku ntugu, bamugira intwari, kubera ko yesheje umuhigo "grand slim" nuko bigatuma ikiye ye itsinda.

#### Ni byiza ku kumva

(Icyanditswe: Ibyakozwe n'intumwa 3:1-10

**"Nuko Petero na Yohana barazamuka bajya mu rugesengero mu gihe cyo gusenga, ari cyo saa cyenda. Hariho umuntu wavutse aremaye ibirenge, yarahekwaga agashyirwa ku irembo ry'urusengero ryitwa Ryiza, kugira ngo asabirize abinjira mu rusengero. Abonye Petero na Yohana bagiye kwinjira mu ruesngero arabasaba ngo bamuhe. Petero na Yohana baramutumbira, Petero aramubwira ati " Uturebe." Abitaho agira ngo hari icyo bamuha. Petero aramubwira ati " ifeza n'izahabu ntabyo mfite, ahubwo icyo mfite ndakiguha. Mu izina rya Yesu Kristo w'i Nazareti, haguruka ugende. " Maze ahita amufata ukuboko kw'iburyo aramuhagurutsa, uwo mwanya ibirenge bye n'ubugombambari birakomera, arabandanduka arahagarara, aratambuka yinjirana nabo mu rusengero, atambuka yitera hejuru ashima Imana. Baramumenya ko ari we wajyaga yicara ku irembo ry'urusengero ryitwaga Ryiza asabiriza ngo bamuhe, barumirwa cyane batangazwa n'ibimubayeho."**

**Ikibazo: Uribuka icyo gushishikaza bisobanura?** Gushishikaza bisobanura gutera umuntu akanyabugabo, kumuha icyizere]

Uyu mugabo wicaraga ku rusengera yabanaga n'ubumuga mu gihe cy'imyaka 40 uhoreye igihe yavukiye. Ntabwo yari yarigeze gushobora kwiruka cyangwa gusimbagurika no kugenda. Buri munsi, yicaraga ku marembo y'urusengero asaba abantu amafaranga.

Reka tuvuge ko nyoko cyangwa so bagize impanuka bakaba batagishoboye kugenda. Nta wundi muryango wo kugufasha, n'amafaranga yose yagushizeho.. Ikintu cyonyine afte gukora ni ukujya hanze ku rusengero rwanyu ku cyumweru mu gitondo, agasaba abantu ko bamuha amafaranga cyangwa ibyo kurya.

**Ikibazo: Ni ibihe bintu utekereza abantu bavuga ku muryango wanyu?**

**Ikibazo Noneho tekereza ko hari abantu bahagaritse gufasha umuryango wawe. Wakumva umerewe ute?**

Amagambo n'ibikorwa bigutera akanyabugabo bifite imbaraga. bishobora gukiza, bishobora kubaka imitekerereze y'abantu, kandi bishobora kuzana n'impinduka mu buzima bw'umuntu.

**Ikibazo: Hari inzira eshatu zo gushishikaza umuntu. Uratekereza ko ari izihe? [binyuze mu magambo, amasengesho, n'ibikorwa]. Reka tuvuge ku nshira 3 zo gutera gushishikaza.**

Amagambo ashobora gushishikaza

**" Amaganya yo mu mutima atera umuntu akiyumviro, Ariko ijambo ryiza risusurutsa uwo mutima." ( Imigani 12:25).**

Rimwe na rimwe icyo aricyo cyose umuntu akenera ni ijambo rimususurutsa.

**Ikibazo: Ni uwuhe muntu uziko wafashwa no gususurutswa uyu munsi? [ Umuntu urwariye mu rugo, urwariye ku bitaro, umwimukira].**

Amasengesho ashobora gushishikaza

**"Ariko mu gicuku, Pawulo na Sila barasenga baririmbiro Imana, izindi mbohe zirabumva." (Ibyakozwe n'intumwa 16:25).** Pawulo na Sila bari abamisiyoneri bari bashyizwe mu nzu y'imbohe kubera ko babwiraga abantu ibya Yesu. Nuko mu gicuku, igihe bakagombye kuba basinziriye, ahubwo barimo baririmba banasenga Imana. Amasengesho yabo yateye akanyabugabo abandi bagororwa barimo babumva.

**Ikibazo: Ninde ushobora gusengera uyu munsi?** [ uwo mu muryango wawe, inshuti, abamisiyoneri (nka Pawulo na Silasi), umushumba wawe, Perezida.].

Ibikorwa birashishikaza

"**Ijambo ry'lmana ni rizima kandi rirakora** " (**Abaheburayo 4:12**). Reka turebe uko Ijambo ry'lmana ari rizima kandi rikora mu buzima bwacu rikabatera akanyabugabo. Mwibuke inkuru y'Umusamariya mwiza?

"...Hariho umuntu wavaga i Yerusalem amanuka i Yeriko, agwa mu gico cy'abambuzi baramwambura, baramukubita, barigendera bamusiga ashigaje hato agapfa. N'uko umutambyi amanuka muri iyo nzira, amubonye arakikira arigendera. N'Umulewi ahageze na we abigenza atyo, amubonye arakikira arigendera. Ariko Umusamariya wari mu rugendo na we amugeraho, amubonye amugirira impuhwe aramwegera amupfuka inguma, amwomoza amavuta ya elayo na vino, amushyira ku ndogobe ye amujyana mu icumbi ry'abashyitsi aramurwaza. Bukeye bwaho yenda idenariyo ebyiri aziha nyiri icumbi ati " Umurwaze kandi ibyo uzatanga byose birenze ku byo ngusigiye , nzabikwisyura ngarutse." ( Luka 10:30-35).

**Ikibazo: Ni mu buhe buryo Umusamariya mwiza yasubijemo intege uwakomerekejwe?** [Yamugiriye neza].

**Ikibazo: Ni gute ibikorwa byawe bishobora gushishikaza abandi uyu munsi:**

Umunyeshuri mushya ku ishuri udafite inshuti? [ musangire ubushuti]

Umuntu ufite umuryango ukennyne? [ musangire ibyinshi ufite]

Uwahejejwe mu itsinda? [ mutumire kuza mu itsinda ryanyu]

Umuntu bahitamo bwa nyuma iyo bari gukora ikipe? [ akeneye ubufasha buturutse iwawe]

Umunyeshuri ufite ubumuga? [ musangize igihe cyawe umufasha kwiga].

Amagambo yawe n'ibikorwa byawe bifasha abantu. Ariko ibuka ko amagambo cyangwa ibikorwa binashobora kubaca intege.

Bibiliya iti" **Ijambo ryose riteye isoni ntirigaturuke mu kanwa kanyu, ahubwo uko mubonye uburyo mujye mvuga iryiza ryose ryo gukomeza abandi, kugira ngo riheshe abaryumvise umugisha.**"..( **Abefeso 4:29**). Iyo witondeye gushishikaza, utuma umuntu agira ubuzima bwiza. Gira uwo ushishikaza uyu munsi mu masengesho yawe uyu munsi, binyuze mu magambo n'ibikorwa byawe.

ISOMO # 24: MU IZINA HABAMO IKI?

Ntukavugire ubusa Izina ry'Uwiteka Imana Yawe  
(Wubahe Izina ry'lmana mu byo ukora cyangwa uvuga)

Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru gishize n'umurongo wo gufata mu mutwe

Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

**" Ni cyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo..." (2 Abakorinto 5:20)**

Indangagaciro

Umuturanyi mwiza

Ikibazo cyo kuganiraho

**Waba uzi igisobanuro cy'izina ryawe?**

Mu izina harimo iki?

( Icyanditswe: Kuva 34:5-7)

" **Uwiteka amanukira muri cya gicu ahagararanayo na we, yivuga mu izina ko ari Uwiteka. Uwiteka anyura imbere ye arivuga ati " Uwiteka, Uwiteka, Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi, igumanira abantu imbabazi ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi,**

**ibabarira gukiraniwa n'bicumuro n'ibyaha. Ntitsindishiriza na hato abo gutsindwa, ihora abana gukiraniwa kwa ba se ikageza ku buzukuru, n'abuzukuruza n'ubuvivi."**

**Ikibazo: Ni iki Imana ikubwira ku byerekeye Izina Ryayo?** [Ni imana y'ibambe n'inyambabazi, itinda kurakara, yuzuye urukundo kandi ibabarira].

Mu minsi yabanje, mu gihe Bibiliya yandikwaga, amazina yari afite agaciro cyane. Amazina yasobanuraga byinshi ku bantu, nuko rero amazina yatoranywaga ubushishozi.

Uribuka Aburamu? Izina rye risobanura " UmuPapa ukwenkwebuka" Nyuma yaho Imana yaje kumuhindurira aba Aburahamu, bisobanura " Ise wa benshi". Nuko Aburahamu yaje kuba ise w' ubwoko bw'Abayuda, abamukomokaho babaye benshi nk'umubare w'inyenyeri mu kirere.

Izina Mose risobanura, " Uwakuwe". Umukobwa wa Farawo yamwise 'Mose' igithe yamukuraga mu mugezi wa Nil.

**Ikibazo: Waba uzi icyo izina Yesu risobanura?** [Mu Isezerano rya Kera, Yesu yahawe izina Emanweli bivuga, " Imana muri twe" Izina Yesu ni izina ry'lkgiriki kubwa Yosuwa, risobanurwa, ' Uwiteka ukiza'].

Niba izina Yesu risobanura: " Imana iri kumwe natwe na Uwiteka ukiza.". Urabona ko izina rishobora kuba ingenzi cyane.

Izina riranga uwo uri we. Ushobora gushakisha izina ryawe mu gitabo kizakubwira icyo risobanura.

(Ushobora no gushakira hano, ukabona ubusobanuro bw'izina ryawe:

<http://stging.parenthoodweb.com/parent.cfmfiles/babynames.cfm>). Ariko izina ryawe rinabwira abandi byinshi kuri wowe.

**Ikibazo: Ni ibihe bintu izina ryawe rishobora kubwira abandi bantu kuri wowe?** [ aho utuye, ababyeyi bawe abo ari bo, igithe wagiriye ku ishuri, inshuti zawe izo arizo, icyo ukunda gukora].

Izina ry'Imana ni ingenzi kuko riranga uwo ariwe. Igihe yabwiraga Mose Izina rye, yamubwiraga uwo ari we. Mu yandi magambo, igithe Imana yabwiraga Miose izina Ryayo, Yabwiye Mose " Icyo iri cyo."

**Ikibazo: Uzi ambasaderi uwo ari we?** [ Ni uba yaratoranyirije guhagararira undi muntu].

Nk'Abakristo, uwo duhagarariye ni Yesu n'icyo izina rye risobanuye ku bandi. 2 Abakorinto 5:20 haravuga, " Nicyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo..."

Niba uri Umukristo, Imana yagutoranyirije guhagararira Yesu Kristo tumwubaha mu buryo dukora, tuvuga, kandi tunatekereza. Uyu niwo murimo wawe nk'umuuhagarariye.

**Ikibazo: Uribuka inkuru y'Umasamaliya mwiza?** Ni gute yabaye umuhagararizi w'Imana? [ Yahagarikijwe no gufasha umntu wari wakomeretse mu gihe abandi bamunyuragaho bagakikira mu rundi ruhande rw'umuhande].

**Ikibazo: Aba bantu uzi bashobora kuba barakikiriye ku nzu mberabyombi ku ishuri hari uwakomeretse?**  
Wenda: kubera:

Ari umuntu badahuje uruhu cyangwa ubwoko

Ari umuntu udashamaje?

Ari umuntu utari rurangiranwa nk'abandi?

Ari umuntu utambaye neza?

Ari umuntu mushya mu rusisiro?

Ari umuntu ufite ubumuga?

**Ikibazo: Ni gute waba umuhagararizi/ ambasaderi wa Yesu uyu munsi ku ishuri ryawe?**



Inkuru Nziza / Ivanjili - byakusanijwe na Josh althrop - Dallas, TX

Kuva 34:5-7 twasomye dutangira isomo ryerekanye aho Imana yihishuye bwa Yehova. Yehova akensi risobanurwa nk'UWITEKA". Iri zina ryerekanaaga akamero k'Imana; Ntabwo yashatse gukomeza kuba kure yacu, ahubwo yamanukiye abantu bayo, kugira ngo ibane na bo, kandi igirane ubusabane nabo. Abantu bayo bagombaga birumvikana kuyishakira umwanya udasanzwe Imana yagombaga guturamo. Hambere uyu mwanya witwaga Taberinakuro, nyuma ingoro. Imana yagombaga kugira ahantu Imanukira kugira ngo ibe mu bantu bayo. Ibi byose byari ishusho y'ibyo Imana yateganyaga gukora. Yesu yabaye inkwakuzi y'icyifuzu cya Yehova cyo kubana n'abantu bayo. Iyi niyo mpamvu Yesu yiswe Emanweli: Imana muri twe.

Tekereza umunyabugen i w'amarangi, ufite ubushobozi bwo kuvugurura igishushanyo cye. Ariko abantu mu gihangano/ igishushanyo cye bagatangira gukomeretsanya n'isi baturiye, bakangiza icyo gihangano/igishushanyo. Aho kugira ngo ajugunye cya gishushanyo, uwo munyabugen akiyemeza kwinjira mu gishushanyo, kugira ngo abe mu bantu bashushwanya, kugira ngo abigishe uko babaho, birumvikana akabapfira. Ariko ntabwo yaheranywe n'urupfu! Yagarutse mu buzima kugira ngo ahinyuze ko afite imbaraga zo gutsinda urupfu, kandi yemeze ko yari we munyabugen, ko afite ubushobozi wo gusiga igishushanyo kandi akizanaho n'abantu be.

Iki nicyo Yesu yadukoreye. Yaje mu isi aba umwe nacu kugira ngo ashobore kudupfira, yihererezeho igihano. Nyuma yaragarutse mu buzima kandi adusezeranya ko uwo nitumwizera, tukamutumira kugira ngo agenge ubuzima bwacu, azadukure kuri iki gishushanyo azaduhindurire mu bundi buzima bushya budafite inenge.

Waba warigeze gufata icyemezo cyo kwizera Yesu no kumusaba kughindurira ubuzima? Niba utarabikora, ushabora guhita ubikora ubu. Mubwire gusa ibyo utekereza n'ibiyumviro byawe, ko kandi witeguye gufata icyemezo, no gufata izina rye nk'iryawe; uzamenyekana ku Mana no ku bandi ko uru umusangirangendo wa Yesu.



## ISOMO # 25: UBUNYAKURI NI ICYEMEZO CY'INYAMIBWA

Ntukabeshye  
(Baho mu kuri kose)

### Isubiramo

Ibibazo by'umukoro w'icyumweru cyashize n'umurongo wo gufata mu mutwe

#### Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

"**Ufite urukundo ntagirira mugenzi we nabi**" (Abaroma 13:10).

### Indangagaciro

Ubunyakuri

Ubunyakuri ni cyemezo cy'inyamibwa

( Icyanditswe: Abaroma 13:8-10)

" Ntimukagire umwenda wose keretse gukundana, kuko ukunda undi aba ashohoje amategeko, kuku ibi ngo " Ntugasambane, ntukice, ntukibe ntukifze n'ayadi mategeko yose, bihirira muri iri jambo ngo "Ukkunde mugenzi wawe nk'uko wikunda." Ufite urukundo ntagirira mugenzi we nabi, ni cyo gituma urukundo ari rwo rusohoza amategeko"

Itegeko rya cyenda riti, " **Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe**"(Kuva 20:16). Mu buryo bworoheje shyiraho, " Baho mu kuri kose".

**Ikibazo: Uratekereza ko ari iyihe mpamvu Imana yinjije " ntukabeshye" mu Mategeko Icum?**  [ Igisubizo kiri mu kameru k'lmana - uwo Iri].

### Imana ni ukuri

Mu bwinbe bw'imiterere y'Imana, ni Ukuri. Yesu uri, " ...ni nawe shusho y'Imana itaboneka..." (Abakolosayi 1:15) aravuga ati: " Ninje nzira n'ukuri n'ubugingo..." ( Yohana 14:6).

### Imana ni Urumuri

Mu byanditswe, urumuri buri gihe rujyana n'ukuri lbyanditswe bit:

**"Ubu nibwo butumwa twumvise buvuye kuri we takabubabwira, yuko Imana ari umucyo kandi ko muri yo hatari umwijima na muke** (1 Yohana 1:5). Imana yuzuye ukuri. Muri yo ntahatari ukuri.

### Imana yaremeye abantu gusa nayo.

**"Byabereye bityo kugira ngo uboneke ko ukoranuka nuvuga, kandi uboneke ko uboneye nuca urubanza."** **Zaburi 51:6.** Uhoreye ko waremwe mu ishusho y'Imana, Imana irashaka ko imiyitwarire yayo igaragarira mu buzima bwawe. Imana irashaka ko ubaho uri umunyakuri rwose.

### Ukubeshya ni ikinyuranyo cy' Ukuri.

" Ntimukabeshyane ubwo mwiyambuye umuntu wa kera n'imrimo ye, mukambara umushya uhindurirwa mushya kugira ngo agire ubwenge, kandi ngo agire ishusho isa n'lyamuremye." ( Abakolosayi 3:9-10).

**Ikibazo: Ni ukubera iki Bibiliya ivuga ku kutabeshya?** [Ni ukubera ko kubeshya bikomeretsa abantu]. Umurongo wacu ufungura wo mu Byanditswe uvuga ko urukundo ntawe rukomeretsa. Gushyiraho amabwiriza atari ukuri ubigambiriye, bishobora gukomeretsa abantu.

Reka turebe ingero eshatu zigaragaza icyo ukubeshya aricyo:

1) **Ukubeshya kwangiza icyizere cy'umuntu**

**"Ururimi rubeshya ni ikizira ku Uwiteka, ahubwo anezewza n'abakora iby'ukuri"** (Imigani 12:22).

Ibuka inkuru ya Daniyeli mu rwobo rw'intare ( Daniyeli igice 6)? Reka dusure intangiriro y'iyo nkuru:

"Kandi abaha n'abatware bakuru batatu, umwe muri bo yari Daniyeli, kugira ngo abo batware b'intebe bajye babashyikiriza iby'umwami, ngo umwami adapfirwa ubusa. Ariko Daniyeli aratona cyane kuruta abandi batware bakomeye n'abandi b'intebe, kuko umwuka mwiza cyane yari ari muri we. Ndetse Umwami yibwiraga kumwegurira ighugu cyose. Abatware bakomeye n'ab'intebe bashaka impamvu yose yatsindisha Daniyoeli mu by'ubutware, ariko bamuburaho impamvu cyangwa igicumuro kuko yari umwiringirwa, ntabonekweho n'amafuti cyangwa igicumuro. Bukeye abo bagabo baravugana bati " Nta mpamvu tubona kuri Daniyeli, keretse nituyibona mu magambo y'amategeko y'lmana ye, " ( Daniyeli 6:3-6)

**Ikibazo: Ni ukubera iki aba bayobozi bakuru batashoboraga kubona icyo barega Daniyeli?** [Daniyeli yari umunyakuri kandi yashoboraga kugirirwa icyizere cyuzuye kuri buri gikorwa yahabwaga gukora],'

**Ikibazo: Daniyeli yahembwe iki kubera ubunyakuri bwe?** [Yagizwe kuba umutware mukuru mu bwami bwose].

**Ikibazo: Wibuka ibyabaye ku batware babeshyeye Daniyeli ku mwami?** [ Nyuma yo gusanga Daniyeli ntacyaha yakoze, umwami yetegetse ko bajugunya abo bahungu mu rwobo rw'intare]. Nibyo, kuri kibazo cya Daniyeli, ubunyakuri nicyo cyari icyemezo cy'inyamibwa.

## 2) Ububeshyi buremerera ubukora

**" Urugero rw'uburiganya ni ikizira ku Uwiteka, Arko ibipimisho by'ukuri biramunezeza."** (Imigani 11:1).

Uribuka Zakayo? Reka turebe umutwaro Zakayo yashyize ku bantu abambura/abirimanganya, nyuma imbaraga z'lmana zikaza guhindura ubuzima bwe.

**"Yesu ageze i Yeriko, arahanyura. Nuko hariho umuntu witwaga Zakayo, yari umukoresha w'ikoro mukuru kandi yari umutunzi. Ashaka kureba Yesu ngo amenye uko asa, ariko ntiyabibasha kuko abantu bari benshi kandi ari mugufi. Arirukanka ajya imbere, yurira umuvumu ngo amurebe kuko yari agiye kunyuraho. Yesu ahageze arararama aramubwira ati " Zakayo, ururuka vuba kuko uyu munsi nkwikiye kurara iwawe." Yururuka vuba amwakira anezerewe. Abantu bose babibonye barabyivovotera bati " Dorere, agiye gucumbika kumunyabyaha!" Maze Zakayo arahgukuruka abwira Umwami Yesu ati " Dore Databuja, umugabane wa kabiri w'ibantu byanje ndawuha abakene, kandi umuntu wese nambuye ndabimuriha kane."**

**Yesu aramubwira ati "Uyu munsi agakiza kaje muri iyi nzu, kuko na we ari umwana wa Aburahamu"** ( Luka 19:1-9).

Zakayo yari umukoresha w'ikoro, abakoresha b'ikoro bari bemerewe guhoza ibirenze ibigenwe, kandi bagasigarana bimwe batwara iwabo. Abayahudi barabaziraga, kandi byari byoroshye kubibona.

**Ikibazo: Ni gute uburimanganyi bwa Zakayo bwaremereye abantu?** [ Abantu bagombaga gusora imisori irengeje iyo bagomba].

**Ikibazo: Zakariya yahindutse ate?** [Ahura na Yesu]. Igisubizo cy'l'mbaraga z'lmana mu gukorera mu buzima bwa Zakariya, ubunyangamugayo/ubunyakuri. bwabaye icyemezo cy'inyamibwa.

## 3) Ububeshyi bwangiza ibiyumviro by'abandi

**"... Ariko ijambo ribabaza ribyutsa umujinya."** ( Imigani 15:1)

Ibuka amasomo make yatambutse ( isomo # 22) igihe twakamuriye umuti woza amenya ku rupapuro tugatanga amafaranga 1000 ku muntu washoboraga kuba yasubiza uwo muti mu gacupa kawo? Ntawashoboye gutwara ayo mafaranga 1000?

**Ikibazo: Uribuka icyo twageragezaga kwerekana mu gukora ibyo?**[Akarenze umunwa karushya ihamagara/ Ibyo wavuze bikomeretsa, ntushobora kubigarura].

**Ikibazo:** Kuki gutukana, gusebanya no kubeshya bikomeretsanya cyane? [Mu gihe ayo magambo yinjiye mu bwonko, agumamo, akazagenda yibukwa igihe kirekire].

**Ikibazo: Aho kugira ngo dukomeretse abantu, twakagombye gukora iki?** [Amagambo yacu yakagombye gushishikaza abandi].

Gushishikaza bisobanura gufasha umuntu kwigarurira icyizere cyangwa kumutera akanyabugabo, akumva yabishobora. Bibiliya iti: " **Ijambo ryose riteye isoni ntirikave mu kanwa kanyu, ahubwo uko mubonye uburyo mujye muvuga iryiza ryose ryo gukomeza abandi...**" (Abafilipi 4:29).

Menya ko Ubunyangamugayo aricyo ugenderaho

Hari aho twavuze ku buryo butatu kubeshya cyangwa ubukundamugayo bukomeretsa umuntu:

Ububeshyi bushobora kwangiza icyizere wari uftiwe

Ububeshyi bushobora kubera umutwaro ubukora

Ububeshyi bwangiza ibiyumviro bw'umuntu.

**Ikibazo: Ushobora gutekereza izindi mpamvu Imana ivuga, Ubeho mu kuri kuzuze?"**

- Ububeshyi butuma utera icyizere uwakubeshye. Iyo wabeshywe, birakomeye kuzongera kwizera uwakubeshye.
- Ububeshyi butera umuntu gukomeza kuvuga ibinyoma kugira ngo ahishire ikinyoma cyabanje.
- **Ububeshyi bushobora kwica umubano. Biragoye kugira umubensi inshuti.**

**Ikibazo: Ni izihe mpamvu Imana yaduhereye Amategeko Icumi?** [Kutwigisha uko tugomba gukunda Imana, uko tugomba kubaho no kubana n'abandi, kulturinda gufata ibyemezo n'amahitamo bibabaza abandi].

Ijambo ry'Imana ritubwira riti: "**Ufite urukundo ntagirira mugenzi we nabi, nicyo gituma urukundo ari rwo rusohoza amategeko.** (Abaroma 13:10).

Iyo tubeshye, dukomeretsa abandi tutiretse. Iyo tubayeho turi abanyakuri, twerekana imiterere y'Imana. Ibi nibyo bituma Imana ivuga iti, " Baho mu kuri kuzuye." Niyo mpamvu ubunyangamugayo ari icyemezo cy'inyamibwa.

## ISOMO # 26: UBURYO CUMI BWO KUBAHO NEZA

Umurongo w'isomo ry'uju munsi

"**Munyita Shobuja n'Umwigisha, ibyo mubivuga neza kuko ari ko ndi koko. Nuko rero, ubwo mbogeje ibirenge kandi ndi Shobuja n'Umwigisha, ni ko namwe mukwiriye kubyozanya. Mbahaye icyitegererezo, kugira ngo mukore nk'uko mbakoreye.**" (Yohana 13:13-15).

Indangagaciro

Kumvira Imana n'abantu

Ikibazo cyo kuganiraho

**Ni ibihe bintu icumi byakagombye kuba ku rutonde rwawe rw'ibyiza?**

Iriburiro ku Mategeko Icumu

Tekereza ko warimo ugendagenda mu ishuri ry'imyitozo ngororamubiri mu gitondo kimwe, kandi aho hakaba nta mutoza cyangwa umwarimu uhari. Icyo ubona gusa ari udupapuro duto tw'umuhondo tumanitse, twanditseho, "Ukore icyo ushaka gukora."

**Ikibazo: Ni bwoko ki bw'umwitotozo ngororamubiri ushaka gukora?** [Umukino w'umupira w'ibikapu ( basket ball) ushabora ku ba hagati mu mukino w'intoki ( volley ball). Kandi abasore n'inkumi babobora kwicara hagati muri buri kimwe cyose].

**Ikibazo: Muri iki gihe, ni ikihe kintu kitabura kuba?** [ Buri muntu ahsobora gukora ikimunejeje].

**Ikibazo: Ni hehe ushabora gusanga iyi myifatire?** [Ahantu Bibiliya yita " isi"].

**Ikibazo: Aha hantu Bibiliya yita isi ni iki?** [Isi ni ahantu hose umuntu ahitamo kudakurikira Imana]. Isi ikwigisha kwirebaho ntiwite ku nyungu z'abandi kurusha uko wakwita ku bandi.

Isi ifite ibipimo byayo mu kugena ikiri cyiza n'ikibi. Ibibimo by'isi bitandukanye n'ibyo Imana ivuga ko ari ukuri.

Isi ifite imyitwarire yayo y'uk'ukubaho. Imyifwarire y'isi ihabanye rwose n'imyitwarire Imana ishaka ko tugira.

**Ikibazo: Ninde ugena ubusobanuro bw'isi mu kuvuga ikiri cyo cyangwa ikitari cyo?** [Ubusobanuro bw'isi mu kuvuga icyiza kandi cyemewe buri gihe burahinduka]. Bushobora guhinduka bitewe n'icyemezo cy'urukiko, bitewe na raporo nshya ivuga, cyangwa ibyo abandi bavuga.

**Ikibazo: Ushobora kubona ingero z'ibyo isi ivuga bishobora kuba ari ukuri , bigendanye cyangwa byemewe?** [Iyo utafashwe wiba cyangwa ubeshya, ni byiza kubikora. Iyo umuntu agukoreye nabi, ushabora nawe kumwishiura].

**Ikibazo: Ni gute ubusobanuro bw'Imana mu kuvuga ikintu ko ari ukuri bitandukanye n'iby'isi ivuga?** [ Buri gihe ubusobanuro bw'Imana mu kwerekana ko ikintu ari ukuri ntibuhinduka]. Bibiliya iti: " Indunduro y'ijambo ryawe ryose ni ukuri, Amateka yawe yo gukirauka ahoraho iteka ryose hadasigaye na rimwe."( Zaburi 119:160).

isi ntishobora kwerekana ubwiza n'uko waba muri ubwo bwiza, ariko Imana irabishobora kandi yarabitubwiye!

**Ikibazo: Ni gute njyewe na we dukwiriye kumenya ubusobanuro bw'Imana ku cyiza?** [Imana yandikishije inzira icumi zo kugera ku byiza]. Zitwa Amategeko Icumu ariko tugiye kuyita:

Inzira icumi zo kubaho mu bwiza bwuzuye.

(Icyanditswe: Kuva 20:3-17)

**Icyitonderwa: Mu matsinda basome amategeko icumi yose hamwe, nyuma basesengure rimwe ku rindi bareba icyo asobanura. ( Amategeko Icumu aboneka mu gitabo cyo Kuva 20:3-17).**

### **Nkukagire izindi mana mu maso yanje**

Hitamo gushimisha Imana kuruta abandi. Imana izi uko yaguha ubuzima bwiza uko bishoboka kose.

**Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n'ishusho yose iri hejuru mu ijuru, cyangwa hasi ku butaka cyangwa mu mazi yo hepfo y'ubutaka, Ntukabyikubite imbere, ntukabikorere.**

Shaka kumenya Imana uyiherira umwanya munini wo kubana na Yo. Bizatuma umenya uko Ishaka ko uyiramya.

**Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka Imana yawe.**

Hagararira Yesu muri byose ukora.

**Wibuke kweza umunsi w'lsabato.**

Ihererane n'Imana

**Wubahe so na nyoko**

Ubaha kugira ngo nawe wubahwe.

**Ntukice**

Shishikaza kandi ufashe abandi.

**Ntugasambane**

Baho wejejwe mu mubiri wawe, mu bitekerezo, mu ijambo no mu bikorwa.

**Ntukibe**

Korera abandi ibyiza

**Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe.**

Baho wuzuye ukuri.

**Ntukifuze inzu ya mugenzi wawe.**

Ube ushima.

**Ikibazo: Ni iyihe mpamvu ari byiza kubaho mu nzira z'Imana?** [Kubaho mu nzira z'Imana bigufasha kuba umukunzi wayo. Kubaho mu nzira z'Imana bigufasha kuba umuhanga mu ishuri. Kubaho mu nzira z'Imana bigufasha kubaho umunanuzi w'imitsi mwizaj]. Kubaho mu nzira z'Imana bigufasha muri ibi byose kandi bikarushaho iyo mwiyemeje ubwanyu kubaho muri zo.

**Ikibazo: Ese Amategeko Icumu ubwayo ahufasha kubaho mu nzira z'Imana?** [Amategeko Icumu ni nk'indorerwamo. Ashobora gusa kukwereka uko wagerereranya n'ibyo Imana yagushyiriye].

**Ikibazo: Noneho ni gute wabaho mu nzira amatageko Icumu akubwira?** [Binyuze mu mbaraga za Yesu Kristo mu buzima bwawe]. Ni Yesu wenyine ushobora kuguha imbaraga zo kubaho ubuzima butandukanye n'ubw'isi ikubwiriza kubaho. Bibiliya iti, " Ijambo rya Kristo ribe muri mwe rigwiriye..." (Abakolosayi 3:16). Iyo ibitekerezo byebihindutse ibywae, ibikorwa bye bizahinduka ibywae.

Yesu yaje kukwereka wowe na njye urugero rwo kubaho neza. Ariko na none yaje kuguha imbaraga zo kubikora! Hitamo uyu munsi kureka Yesu akagufasha kubaho ubuzima bwawe kandi bube bwiza byuzuye!

## ITURO RY'ISHIMWE

### IGIHE CYO GUSHIMA NO GUTANGA

**"Nimushime Uwiteka mwambaze izina rye, Mwamamaze imirmo yakoze mu mahanga. Mumurimbirem mumurimbire ishimwe." (Zaburi 105:1-2)**

Ituro ry'ishimwe ni ugushimira ibyo wahawe. Reka dutekereze ku bijyanye n'ibyo twigeze guhabwa igihe kimwe. Dusome imirongo ikurikira:

**" Isi n'ibiyuzuye ni iby'Uwiteka..."(Zaburi 24:1).**

**Ikibazo: Ibyo ufile byose wabikuye he? [Ibyo dutunze byose byavuye mu byo Imana yaduhaye].**

**Ikibazo: Haba hari uwigize aguhana ubugwaneza birengeje ibyo Imana yaguhaye?"**

**" Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubuzima bw'iteka" (Yohana 3:16). Imana iduha ubuzima bw'iteka nk'impano.**

**"Ibyo ishisho ritigeze kureba, n'ibyo ugutwi kutigeze kumva. Ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu, ibyo byose Imana yabyiteguriye abayikunda." (1 Abakorinto 2:9).**

Imana izaduha ibyo tudasoshora gutekereza.

Imana yizeza Abakristo (Abakiriye Yesu Kristo mu buzima bwabo nk'Umwami n'Umukiza) ko umunsi umwe bazabana na we ubuzira herezo mu ijuru! ARIKO....hari igihe twibagirwa irindi sezerano ryiza Imana iduha:

**"...ariko njiyewe nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi." (Yohana 10:10).** Yesu avuga ko ataguha gusa ubwenegihugu bwo mu ijuru, ko unashobora no kugira ubuzima bwiza bwinshi muri iki gice cy'ljuru! Imana iduha ibyiza byose muri aya magambo yombi!

**Ikibazo: Ni abahé bantu wahawe?** [Ababyeyi bakwereka urukundo rw'Imana; abarimu bagufasha kwiga ku ishuri; abatoza bagufasha mu mikino; ingabo zifasha igihugu cyacu gutekana]. Tekereza ukuntu wumva umeze iyo hari ufashe igihe cye akakimarana nawe/ akakiguha.

Nibyo twahawe byinshi, none rero dufite byinshi twashimira kubwabyo. Reka tubanze twishyushye mbere yo gukora umukino ushimishiye nyuma y'iri somo:

**Ikibazo: Kuwa 11 Nzeri 2001 - umunsi abagabo bayoboye indege ku miturirwa ya World Trade Center muri New York - ni iki cyo kwishimira aho ngaho?** [Ko Imana yemeye ko hasenyuka inzu nke kurusha uko byari kugenda, abantu bashyize ukwemera kwabo n'ukwizera muri Yesu Kristo nk'Umukiza wabo, Ugukunda igihugu no gutanga, byavuguruye ubuzima bwo gusenga no kugana insengero].

**Ikibazo:Hari urwaye indwara ikomeye mu muryango wawe, ni igiki ubona ko ukwiriye gushimira?** [Ubuzima wowe urimo, urukundo rwa Kristo mu bikorwa mu gihe abantu bafasha, ibyiringiro by'ahejo hazaza heza].

**Ikibazo: Ikipe yanyu y'imikino yaratsinzwe mu irushanwa ry'ubushize. Ni iki ubona washimira?** [ umuryango, ufile urugo, imyambaro, ibyo kurya, n].  
"ibindi].

**Ikibazo: Reba ahazengurutse urusengero rwanyu. Ni iki ubona cyo gushimira?** [Yesu Kristo, umushumba wanyu, aho muramiriza mwisanzuye kandi kumugaragaro].

**Ikibazo: Reka tuvuge ko uhuye n'umuntu utagira aho kuba, noneho akakubaza ati, "Ni iki njye nashimira?"** [Imana isubiza ibyo ukeneye, abantu bakwitaho kandi bakanagufasha - ntiwibagiranye, birashoboka ko wakongera ukagaruka mu buzima bwiza].

Twatakaje byinshi byo gushimira. Ariko igice cya kabiri cyo gushima UTANGA, ni Ugutanga. Reka tugaruke ku byerekeranye no gutanga.

**Ikibazo: Hari inzira eshatu ushabora gutangamo. Uratekereza ko ari izihe?**

1. Dushobora gutanga igihe cyacu.
2. Dushobora gutanga binyuze mu bushobozi bwacu
3. Dushobora gutanga amafaranga yacu.

**Ikibazo: Ni kuki ushabora gutanga? Bibiliya ivuga itya:**

- "Mwaherewe ubusa namwe mujhe mutangira ubundi" ( Matayo 10:8). [ Tanga kuko wahawe].
- " Ariko ndavuga ibi ngo "Ubiba nke azasarura bike, naho ubiba nyinshi azasarura byinshi." "Umuntu wese atange nk'uko abigambiriye mu mutima we, atinuba kandi adahatwa, kuko Imana ikunda utanga anezerewe" (2 Abakorinto 9:6-7).

**Ikibazo: Niryari dushobora gutanga?** [Tanga igahe cyose bibaye ngombwa]. Bibiliya iti, " mugabanye abera uko bakennye" (Abaroma 12:13). Igihe cyose nicyo gihe cy'ukuri!

Uhereye ko Gushima utanga bibanziriza "umunsi mukukuru wa Noheli", ni igahe twibanda cyane gushakisha uburyo bwo gutanga.

**Ikibazo: Ni gute ukoresheje ubushobozi bwawe, igahe cyawe, n'amafaranga yawe washyira mu bikorwa igikorwa cyo gutanga?**

Nshobora gukoresha ubushobozi bwanje:

Mu rugo	mfasha umuryango gutegura imirimo.
Ku ishuri	mfasha abanyeshuri bagenzi banje mu bijyanye n'imishinga ya siyansi.
Ku itorero	ndirimba muri korari
Mu baturanyi	mfasha mu gukurira utishoboye.

Nshobora gukoresha igahe cyanje:

Mu rugo	nshyira udutako imbere ya T.V
Ku ishuri	mfasha mu gushakisha amafaranga y'umushinga
Ku itorero	mfasha mu ishuri ry'incuke.
Mu baturanyi	mfasha mu bikorwa by'urukundo cyangwa imishinga rusange.

Nshobora gufasha nkoresha amafaranga yanje:

Mu rugo	ngurira umuryango wose impano.
Ku ishuri	ngurira ibyo kurya inshuti.
Ku itorero	ntanga 10% kubyo nungutse.
Mu baturanyi	mfasha umuryango ukeneye gufashwa.

## ISOMO KURI NOHERI IDASANZWE.

### Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

" Kandi dore uzasama inda, uzabyara umuhungu, uzamwite Yesu. ( Luka 1:31)

### Ikibazo cyo kuganiraho

#### **Ni ibihe bintu by'ingenzi bikwibutsa Noheli?**

##### Inkuru ya Noheli

(Umwandiko: Luka 2:1-7)

**" Nuko muri iyo minsi itegeko riva kwa Kayisari Awugustito, ngo abo mu gihugu cye bose bandikwe. Uko ni ko kwandika kwa mbere, kwabayeho Kureniyo ategeka i Siriya. ose bajya kwiyandikisha, umuntu wese ajya mu midugudu y'iwabo.**

**Yesefu na we ava i Galilaya mu mudugudu w'i Nazareti, ajya i Yudaya mu mudugudu wa Dawidi witwa i Beterehemu, kuko yari uwo mu nzu ya Dawidi no mu muryango we, ajya kwiyandikishanya na Mariya, uwo yasabye wari utwite. Bakiri iyo igihe cye cyo kubyara kirasonora, abyara umuhungu w'imfura amwarosa imyenda y'impinja, amuryamisha mu muvure w'inka kuko bari babuze umwanya mu icumbi."**

Inkuru ya Noheli, Ni Ubuzima budasanzwe, Igitangaza ku nzira ya 34. Biroroshye kubura ukuri ku busobanuro bwa Noheli. Niba ibyo uzi byose ari ibyo ubona kuri T.V cyangwa mu nkuru, watekereza ko Noheli ari ukugura impano zo gutanga, kugira iminsi mikuru. Ahubwo Noheli irenze ibyo kure cyane.

**Ikibazo: Noheli ni iki?** [Noheli ni ukwizihiza igikorwa cy'amateka cyabaye mu myaka 2000 itambutse].

**Ikibazo: Ni ryari Noheli yatangiriye?** [ Inkuru ya Noheli yatangiriye mu mutima w'lmana mbere y'uko irema umubumbe w'isi].

Mu ntangiriro, Imana yaremye isi n'ijuru n'uko iravuga iti ni byiza. Nuko Imana irema umuntu wa mbere, Adamu, n'umugore wa mbere Eva. Bari imitako y'ibiremwa byayo. Mu ntangiriro - bari beza cyane - nk'uko Imana yashakaga ko bamera.

**Ikibazo: Imana yasuzumye urukundo rwa Adamu na Eva. Iryo suzuma ryari irihe?** [ Isuzuma Imana yahaye Adamu na Eva mu kureba urukundo rwabo, ni ukumvira]. Ariko Adamu ntabwo yahisemo kuba uko Imana yashakaga ko aba. Yahisemo kutumvira Imana n'uko muri uwo mwanya atakaza ubutungane bwe. Adamu yatekerezaga uko yishakiye. Ntabwo yari akiri wa wundi Imana yashakaga ko aba Ikimurema.

**Ikibazo: Ni igiki cyakurikiye nyuma y'uko Adamu asuzuguye?** [ Kubera ukutumvira kwa Adamu na Eva, wowe na njye twatandukanye n'Imana].

Bibiliya ivuga ko , " nk'uko ibyaha byazanywe mu isi n'umuntu umwe, urupfu rukazanwa n'ibyaha, niko urupfu rugera ku bantu bose kuko bose bakoze ibyaha." (Abaroma 5:12). Buri wese bitewe n'uko Adamu yahisemo gufata akamero ko kutumvira Imana, n'abamukomokaho bose twafashe uwo murage. Indi nyito yo kutumvira Imana, ni " icyaha." Ariko kuko Imana yacu ari lyera - ntiyegera ahari icyaha - umunyacyaha ntashobora kwegera aho Imana iri. Yewe n'isi Imana yiremeye yabuze uburanga bwayo n'ibyiza yaremanywe.

Ikibazo: Ni igiki Imana yakoze? [Yashyizeho isezerano. Iryo sezerano ni iri: " Sinzabarekera muri iyi mibereho iteka - nta yindi nzira yo gutandukana n'icyaha kuri Njye. Nzashyiraho "Inzira" kugira ngo umworera ubatandukanya nanje uzashyirweho ikiraro kizabasha kubashoboza kuza iwanje. "Inzira nzabashyiraho izabereka urukundo mbaftiye, n'urukundo nshaka ko na mwe mwangirira kandi mukarugirira n'abandi"].

Uhoreye igihe Imana yashyiragaho iri sezerano rya mbere, hari abaryizeye. Abo ni abashyize ukwemera n'ukwizera Ijambo ry'Imana.

Mu myaka 2000 ishize, igihe nyacyo kigeze, mu cyaro cya Nazareti i Galilaya hari umukobwa witwaga Mariya. Mariya yari isugi, ntiyari yarashatse, ariko yari yarasabwe n'umugabo witwa Yosefu.

Mariya yizeraga isezerano Imana yashyizeho. Yizeraga Imana. Umunsi umwe asenga, abonekerwa n'Umumayika woherejwe n'Imana.

**Ikibazo: Iyi ntumwa yavuze iki?** [Marayika yamubwiye kutagira ubwoba - ko yari agiye gusama inda y'umwana binyuze mu mbaraga z'umwuka Wera. Ko agomba kuzamwita Yeus, bisobanura Umukiza - cyangwa Imana ikiza].

Uyu wari umugambi w'lmana wo gushyiraho "Inzira" yo kunyuramo tugarukira Imana, nk'uko yari yarabisezeranyije. Marayika yanabonekeye Yosefu. Mariya na Yosefu bari buzuye ibyishimo byo kuba baratoranyijwe kuba ababyeyi b'uyu mwana Yesu - wagombaga kutwereka ingano y'urukundo Imana idukunda.

Mu gihe Mariya yari ategereje kubyara, umuyobozi w'igihugu ategeka ko buri wese ajya kwibaruriza aho avuka kugira ngo abarurwe. Mariya na Yosefu bafashe urugendo rwo kujya i Beterehemu, bahageze, igehe cyari kigeze ko Mariya aramukwa akabyara umwana. Betelehemu yari yuzuye abantu, amacumbi yose aruzura, ariko Mariya na Yosefu babona aho kurara, Mariya abyara umwana amuryamisha mu muvure w'inke.

**Ikibazo: Umuvure ni iki?** [ Ni igikoresho cyifashishwa mu kugaburira amatungo].

**Ikibazo: Uyu mwana wiswe Yesu ni muntu ki?** [Uyu mwana yari impano y'lmana yari ihawe isi - ikiremwamuntu rwose, wavutse ku mugore, kandi Umwana w'lmana. Yesu yari Imana 100%, akaba n'umuntu 100%. Nk'uko Imana yabigennye, Mariya na Yosefu bahaye izina umwana bamwita Yesu (izina ry'abantu benshi kuri ubu ryakabaye "Yosuwa", bisobanura: Imana ikiza, Imana muri twe), kuko ariwe wagombaga kuba Umukiza w'isi].

Muri iki gihe mu mirima ikikije Betelehemu, hari abashumba barimo bacunze intama zabo. Bitunguranye, babona umucyo mwinshi mu kirere, Malayika arababonekera.

**Ikibazo: Ni iki Malayika yababwiye?** [Ibyanditswe biravuga biti: "Mwitinya, dore ndababwira ubutumwa bwiza bw'umunezero mwinshi uzaba ku bantu bose, kuko uyu munsi Umukiza abavukiye mu murwa wa Dawidi, uzaba Kristo Umwami. Iki ni cyo kiri bubabere ikimenyetso; ni uko muri busange umwana w'uruhinja yoroshwe imyenda y'impinja, aryamishijwe mu muvure w'inke." (Luka 2:10-12)].

Muri aho kanya haboneka ingabo zo mu ijuru nyinshi ziri kumwe na malayika uwo, zisingiza Imana ziti "Mu ijuru icyubahiro kibe icy'lmana, no mu isi amahoro abe mu bo yishimira.". Abashumba bari bamwe mu bizeraga isezerano ry'lmana, n'uko bihuta bagana aho uwo muvure wari uri barapfukama baramya umwana Yesu.

**Ikibazo: Mu ijuru Yesu yavutseho, utekereza ko ari ukubera iki abamarayika babonekeye abashumba aho kubonekerea abami cyangwa se abayobozi bakuru cyangwa se abayobozi b'amadini?** [Urabona, kubera umwanda wabo, imrimo ifuditse, abashumba bari bahejwe mu bandi. Ni abantu nta n'umwe washaka kubana na bo - twagereranya n'abatagira aho kuba bo muri iyi mins. Yesu yaje kubana n'abakene - ba bandi bafite ibyo bakeneye byinshi. Kubwa Yesu, nta muntu uri hasi atasanga]. Watekereza ibyishimo abo bashumba bari bafite igehe abamalayika babanekeraga ubwa mbere muri iryo joro Yesu yavutsemo?

Mu kindi gice cy'isi bita Peresi, ahitwa ubu Iraki na Irani, hari abagabo b'abanyabwenge, abajyanama b'umwami, bari barize iby'inyenyeri. Mu gutungurwa gukomeye, inyenyeri idasanzwe irababonekera. Kandi bari baranumvise isezerano ry'lmana. Nuko batangira urugendo rwabo, bakurikira iyi nyanyeri ngo barebe aho iberekeza. Ntabwo tuzi neza umubare w'abanyabwenge b'abagabo baje kureba Yesu, ariko tuzi ko bazanye impano eshatu.

**Ikibazo: Ni izihe mpano abo banyabwenge bazanye?** [Zahabu, Ishangi n'icyome]

**Ikibazo: Izi mpano zihagarariye iki?** [Buri mpano ihagarariye igice cy'ubuzima bwa Yesu n'ubutumwa Imana yamwoherereje kuzuza]. Zahabu ni impano y'umwami, ya Yesu Umwami wacu w'ljuru. icyome ni umubavu wakoreshwaga mu kuramya Imana, ku Mana yigaragaje ubwayo yigira umuntu muri Yesu Kristo. Ishangi ni uduce tw'ibihumura twakoreshwaga mu gusiga imirambo igehe bashyingura, kubw'impamvu yazanye Yesu yo gupfa noneho mu rupfu rwe, akishyura ikiguzi cyose cyasabwaga kugira ngo tubabarirwa ibaya twakoreye Imana.

Ibyo wumvise mbere ni inkuru nk'uko isanzwe ivugwa kuri Noholi. Ariko yaba ifite ubusobanuro bukeya idafite ibice bikurikira.

Mariya na Yosefu basubiranye n'umwana wabo i Nazareti. Yesu yari yuzuye Umwuka w'lmana. Yabayeho mu buzima bwejejwe. Yahoraga yumvira Imana.

**Ikibazo: Yesu yitaga ise gute?** [Yesu yahamagaraga Se " data"]. Yesu yatwibutsaga ko Imana ifiteanye ubusabane nawe, nk'uko umubyeyi akunda umwana we. Yesu atwibutsa ko Imana ikunda kandi ikwemera uko uri, kandi mu buryo bumwe, Imana ikaba yifuza ko namwe mwakundana.

**Ikibazo: Yesu yaje gukora iki?** [Yesu yaje guha ubuzima bushya kandi butandukanye uwo ari we wese ubusabye]. Ni ubuzima budasanzwe burenze intekerezo. Ubu buzima Yesu atanga ni ubw'iteka - butangira kuboneka igihe ushyize ukwizera kwawe muri We.

Ku myaka 33, nyuma y'uko yari amaze kwigisha no gukora byinshi, Yesu yabambwe ku musaraba yicwa n'abantu batigeze bashaka kumwemera uko yari ari. Aba ni abantu bongeye kwanga urukundo rw'lmana.

**Ikibazo: Yesu yapfiriye iki?** [ Yesu ntakintu yaba yarapfiriye kijyanye no kutumvira ku ruhande rwe - Mu buzima bwe nta cyaha yigeze akora. Ahubwo, yapfiriye kumvira Imana - Ise]. Yesu yarapfuye kugira ngo ace inzira kuri buri wese ushaka gutabarwa ku cyaha no kwitandukanya n'lmana.

Igihe dukoze icyaha, tuba ducumuye ku Mana. Kubera ko turi abantu, ni umuntu gusa ushobora kwishyurira igihano. Ariko kubera ko gucumura ari ukurwanya Imana itagira iherez, ni Imana Yo ubwayo ishobora kwishyura igihano. Niyo mpamvu Imana yatwoherereje Umwana wayo Yesu. Yesu umuntu 100% , wabayeho nta cyaha - ubuzima bwejejwe. Yesu, Imana 100%, afite ubushobozi bwo gufata ibyaha bya bose, akabidukuraho. " Kuko utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'lmana" ( 2 Abakorinto 5:21).

Igihe Yesu yapfaga, yishyizeho gukiranirwa kwacu kose wowe nanshye twakoze cyangwa se twese tuzagira. Uku gukiranirwa kwagutandukanyije n'lmana. Ariko igihe uhisemo kumusaba kuza mu buzima bwawe, ntuba ukiri kure y'lmana. Yesu ni "Inzira" itugarura ku Mana yagusezeranyijwe kera, kera cyane.

Iminsi itatu nyuma y'uko apfuye agahambwa, Yesu yazutse mu bapfuye, arongera agenda ku isi nk'umuntu muzima. Ukuzuka kwa Yesu ni ikimenyetso ko Imana yemeye igitambo cya Yesu kubw'abantu.

Aha hari byinshi birenze inkuru. Ariko yanda ubu, mu bihe byo kwizihiza Noheli, impano zidasanzwe zizahinduka, uzibuka impana iruta izindi yatanzwe - imwe yatanzwe n'lmana ku bantu twese - Yesu Kristo. Ni we mpamvu yo kwibuka Noheli.

## PASIKA: UKUBAMBWA

Umurongo w'isomo ry'uju munsi

**"Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho" ( Yohana 3:16).**

Iriburiro

Kumva impamvu Abakristo bizihiba Pasika, ugomba kumva ubusobanuro bwa Noheli. Noneho, reka turube amasomo yacu ya mbere kuri Noheli.

Mu ntangiriro, Imana yaremye isi, n'uko Imana irema umugabo n'umugore. Mu ntangiriro - bariho nta cyaha - nk'uko Imana yashakaga ko baba. Ariko Adamu ahitamo kutumvira Imana n"uko uhereye ubwo ububonere buragabanuka. Uwo mwanya, icyaha cyinjira mu isi.

Bibiliya iravuga iti:**"Kuko bimeze bityo, nk'uko ibyaha byazanywe mu isi n'umuntu umwe, urupfu rukazanwa n'ibyaha, niko urupfu rugera ku bantu bose kuko bose bakoze ibyaha."** (Abaroma 5:12).

Buri muntu wese uhereye kuri Adamu yaracumuye, kuberera ko twarazwe icyaha na Adamu. Kubura uko guhitamo, wowe nanje twagiye kure y'Imana, hakaba nta buryo twebwe ubwacu twashoboraga kumwigaruraho. Dukeneye gutabarwa ku byaha byacu.

Igihe kigeze, Imana yohereza Malayika Gabuliheli ku mwari Mariya. Gabuliheli atangaza ko azabyara umwana, binyuze mu mbaraga z'Umwuka w'Imana. Yagombaga kumwita Yesu, bisobanura Umukiza - cyangwa Imana ikiza. Uyu ukaba wari umugambi w'Imana wo gutanga "Inzira" yo kumugarukaho.

Buri gihe Imana iba ifite umugambi. Umugambi w'agakiza kacu wari uw'igitambo. Aha niho Pasika iva muri Noheli.

### Intambwe zo kugera ku Kubambwa

**Ikibazo: Gukizwa ni iki? [ ni ukurokorwa].**

**Ikibazo: Ni iki gikenewe kugira ngo turokorwe? [Icyaha]**

**Ikibazo: Icyaha ni iki? [Icyaha ni igikorwa cyose cyo kutumvira Imana].**

**Ikibazo: Ni iyihe mpamvu dukeneye kurokorwa icyaha?** [Iyo dukoze icyaha, tuba ducumuye ku Mana. Kubera ko turi abantu, ni umuntu wenyine ushobora kwishyura igihano. Ariko kubera ko gecumura ari ukurwanya Imana itagira iherezo, Imana yonyine niyo ishobora gutanga ikiguzi. Niyo mpamvu Imana yatwoherereje Yesu Umwana wayo, umuntu 100%, wabayeho nta cyaha - ubuzima bwejejwe. Yesu, 100% Imana, ifite ubushobozi bwo kudukuraho ibyaha byose].

**"Kuko utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana" ( 2 Abakorinto 5:21).**

Inkuru Nziza ni uko Imana ivuga ko ushobora kurokorwa ibyaha byawe iyo wiziye ko Imana yazuye (yasubije mu buzima) Yesu mu bapfuye, kandi ukaba watumira Yesu kuza mu buzima bwawe.

Umvu ibisobanuro by'uko byagendekeye Umwana w'Imana, Yesu, nawe ashobora kukurokora icyaha akanagufungurira inzira igaruka ku Mana. Mu ijoro rya nyuma ryo Gusangira, Yesu amaze kumanyurira umutsima intumwa ze, akanafata n'igikombe, agashimira, akabibaha, basohotse bagana ku Musozi w'imizeti.

### Ukubambwa

(Icyanditswe: Matayo 26:36-39 & Luka 22: 43-44)

Getsemani

**"Maze Yesu agerana na bo ahitwa i Getsemani, abwira abigishwa be ati "Nimube mwicaye aha nigire hariya nsenge." Ajyana Petero na bene Zebedayo bombi, atangira kubabara no guhagarika umutima cyane. Maze arababwira ati "Umutima wanje utite agahinda kenshi kenda kunyica. Mugume hano, mubane maso nanje." Yigira imbere ho hato arunama, arasenga ati " Data, niba bishoboka iki gikombe kindenge, ariko bye kuba uko njiyewe nshaka, ahubwo bibe uko wowe ushaka." .**

**"Marayika uvuye mu ijuru aramubonekera, amwongera imbaraga kuko yari ababaye bikabije, asenga cyane, n'byuya bye byari bimeze nk'ibitonganya by'amaraso bitonyanga hasi.] ( Luka 22:43-44).**

Na mbere yo kubambwa, Yesu yari yatangiye gusogongera ku mubabaro muri Getsemani ibyo yari agiye kunyurama mu buryo bw'umubiri no mu mwuka byo kuturokora - kuzuriza umugambi w'agakiza kubwawe nanje. Yesu yari ahangayitse kugeza ubwo Imana imwoherereza Malayika kugira ngo amukomeze. Yesu yasenze inshuro eshatu ashaka kugira ngo arenge iki gikorwa cyo kubambwa - ariko akomeza asenga ko bitaba uko abishaka ahubwo biba uko lse abishaka.

#### **Bafata Yesu**

Muri iryo joro umwe mu bigishwa ba Yesu witwa Yuda, yaramwitebye aza ayoboye igitero kinini cy'indakare cy'abagabo kuri Yesu. Baramufashe bamujyana kwa Kayafa, umutambyi mukuru, n'abanditsi b'urukiko rukuru rw'Abayuda. Nuko bamucira amacandwe mu maso, bamukubita ibipfunsi. ( Matayo 26:67).

**"Umuseke utambitse, abatambyi bakuru bose n'abakuru b'ubwo bwoko bigira inama yo kwica Yesu. Baramuboha, baramujyana bamushyira umutegeka Pilato." (Matayo 27:1-2).**

Nuko Pilato ategeka ko bamukubita bakanamubamba. Ibikoresho bakoresheje mu kumuhana bamukubita ibikoba. byari bigizwe n'imishumi 12 y'uruhu ifite ku migongo utwuma dutyaye cyangwa tw'amagufa tuboheye ku mperezoo zayo. Yesu yabohewe ku nkingi nuko bamukubita inshuro zirenga 39 ku mugongo.

**"Maze abasirikare b'umutegeka bajyana Yesu mu rukiko, bamuteranirizaho ingabo zose. Baramucuza, bamwambika umwenda w'umuhemba, baboha ikamba ry'amahwa barimwambika mu mutwe, n'urubingo mu kuboko kwe kw'iburyo baramupfukamira, baramushinyagurira bat "Ni amahoro mwami w'Abayuda!" Bamucira amacandwe, benda rwa rubingo barumukubita mu mutwe bamushinyagurira bamwambura wa mwenda, bamwambika imyenda ye bamujyana ku mubamba."(Matayo 27:27-31).**

#### **Kubambwa**

Nyuma y'ibi abasirikare b'Abaroma bambitse Yesu ubusa, bamuvusha amaraso baramukubita, yyikorerera umusaraba bamwerekeza hanze ahitwaga i Gologota ngo bamubambe. Igihe atari agishoboye gukomeza kugenda, bafashe umugabo witwa Simoni w'Umunyakurene, bamuhatira kwikorera umusaraba wa Yesu (Yohana 19:16-17, Mariko 15:21).

Bageze i Gologota, babambye Yesu ku musaraba n'uko bafata icumu barimucumita mu rubavu. Nuko bafata ikindi kiganza bagishinga kumusaraba. Igihe cyose bahondaga inyundo, ndatekereza Yesu avuga ati, "Data, babarire, babarire. Ntabwo bazi icyo bakora."

Nuko abasirikare bafata n'ikirenge cye bakigondera ku kindi, amavi akunjje gato, kuko ibi ari bumwe mu buryo Abaroma bakoreshaga mu kubamba. N'uko binjizamo imisumari.

N'ububabare bwa Yesu bamushyira ku musaraba, barawegura, barawuringaniza n'uko bawushinga mu rwobo. Birumvikana ko imikamba y'intugu yamukwegaga, imibabaro n'imihoroto y'urupfu byo kubambwa bitangira ubwo.

Urabona ko mu gihe cy'ibambwa, Yesu yashoboraga guhumeka, ariko mu buryo bw' imikorere y'umubiri, ntibiyamushobokeraga guhumeka neza - ntabwo yashoboraga gusohora umwuka mu bihana.

Ariko Abaromani bari bazi ibyo bari gukora. Niyo mpamvu bakunje amavi ya Yesu gato. Iyo Yesu yashakaga guhumeka, we ubwe yarisunikaga azamuka kugira ngo ashobore gusohora umwuka. N'uko akongera akitsa. Abikora amasahal Abanyamateka batubwira ko kuba abantu barabaga babambywe, abanshungerezi babavugagaho amagambo ateye ubwoba. Bibiliya ivuga iti "

"Maze abambuzi babiri babambanwa na we, umwe iburyo bwe undi ibumoso. Abahisi baramutuka, bamuzunguriza imitwe baravuga bati "Wowe usenya urusengero ukarwubaka mu minsi itatu, ikize. Niba uri Umwana w'Imana, manuka uve ku musaraba." Abatambyi bakuru n'abanditsi bakuru na bo bashinyagura batyo bati "Yakikije abandi, ntabasha kwikiza. Ko ari umwami w'Abayisilayeli, namanuke ave ku musaraba nonaha, niba imukunda kuko yavuze ati "Ndi Umwana w'Imana." N'abambuzi babambanye na we, na bo bamutuka batyo." (Matayo 27:38-44).

**Ikibazo: ikitambo ni iki?** [Igitambo ni igihe ikintu cy'agaciro gitanzwe kubw'inyungu z'abandi]. Yesu yatanze ubuzima bwe kugira ngo aturokore icyaha.

**Ikibazo: Uratekereza ko ari iyihe mpamvu Yesu yakubiswe, akavunderezwa amacandwe, agatukwa?** [Aya niyo yari amahirwe ya nyuma y'umubi Satani yo kuburizamo umugambi w'lmana w'agakiza ku bantu bose harimo wowe nanjye]. Satani yashyizemo gukubita, kuvunderezwa amacandwe, ibitutsi, gucuza imyambaro, no gushinyagura. Igitekerezo kimwe cyo kurakara, ijambo ry'uburakari rimwe rya Yesu, byashoboraga kuburizamo agakiza kawe nanjye.

**Ikibazo:** Iyo Yesu aza kuba yarakoze icyaha cyo kurakarira abantu bamukubitaga cyangwa bamuvunderezaga amacandwe cyangwa kumutuka, ni ukubera iki umugambi w'lmana waragombaka kuba utsinzwe? [ Urabona, ukubaho kw'igitambo kimwe ku kiremwa muntu cyose - Yesu - cyagombaga kuba nta nenge - nta nakimwe ashinjwa - kitagira icyaha].

Igihe cyari gishiranye Satani, yari mu mazi abira. Ububare bwazamutse, ibitutsi byiyongera, imivumo, kurembeshwa n'ububare bw'urupfu rwo kubambwa, Ikivunge cy'abamukikije kimusukaho ibitutsi. Birumvikana Yesu yashuboraga kugira umujinya nibura inshuro imwe. Bitandukanye n'ibyo "Yesu aravuga ati: **Data, babarire kuko batazi icyo bakora**" (Luka 23:34).

Ariko ikintu Yesu yatinyaga ntabwo ari ugukubitwa, ibitutsi, cyangwa se kubambwa. Ni icyari kigiye kuba. Ni ico Yesu yasabaga Ise mu qashyamba k'i Getsemani cyo kutamureka ngo abicemo.

**Ikibazo: Ni iki utekereza ko Yesu yatinyaqa cyane? [ Bibiliya itubwira]:**

Uhereye ku isaha ya fatandatu haba uwirakabiri mu gihugu cyose kugeza ku isaha ya cyenda Yesu avuga ijwi rirenga ati "Eli, Eli, lama sabakitani?" Bisobanurwa ngo "Mana yanje, Mana yanje ni iki kikundekesheje?" ( Matayo 27:45-46).

Ntabwo Yesu yari yatandukanye na Se - Imana. Uhereye mbere mu itangira ry'ibihe. Yesu yahoranye ubusabane butagira umugayo na Se. Ariko ibuka ko icyaha kidashobora guhagarara imbere y'Imana Yera. Yesu, igitambo cy'Imana, umwana w'intama w'lmana, yakiriye igihano cy'ibyaha by'abantu bose - igipimo cyuzuye cy'ubutunzi bw'lmana - ku mubiri we. Nuko Yesu avuga n'ijiwi rirenga at, "**Birarangiye!**" (Yohani 19:30).

**Ikibazo: Ni ukubera iki Yesu yitwa " Umwana w'intama w'lmana?"** [ Mu gihe cy'ubuzima bwa Yesu, habaga igitambo mu rusengero rw'i Yelusalemu. Igitambo, buri gihe cyabaga ari umwana w'intama wacinjwaga i saa 3:00 ( isaha ya cyenda) ku mugoroba, ubariyemo n'umunsi wo gutambuka]. Muri icyo gihe, umutambyi yajyaga ahera cyane ho mu ngoro akavuza umwirongi cyangwa ihembe nk'ikimenyetso cy'uko bagiye gutamba umwana w'intama.

Nk'uko Yesu yari abambwe ku musaraba, yumvise amajwi y'ihembe acicikana mu mujyi. Yesu amenya ko igahe cyo gutamba igitambo cye kigeze. Igihe umutambyi yicaga umwana w'intama wo gutambuka, Yesu yarararamye areba mu ijuru nuko aravuga ati: " Birarangiye"! Muri uwo mwanya, umwana w'intama n'inshungu y'lmania - Yesu - Umwana w'intama wo qutambuka wacu - avamo umwuka i saa 3:00 p.m.

Bibiliya ivuga ko igihe Yesu yavagamo Umwuka, umwenda wari ukingirije ahera watabutsemo kabiri uhereye hasi ukageza hejuru. Abanyamateka batubwira ko umwenda wabaga ukingirije ahera mu rusengero wabaga ari umwenda ukarazwe n'ubudodo, ko iyo indogobe enye iyo zabaga ziziritse ku mpera zombi, zitashoboraga kuwutaburamo kabiri

**Ikibazo: Uratekereza ko umwenda wo mu rusengero watabutsemo kabiri kubera iki? [Imana yawutabuyemo kabiri, kugira ngo buri wese amenye ko adaheiwe kumusanga kubera icyahal].**

Yesu ati " Birarangiye!" kandi birarangiye! Nta na kimwe wakongera ku gakiza k'Imana. Ni impano y'Imana kuri wowe. Yesu ni umwana w'intama w'Imana ugukuraho ibyaha n'ibyaha by'abantu bose bizera ko ari Umwana w'Imana kandi bamusaba kuza mu buggingo bwabo nk'Umukiza.

**Ikibazo: Waba warasabye Umwana w'Imana kukurokora icyaha? Waba waratumiyе Yesu kuza mu buzima bwawe nk'Umukiza wawe?**

Niba utarabikora, ukaba ubishaka uyu munsi, ubu ngubu. Niba aribyo ushaka gukora, ndagusaba tuvuge iri sengesho, utuje mu mutima wawe cyangwa se n'ijwi rituje :

Yesu - Menye ko ndi umunyabyaha. Mbabarira ibyaha byanje byose. Ndashaka kukwemera nk' Umukiza wanje. Ndagusabye ngo uze mu buzima bwanje kandi utangire ungire uwo wifuza ko mba. Amina.

INYIGISHO KU ISENGESHO RIDASANZWE  
Ryo ku Munsi w'Igihugu wo Gusenga

**"Maze abantu banje bitiriwe izina ryanje nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanje bagahindukira bakareka ingeso zabo mbi, nzumva ndi mu ijuru mbabarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu."( 2 Ingoma 7:14).**

Kongere ya Leta zunze ubumwe za Amerika yashyizeho umunsi witwa Umunsi w'Igihugu w'isengesho mu 1952. Ni umunsi washyzweho aho abanyamerika bose basabwa gusengera igihugu cyabo: abayobozi n'abaturage bacyo.

Uyu munsi tugiye gusengera abantu mu matsinda atanu:

- Guverinoma
- Amatorero n'Imiryango iyashamikiyeho
- Ubucuruzi n'inganda
- Imiryango
- Natwe ubwacu

nyunganizi cyangwa ingero za buri tsinda ry'abantu zatanzwe kugira ngo zigufashe kumenya abo usengera. Nanone, Umurongo umwe cyangwa ibiri mu Byanditswe uraherekeza buri tsinda mu kugufasha gutekereza kucyo ugiye kubasengera.

Nk'uko muteranira hamwe n'umuhungu cyangwa umukobwa wawe, cyangwa se nk'itsinda ry'imiryango, reka twicishe bugufi, tuzibukire ibibi dusatire ibyiza, tumuhamagare, kugira ngo atwumve ari mu ijuru kandi atubabarire ibyaha kandi anakize igihugu cyacu.

***"Uwiteka, tegera ugutwi amagambo yanje,.. "(Zaburi 5:1)***

Guverinoma yacu

**"Hahirwa udakurikiza imigambi y'ababi, Ntahagarare mu nzira y'abanyabyaha, ntiyicarane n'abakobanyi. Ahubwo amategeko y'Uwiteka ni yo yishimira, Kandi amategeko ye ni yo yibwira ku manywa na nijoro."** (Zaburi 1:1-2).

Dusabe ko abayobozi bacu basaba Imana ko yabafasha gufata ibyemezo byiza, bakabyubahiriza, n'ubwo baba badakunzwe

- Abayobozi bakuru b'igihugu: Perezida, Abasenateri n'abadepite, n'abandi bayobozi
- Abayobozi bungirije: Guverineri, Abayobozi b'uturere, n'abandi batorwa
- Urwego rw'ubucamanza: Urukiko rukuru rurinda itegeko nshinga, n'izindi nkiko.
- Urwego rw'ingabo: Izirwanira mu kirere, ku butaka, mu mazi, n'abavuye ku rugerero

"Petero n'izindi ntumwa barabasubiza bat: **"Ibikwiriye ni ukumvira Imana kuruta abantu"**(Ibyakozwe n'intumwa 5:29)

Amatorero n'imiryango iyashamikiyeho

**"Twe gucogora gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari."** (Abagalatiya 6:9)

Igihugu cyacu kigomba kumenya ko hari Imana Imwe, kandi ko yashyizeho ukuri kumwe kuri bose. Dusengere:

- Umushumba wanyu, abayobozi b'idini ryanyu, ab'itorero ryanyu, ko Ijambo ry'Imana ryakogezwa nta soni kandi ko Itorero ryaba urumuri rumurika mu isi y'umwujima.
- Imiryango ishamikiye ku idini mutera inkunga cyangwa ifasha umuryango wanyu, urugero: Salvation Army,
- Mwibande ku muryango, Ingando gikristo, Practice Ministries: ko imibereho yahinduka, kugira ngo Ijambo ry'Imana rishyirwe mu bikorwa bya buri munsi.

Abari mu nzu z'imbohe n'Abakorerwa iyicarubozo

**"Mukomere mushikame ntimubatinye, ntimubakukire imitima kuko Uwiteka Imana yawe ubwayo izakujya imbere, ntizagusiga, ntizaguhana" (Gutegeka kwa kabiri 31:6).**

- Akensi, abagororwa kubera ibibi bakoze bakenera ko imitima yabo (intekerezo n'imyifatire) isukurwa kugira ngo batazongera gukora ibyaha. Ni Yesu wenyine ushobora guhindura umutima w'umuntu. **Dusengere imitima yabo ngo ihinduke.**
- Abantu bamwe "bari mu bubata" kubera kumya ibiyobyabwenge, kunywa inzoga nyinshi, imyemerere ipfuye ku byerekeye Imana, bakaba " bafunze cyangwa barabaswe' na byo. Ni Yesu wenyine ufite urufungozo rw'umurunga uboshye abo bantu. **Dusengere kubohorwa.**
- Abakristo bamwe babaye abafana bo kureba hasi. Mu bindi bice by'isi, Abakristo rimwe na rimwe bashirwa mu nzu z'imbohe, bagakomeretswa, cyangwa bakamburwa imirimo, amazu, bagatandukanywan'imiryangi yabo. **Dusengere umutekano wabo kandi ko Imana yakubahisha amagambo yabo n'ibikorwa byabo.**

#### Aho dutuye & imico

**"Hahirwa abitondera ibyo yahamije, Bakamushakisha umutima wose. Ni koko nta cy'ubugoryi bakora, Bagendera mu nzira ze. Wategeye amategeko wigishije, kugira ngo bayitondere n'umwete." (Zaburi 119:2-4).**

Buri gihe dukururwa n'ibyo tureba, twumva, dusoma cyangwa tubwirwa; byaba ari iby'ukuri cyangwa bipfuye, byiza cyangwa bibi, Iby'Imana cyangwa se by'ibigirwamana. Dusenge ko ibyo bitari ukuri, ibibi, n'ibigirwamana byahagarara ntibidukurure, ko ibiri iby'ukuri, ibyiza by'Imana aribyo bibonwa, byumvwa, bisomwa, kandi bivugwa.

Wenda fata itsinda rimwe cyangwa abiri ku rutonde rukurikira urisengere kuri ibi:

- |                         |                                                 |
|-------------------------|-------------------------------------------------|
| • Ubucuruzi n'inganda   | Itumanaho, ubukungu, amategeko, iby'inganda     |
| • Ibikorwa by'abaturage | Imiryango yo gufasha, polisi                    |
| • Uburezi               | Abatoza, abanyeshuri, abarimu                   |
| • Siyansi               | Ubushakashatsi n'iterambere                     |
| • Ibitangazamakuru      | Teliviziyo, isakazamajwi, ibinyamakuru byandika |
| • Ibifasha kuruhuka     | Filimi, indirimbo, imikino                      |

#### Umuryango

**"Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose. Aya mategeko ngutegeka uyu munsi ahore ku mutima wawe, Ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye mu nzu yawe, n'uko ugenda mu nzira n'uko uryamye n'uko ubutse." (Gutegeka kwa kabiri 6: 5-7).**

- Imana yashyizeho umuryango kugira ngo abe ariho Ukuri n'inzira byigishirizwa. Dusengere ababyeyi, cyane cyane ababyeyi b'abagabo kugira ngo bayobore imiryango yabo bakoresheje ingero Imana n'intwari zo muri Bibiliya zaduhaye.
- Sengera abagize umuryango wawe, inshuti zawe, abaturanyi, abo mukorana, imiryango yasenyutse, abatagira imiryango.

#### •Ukwivugurura kwa muntu & Kubyutsa ibyishimo

**"Mana ndondora umenye umutima wanje, Mvugutira umenye ibyo ntekereza. Urebe yuko hariho inzira y'ibibi indimo, Unshorerere mu nzira y'iteka ryose." (Zaburi 139:23-24).**

- Senga Imana ikwereke ibice byawe bituma Imana idaseka, uyemerere kugufasha kubisana.
- Sengera abantu bose bo muri gihugu cyacu, ko bashaka Imana, ko bahindura imitekerereze n'ibikorwa bibi ahubwo bagatekereza banakora iby'ukuri.

**"Kandi iki ni cyo kidutera gutinyuka imbere ye: ni uko atwumva iyo dusabye ikintu nk'uko ashaka"** (1Yohana 5:14).

\*Iri somo ryakuwe muri Dallas Leadership Prayer Breakfast Guide, 1997.

## IGIHE CY'INKURU

Umurongo w'isomo ry'uyu munsi

"Icyo nzi ni kimwe ni uko nari impumyi, none nkaba ndeba!" (Yohana 9:25)

Iriburiro

Mu 2001, Nafashije itorero ryacu ryo ku mudugudu muri Dallas, TX, gukora icyigwa cyitwa " Abavuzi b'Inkuru" cyigisha abantu gukuza no kwiga uko babara inkuru zabo - uko baje kugirana ubusabane na Yesu Kristo. Igihe cy'Inkuru ni incamake y'icyi cyigwa, ariko intumbero ni imwe - kugufasha guhamya imbaraga zihindura za Yesu mu buzima bwawe.

Umwanya umwe uruta iyindi ni aho wowe n'abana bato mu ishuri ryanyu rya Bibiliya, muri bwumve aho umuPapa, umwana w'umuhungu cyangwa w'umukobwa, bari buvuge inkuru zabo.

Igihe cyose muhisemo gukora ibi nk'itsinda, ni umwanya wo gushyira ku ruhande za Bibiliya, ibitabo, noneho mugatega amatwi. Ni umwanya w'ingenzi wo kumarana igihe muri hamwe. (Reba ahanditse uko wabigenza n'itsinda ryawe ku mpera z'iri somo).

Igihe cy'Inkuru

(Icyanditswe: Yohana 9:1-25)

"Akigenda abona umuntu wavutse ari impumyi. Abigishwa baramubaza bat!" Mwigisha, ni nde wakoze icyaha ni uyu cyangwa ni ababyeyi be ko yavutse ari impumyi?" Yesu aramasubiza ati" Uyu nta cyaha yakoze cyangwa ababyeyi be, ahubwo ni ukugira ngo imrimo y'lmana yerekadirwe muri we. Nkwiriye gukora imrimo y'uwantumye hakiri kare ku manywa, bugiye kwira ni igihe umuntu atakibasha gukora. Nkiri mu isi ndi umucyo w'isi."

Amaze kuvuga atyo acira amacandwe hasi, ayatobesha akondo akamusiga ku maso, aramubwira ati" Genda wiuhagire mu kidendezi cy'i Silowamu", (hasobanurwa ngo"Yaratumwe"). Nuko aragenda ariuhagira agaruka yahumutse.

Abaturanyi be n'abamubonaga kera ahora asabiriza barabazanya bat!" Uyu si we wicaraga asabiriza?" Bamwe batu ni we." Abandi batu "si we, icyakora asa na we." Na we aramasubiza ati" Ni njye."

Baramubaza batu" Mbese wahumutse ute?" Aramasubiza ati "Wa muntu witwa Yesu yatobye akondo, akansiga ku maso arambwira ati" Jya I Silowamu wiuhagire." Nuko ndagenda ndiyuhagira ndahumuka." Baramubaza batu "Ari hehe?" Ati simbizi."

Uwari impumyi bamushyira Abafarisayo. Kandi ubwo hari ku munsi w'isabato, uwo Yesu yatobeyemo akondo akamuhumura. Nuko Abafarisayo na bo bongera kumubaza uko yahumutse. Arababwira ati "Yansize akondo ku maso, ndiyuhagira ndahumuka."

Bamwe mu Bafarisayo baravuga batu" Uwo muntu si uw'lmana kuko ataziririza isabato." Abandi batu "Umunyabyaha yabasha ate gukora ibimenyetso bingana bityo?" Baramupfa.

Nuko bongera kubaza uwari impumyi batu "Kubwawe umuvugaho iki ubwo yaguhumuye?" Ati "Ni umuhanuzi." Ariko Abayuda ntibemera yuko yari impumyi agahumuka, kugeza aho bamariye guhamagara ababyeyi b'uwalumutse.

Barababaza batu "Uyu ni umwana wanyu muvuga ko yavutse ari impumyi. None yahumuwe n'iki?"

Ababyeyi barabasubiza batu "Tuzi yuko uyu ari umwana wacu, kandi yavutse ari impumyi. None arareba ariko igituma areba ntitukizi, kandi n'uwamuhumuye ntitumuzi. Nimumwibarize namwe, ni umugabo mukuru arivugira."

Icyatumye ababyeyi be bavuga batyo ni uko batinyaga Abayuda, kuko Abayuda bari bamaze guhuza inama, yuko umuntu wese uzerura Yesu ko ari Kristo acibwa mu isinagogi. Ni cyo cyatumye ababyeyi bavuga batu "Ni umugabo mukuru nimumwibarize."

Nuko rero uwari impumyi bamuhumagara ubwa kabiri, baramubwira batu "Shima lmana, twebwe tuzi yuko uwo muntu ari umunyabyaha." Nawe aramasubiza ati "Niba ari umunyabyaha simbizi, icyo nzi ni kimwe, ni uko nari impumyi none nkaba ndeba."

### Ukubara Inkuru Yawe

Igitekerezo cy' "Ukubara Inkuru Yawe" gishobora kudashimishaho gato. Kubera wenda uftite ubwoba bwo kubinaniwa cyangwa se ko udashaka kuvuga. Niyo mpamvu nashyize aka gace hamwe n'" Igihe cy'Inkuru". Buri wese afite icyo yavuga, noneho kwiga uko wabara inkuru yawe bishobora kuba ariyo byazana Inkuru Nziza ya Yesu mu buzima bw'undi muntu.

### None....ni iyihe nkuru ufite/ ubuhamya bwawe?

Niba wari uwo kubazwa icyo kibazo, igisubizo cyawe cyaba ikihe? " ....Byiza.....ntabwo ntekereza ko mfite byinshi byo kuvuga." ...." Ndatekereza mfite inkuru, ariko ntabwo ishamaje cyane." Ni ibisanze kubyumva muri ubwo buryo ariko siko kuri. Twese dufite inkuru twihariye, idasanzwe, isobanutse yo kuvuga bidahuye n'iby'undi, Niba warahuye na Yesu, ufite icyo kuvuga.

Wenda wamaze kubimenya neza. Wenda uracyakeneye kubinoza neza. Wenda mu buryo bw'inyandiko no gusangiza abandi inkuru yawe bishobora kuba ari iyibutsa rikomeye ry'uko Imana igukorera byinshi mu buzima bwawe. Bishobora gutanga ubuhamya bufite imbaraga kubabwumva - cyane cyane ku musore wawe cyangwa se umukobwa wawe!

Iyo niyo ntego yo gusangiza abandi inkuru yawe - kubabwira imbaraga z'impinduka Kristo yagize mu buzima bwawe. Mu gihe usangiza abandi inkuru yawe, uba urimo uvuga Inkuru Nziza / Ivanjili, Inkuru Nziza yagezwaho kandi ifatika mu buzima bwawe.

Noneho, turatangiye...

Niba utarigeze utekereza cyane uko wabwira undi inkuru, cyangwa se ufite ubunararibonye bukomeye bywo kwandika inkuru yawe ku rupapuro, hano hari bimwe mu bitekerezo byo gushyira hamwe inkuru yawe.

### Guhinduka

Niba wibuka igihe nyacyo , ahantu, n'igikorwa wakiriyemo Yesu Kristo mu buzima bwawe, noneho " kwiwinira" nibyo bibereye. Iyo kwiwinira bijyanye, gerageza guhuza inkuru yawe n'ibi bibazo:

- Ubuzima bwawe bwari bumeze bute mbere y'uko utumira Yesu mu buzima bwawe?
- Ni iki cyatumye ( Ibikorwa, kuganira, n'ibindi) wemera kwakira Yesu nk'Umukiza wawe?
- Ni gute kandi ryari wakiriyem Yesu nk'Umukiza wawe? Nk'Uwiteka?
- Ni buryo ki Yesu yahinduye ubuzima bwawe?

### Urugendo

Niba ukwemera kwawe kumeze nk'urugendo, wenda " Urugendo rwo mu Mwuka" nirwo rubereye. Gerageza n'ibi bibazo.

- Ni ibihe bintu shingirwaho Imana yakoreyemo mu buzima bwawe?
- Ni ubuhe bunararibonye, ibihe cyangwa se abantu byagufashije gukuza Ukwizera kwawe muri Kristo?
- Ni gute ubuzima bwawe bwaba udafite Kristo? (urugero: imibereho, imyitwarire, uguhitamo, imibanire, n'ibindi)

### Gusangiza Inkuru Nziza binyuze mu Nkuru Yawe

"**Kuko muri Kristo arimo Imana yiyungiye n'abari mu isi"(2 Abakorinto 5:19).**

Inkuru Nziza / Ivanjili ni inkuru ya Yesu. Inkuru ya Yesu ni igice kinini mu Byanditswe, uhoreye ku iremwa, ugaca mu kugwa, ukagera mu kurokorwa Yesu yazanye. Iyo ni inkuru ndende, ariko ikibanda ku ntero imwe uzasanga muri iyo nkuru ariyo " **Ubwiyunge!** Uburyo bumwe bukomeye bwo gusangiza abandi Inkuru ya Yesu Kristo ni ukuyihuza n'inkuru yawe bwite.

Gerageza gushyira ibi bibazo mu nkuru yawe:

### Iremwa

Wumva gute Intego y'Imana mu irema?

"...ko duhinduka abana bayo,tubihejwe na Yesu Kristo" (Abefeso 1:5).

Wumva gute intego yawe y'ubuzima?

**" Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutma wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, ubwenge bwawe bwose...Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda" (Matayo 22: 37-39)**

Ukugwa

Ni gute waguye mu cyaha mu buzima bwawe?

**"Nimunkunda muzitondera amategeko yanje" (Yohana 14:15)**

Ni izihe ngaruka z'icyo cyaha?

**" Ahubwo gukiranirwa kwanyu niko kwabatandukanyije n'Imana yanyu" ( Yesaya 59:2)**

Gutabarwa

Ni gute waje gushyira ukwizera kwave muri Yesu Kristo ( igisubizo)?

**"Mwakijijwe n'ubuntu kubwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe, ahubwo n'impano y'Imana, ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira." ( Abefeso 2:8-9)**

Ni gute waje kwiyunga n'Imana ( Byabyaye iki)?

**" ...ahubwo twishimira Imana ku bw'Umwami wacu Yesu Kristo ukiduhesha kuzura na yo na buggingo n'ubu" ( Abaroma 5:11).**

Ni uruhe ruhare rw'itorero cyangwa abandi bagize kuri wowe?

**"Nuko rero muri umubiri wa Kristo, kandi umuntu wese wo muri mwe ni urugingo rwawo." ( 1 Abakorinto 12:27).**

Gushyira hamwe inkuru yawe

- Ni izihe ngingo z'ingenzi mu nkuru yawe zashishikaza undi wese?
- Ni iyihе mirongo yo muri Bibiliya wakwifashisha ku bibazo byo mu kanya kashize?
- Ni ubuhe bunararibonye wakwifashisha nk'imfashanyigisho mu kugufasha kubara inkuru yawe?
- Andika inkuru yawe nk'aho warimo uvugana n'undi muntu
- Inkuru yawe ibe hagati yiminota 3 - 5.

Igihe cy'inkuru mu gihe cyo kwiga Bibiliya

Ni uruhe ruhare rw'itorero cyangwa abandi bagize kuri wowe? Bamwe muba Papa n'abana bato bo mu itsinda ryanyu bazashaka gutanga ubuhamya. Abandi bazumva batiteguye. Ibyo ni byiza. Mbere y'uko utanga iri somo, byaba byiza ko ubitangaza mbere ho icyumweru ko iri somo ariko rizagenda. Nanone byaba byiza kubwira itsinda ko uzabafasha nta gihembo kuyobora, cyangwa se ko hari umupapa cyangwa umwana umwe cyangwa babiri wumva yazayobora kandi bakabyemera.

Wakagombye kubikora mu isomo ry'umunsi umwe cyangwa se myinshi, ariko nta gihe gihagije cyo kurenza inshuro imwe cyangwa ebyiri. Ndagushishikariza guteganya umwanya uhagije wo guha abashaka gutanga ubuhamya bwabo kugira ngo babikore. Urupapuro rwo gukoreraho rw'iri somo ridasanze ruboneka mu gace ko Gusesengura Bibiliya ka Practice Ministries Leader's Guide.